Africa Outreach

INYANDIKO YO KWIGISHIRIZAMO

KUMVA BIBILIYA NK'INKURU IMWE IYIGIGIZE.

(Kinyarwanda)

INYANDIKO Z'INYIGIGISHO

Izi nyandiko z'inyigisho zizatanga ubumenyi bufatika kubijyanye n'inkuru (amateka)ya Bibiliya kubanyeshuri b'imyaka iriyariyo yose,izo nkuru zitangirira mu Itangiriro zikarangirira mu Ibyahishuwe..
Ayamasomo agomba kwigishwa hakurikijwe uko yateguwe kandi agomba gusubirwamo uko imyaka ikurikirana.

Inkuru zose zo muri Bibiliya ziteguye mucyamake kuruburyo:

- Imana data, Umwana n'Umwuka wera barema isi yuzuye. Itang.iriro 1:31
- Umuntu wese yatundukanyijwe n'Imana kubera igikorwa cyo kwigomeka cyitwa "Icyaha"ajya munsi y'ubutware bwa Satani bityo akaba arindiriye igihano cyo gutabwa mu itanura ry'umuriro.Itangiriro 2:15-17;Abaroma 5:12;Ibyah.21:8.
- Imana isezeranya kohereza umucunguzi mugukiza umuntu mubutware bwa Satani no kuboneza inzira yokugarukira Imana mukwemera igihano cy'ibyaha. Itang.3:15, 1Yoh.3:8;Abakol. l:21-22.
- Imana itoranya ubwoko, Isirayeli kugirango Umucunguzi azavukire muri ubwo bwoko.Itang. 12:2-3.
- Imana itangira gushiraho amategeko n'agahunda y'ibitambo kugirango atuyobore kugeza kumucunguzi.Abagal. 3:24-25;Abah.10: 8 - 10.
- Umukiza, Imana Umwana yinjiramw'isi nkumuntu witwa Yesu.Mt. 1:23-25.
- Virgin Birth ,sinless life etc……
- Yesu abambwa yishyuye ikiguzi cy'icyaha cy'umuntu murupfurwe..Yoh.1:29,Abah.9:28.
- Yesu ahambwa ariko azuka k'umunsi wa gatatu, kandi atsinda Satani, ibyaha, n'urupfu.Luka 24:46.
- Umuntu yiyunze n'Imana ahabwa ubugingo buhoraho, binyuze munzira yo kwizera Yesu Kristo.Umujinya w'Imana uri kubahakana ibikorwa bya Yesu bazahabwa igihano cyo gutabwa mu itanura ry'umuriro.Yoh.3:36.
- Yesu asubira mu Ijuru Imana Umwuka wera azana imbaraga kubizera Yesu Kristo bose nkumukiza wabo Ibyak. 1:8-9.
- Abizera bose, itorero, bahabwa ubushobozi bwo kwamamaza inkuru nziza ya Yesu Kristo ku isi kugeza Yesu Kristo agarutse ubwakabiri mugihe kizaza.Mt. 28:18-20. Abah 9: 28b
- Ubutumwa buheruka mu ibyahishuwe buvuga ku imperuka y'ikigihe, n'ubwami bw'Imana bw'igihe kizaza.Ibyah.21:1-4.

Uburenganzira bwo gukoresha iyi nyandiko buhawe New Tribes Mission Illustrations and Pictures

Africa Outreach

Inyandiko zo kwigishrizamo

Zanditswe
na

Africa Outreach

Africa Outreach agasanduku k'iposita 56 White River, Afrika y'Epfo 1240
Cell +27824171633; +2782372564
E-mail: admin@africaoutreach.co.za

IBIRIMO

Isomo rya 1	**Imana ninde?** *Ubutatu*
Isomo rya 2	**Itangiriro rya bibiliya** *Umuhanuzi yandika ijambo ry'Imana*
Isomo rya 3	**Inkuru yuzuye ya bibiliya** *Ubugari bw'inkuru(amateka)*
Isomo rya 4	**Satani nindie?**
Isomo rya 5	**Imana irema isi**
Isomo rya 6	**Imana irema ibimera n'ibiti**
Isomo rya 7	**Imana irema izuba ukwezi n'inyenyeri**
Isomo rya 8	**Imana irema ibiguruka mukirere, amafi ni inyamanswa** *Ubusitani bwa edeni*
Isomo rya 9	**Imana irema ikiremwa cy'ihariye umuntu** *Adamu na eva m'ubusitani bwa Edeni*
Isomo rya 10	**Amabwiriza y'Imana kuri Adamu**
Isomo rya 11	**Adamu na Eva bica amabwiriza y'Imana**
Isomo rya 12	**Bose bakoze ibyaha kandi batandukanyijwe n'Imana** *Abantu bose bavuka ari abanyabyaha*

Isomo rya 13 **Imana isezeranya umucunguzi kugirango akureho ubuyobozi bwa satani**
Ikarita y'isi

Isomo rya 14 **Ishusho ya mbere y'umucunguzi**
Adamu na eva bagerageza kwihisha Imana
Adamu na eva bava muri edeni
Kaini na abeli batanga ibitambo byabo ku Imana.

Isomo rya 15 **Nowa n'inkuge**
Nowa n'urubyaro rwe bashimira bashimira Imana

Isomo rya 16 **Isaka iburahamu na**
Imana ironkera iburahimu igitambo cy'isekurume y'intama

Isomo rya 17 **Imana yubaka umuryango wayo kandi ihamagara mose**
Abisirayeli bakora imirimo y'uburetwa, uruhinja mose atoragurwa n'umukobwa wa farao
Imana ivuganira na mose mugihuru cyaka umuriro

Isomo rya 18 **Imana yigaragaza mu mbaraga zayo**
Abisirayeli bashira amaraso ku ibizingiti by'imiryango yabo.umwana w'imfura wa Farao arapfa.

Isomo rya 19	**Imana igoboka abisraeli mu butayu** *Imana igibanyamo amazi ibyokurya byo mu ijuru.*
Isomo rya 20	**Imana iha Mose amategeko**
Isomo rya 21	**Imana iha mose gahunda (umurongo ngenderwaho) yo mwihema ry'Imana** *Ibyo mw'ihema ry'ibonaniro*
Isomo rya 22	**Imyiteguro y'umucunguzi** *Urusengero rwa salomo* *Ninde mucunguzi?*
Isomo rya 23	**Umwana w'intama w'Imana** *nguyu umwana w'intama w'Imana*
Isomo rya 24	**Yesu ninde?** *Malayika abwira Mariya.* *Yesu avuga*
Isomo rya 25	**Yesu akura** *Malayika abwira abungeri*
Isomo rya 26	**Abungeri bazana amaturo Ku Mana**
Isomo rya 27	**Impano iruta izindi kuri bose** *Umwuka wera ni nde?*
Isomo rya 28	**Yesu ageragezwa na satani** *Yesu ageragezwa na satani*
Isomo rya 29	**Yesu ahaza abantu 5000** *Yesu ahaza abantu 5000*
Isomo rya 30	**Yesu ababarira umuntu ibyaha bye** *Yesu ababarira umuntu ibyaha bye*

Isomo rya 31	**Mugomba kuvuka bundi bushya** *Yesu avugana na nikodemu*
Isomo rya 32	**Gehinomu cyangwa Ijuru?** *Gehinomu cyangwa Ijuru?*
Isomo rya 33	**Yesu ashobora kugufasha** *Yesu akiza uwarutewe n'abadayimoni*
Isomo rya 34	**Yesu afite ubushobozi ku muraba**
Isomo rya 35	**Imana ikunda abana** *Imana ikunda abana*
Isomo rya 36	**Yesu atwigisha uburyo bwo gusenga**
Isomo rya 37	**Ukuri kuri VIH SIDA** *Igice cya mbere*
Isomo rya 38	**Ukuri kuri VIH SIDA** Igice cya kabiri
Isomo rya 39	**Hatariho Yesu ntitwanezeza Imana**
Isomo rya 40	**Tugomba gukundana**
Isomo rya 41	**Yesu, umwana w'Imana w'ukuri wa pasika** *Yesu yizihiza pasika*

Isomo rya 42	**Agaciro ko gukurikira Yesu** *Yesu asengera mugashamba ka Getsemani* *Yuda agambanira Yesu*
Isomo rya 43	**Byose birarangiye**. Yesu ashinyagurirwa Yesu abambwa
Isomo rya 44	**Ni muzima** *Ntabwo arihano yazutse* *Yesu abonekera abigishwa* *Yesu asubira mw'ijuru.*
Isomo rya 45	**kuza k'Umwuka wera** *Kuza ku Umwuka wera* *Umunsi wa pentekote*
Isomo rya 46	**Umwuka wera n'umufasha wacu**
Isomo rya 47	**Musabe Imana ibuzuze imbaraga zayo**
Isomo rya 48	**Tanga umugisha, uhabwe undi** *Uburyo bw'ivumburamatsiko wigisha gufata mumutwe.*

Urutonde rw'imirongo yo kwiyibutsa

Ibirikurupapuro Rwa nyuma.

Inkuru z'ubutumwa bwiza

ISOMO RYA 1

IMANA NINDE?

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Ningombwa ko abanyeshuri bumva ububasha no kwera kw'Imana .Ntanumwe ukomeye cyangwa w'ingira kamaro kuruta Imana. Kugirango habeho kubaha Imana, abantu bagomba kumenya Imana iyariyo.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Yesaya 43:10-11
Yesaya 55:8-9
Abaheburayo 1:10-12
Ibyahish 1:8
Yohana 4:24
1Yohana 4:16
1 Samweli 2:2
Matayo 10: 30
Matayo 28:17-20
Abaheburayo 4:13

Igisha abanyeshuri iki gice

- Imana ni inyembaraga, umuremyi w'ijuru n'isi
- Yabayeho mbere yo kuremwa kw'isi kandi ntizagira iherezo.
- Imana n'isumba byose kandi n'ingira akamaro kuruta ibindi byose.
- Imana n'inyabubasha bw'ikirenga.
- Imana ifite umubiri nku uwabantu, Imana ni Umwuka, ntidushobora kuyibonesha amaso y'umubiri.
- Imana ntikenera kurya, kuryama, cyangwa kwambara imyenda n'ibindi.
- Imana ntacyo ikeneye kugirango ibeho.
- Imana izi byose kandi iri hose mumwanya umwe.
- Ntanakimwe ihishwa.
- Imana izi ibyo dukora byose, ibyo dutekereza n'ibyo tuvuga.
- Imana izi umubare w'umusatsi uri kumitwe yacu.
- Imana iadukunda cyane, birenze uko imiryango yacu idukunda ndetse ni inshuti zacu. Imana ni urukundo.
- Imana ntihinduka. Ni iyo kwizerwa mubyo ivuga nibyo ikora.

- Imana ni iyera kandi irakiranuka ibyo bisobanura ko nta cyaha na kimwe cyangwa ikibi kiba muriyo. Kandi iba kure y'icyaha cyose.
- Imana ivugana n'umuntu kugeza ubu munzira zitandukanye, ariko uburyo nyabwo Imana yigaragarizamo umuntu ni mu ijambo ryayo, Bibiriya.
- Hariho Imana imwe ariko iri mubutatu bw'Imana bungana.

<u>Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.</u>
<u>Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko</u>

Itangiriro 1:1

Ibibazo byo gusubiramo

1. Ninde wariho mbere yo kuremwa kw'isi?	Imana
2. Ninde ufite ububasha busumba abisi?	Imana
3. Imana irihe?	Hose
4. Ninde uzi byose kuritwe nkandi akaba adukunda kurusha abandi bose?	Imana
5. Imana ni iyera ibyo bisobanura iki?	Imana iba kure n'icyaha.
6. Habaho Imana imwe cyangwa ibigirwamana 3?	Habaho Imana imwe gusa.

IMA NA

UMWANA = IMANA

UMWUKA WERA

UBUTATU

ISOMO RYA 2

Itangiriro rya Bibiliya

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Umwalimu yereka abanyeshuri Bibiliya igihe yigisha irisomo, arayibumbura akayibereka, akabereka ibice biyigize n'imirongo, abemerera kuyibumbura ashobora kubaza umunyeshuri umurongo azi mu mutwe akawusoma kw'ijwi rirerire.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu agomba kwiga mbere yogutanga isomo.
2 Petero 1:19-21; 2 Timoteyo 3:16; Abaheburayo 1:1-2

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Igisha abanyeshuri iki gice

- **Imana** ishobora kuvugana natwe mu iyerekwa, mu nzozi, ariko ukuri kwayo kuba mw'ijambo ryayo (Bibiliya)
- Bibiliya ni ubutumwa bwihariye bw'Imana ku abatuye isi yose.
- Ni nkurwandiko rwanditswe n'Imana kuritwe.
- Bibiliya yose ntabwo yanditswe igihe kimwe .
- Imana yakoresheje abantu barenga 40 batandukanye bita abahanuzi kugirango bandike ijambo ryayo.
- Imana yakoresheje umuhanuzi Mose mukwandika ibitabo bitanu (5) bya mbere bya Bibiliya.
- Imana yahaye abahanuzi ijambo ryayo mubihe bitandukanye birenga imyaka 1600.
- Ijambo ryayo ryarahishuwe (rirandikwa ryarahumetswe) kuva kurubyaro no kurundi kugeza na nubu. dufite ijambo ry'Imana ryuzuye ariryo Bibiliya.
- Bibiliya yigabanijemo ibice bibiri aribyo: Isezerano rya kera ni Isezerano rishya.
- Isezerano rishya ryanditswe nyuma yi ivuka rya Yesu.
- Hariho ibitabo 66 bya Bibiliya. Ariko amateka n'amwe kuva mu itangiriro kugeza mu ibyahishuwe.

- Buri gitabo kigabanijwe ibice n'imirongo kugirango byorohereze ababisoma.
- Imana ni umwanditsi wa Bibiliya .
- Dushobora kwemera neza ko ibyanditswe ari ukuri kandi bidahinduka
- Bibiliya ni igitabo cy'ingirakamaro dushobora gusoma .

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Matayo 24 :35

Ibibazo byo gusubiramo .

1. **Nig**ute Imana ivugana natwe? Mwi ijambo ryayo (Bibiliya).

2. Bibiliya yandikiwe bande ? Abatuye isi Bose .

3. Bibiliya ni amateka atangirwa na … Agahekwa na … Itangiriro/ Ibyahishuwe .

4. Bibiliya igizwe n'itabo bingahe ? 66

5. Ninde mwanditsi wa Bibiliya ? Imana .

6. Dushobora kwizera ibyo Bibiliya ivuga? Yego kubera ko Imana ariyo Mwanditsi wayo kandi ko . Idashobora kubesha.

ISOMO RYA 3

INKURU YUZUYE YA BIBILIYA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana :Mwalimu agomba gusomera abanyeshuri `iri somo nkamateka, akabasobanurira ko baziga ayo mateka kuburyo bunonosoye mumasomo azakurikira, kandi ko bagomba kwitabira buri somo.

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Igisha abanyeshuri iki gice

Isezerano rya kera

- Mbere na mbere Imana, Umwana n'Umwuka wera isi yuzuye.
- Ntarupfu nta ndwara, nta muruho, nta mavunane, ntamifatangwe, nta kibi cyari gihari.
- Ikiremwa kihariye cy'Imana, Adamu ahitamo kutubaha amabwiriza yahwe n'Imana amaze kwoshwa na Lusiferi (Satani) marayika waciwe wanga Imana n'umuntu.
- Uko kutubaha kwatumye habaho itandukaniro ry'umuntu n'Imana.
- Adamu ntabwo akiri umwana w'Imana; kuko yari mu butegetsi bwa Satani (munsi y'ubutegetsi bwa Satani).
- Kubera icyaha cy'Adamu urupfu, indwara, imiruho, amavunane, imifatangwe, ibibi byose byatangiye kubaho ku isi.
- Abantu bose, harimo urubyaro rwanyuma ya Adamu bose bavukanye ibyaha byinkomoko kandi batandukanyijwe n'Imana.
- Icyo cyaha cyagombaga guhanwa.
- Kubw'ubuntu , imbabazi n'urukundo by'Imana ku umuntu , Imana yasezeranije umuntu kumwohererezа umucunguzi uzamubohora mungoyi za Satani kugirango yikorere intimba z'ibyaha anyuze mu muntu (munzira z'imiryango y'abantu)
- Mubihe bikurikirana Imana yashizeho ubwoko bukomotse muri Aburahamu, Isaka na Yakobo. Abahe amategeko, abayobo0ra mugihugu yabaseranije ubu cyitwa Isiraheri.
- Umucunguzi yavutse mu muryango ukomoka kuri Aburahamu.

ISEZERANO RISHYA

- Hanyuma Imana umwana aza mw'isi afite ishusho y'umuntu witwa Yesu.
- Ni umucunguzi wari warahanuwe kuva kera.
- Ivuka rye kumukobwa w'isugi, ubuzima buzira icyaha, inyigisho ze n'ibitangaza byerekanaga ko ari umwana w'Imana.
- Kubera ko Imana ari iyera kandi ukuri icyaha cyagombaga guhanishwa urupfu.
- Yesu yikoreye icyaha cya Adamu n'icyabisi bose mugihe yabambwaga kumusaraba afite imyaka 33.
- Ikiguzi cy'icyaha cy'umuntu cyishuwe n'Imana Umwana.
- Yesu yarahambwe kandi azuka mubapfuye (avuye mumva) nyuma y'iminsi itatu yiyereka abantu benshi.
- Nyuma y'iminsi 40 asubira mwijuru kandi asezeranya abigishwa be ko Imana Umwuka azabana n'abamwizera bose nk'umukiza
- Ubutegetsi bwa Satani (ingoyi za Satani) ku ubuzima bw'uwizera bwaseranywe kandi ubwiyunge ku muryango w'Imana bwaremewe kubera uru rwa Yesu kumusaraba.
- Yesu azagaruka ku isi umunsi umwe mubihe bizaza kandi Satani n'abadayimoni n'abantu bose batemeye Yesu nkumukiza wabo bazatabwa mu itanure ry'umuriro iteka ryose.
- Abizeye Yesu bose bazabaho barikumwe nawe itaka ryose ahatazaba urupfu ukundi, indwara, umuruho, gusuhuza umutima kuberako isi yambere izaba yavuyeho.

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Ibyahishuwe 21:5

Ibibazo byo gusubiramo

Ntabibazo kuri iri somo

DATA UMWANA UMWUKA WERA

↓

Ikiremwa

?? Imyaka yambere mbere ya Yesu Kristo Adamu na Eva (Imana ibasezeranya Umukiza)

↓

Kaini na Abeli (igitambo cy'Abeli cyemrwa n'Imana)

↓

Nowa (umwuzure no gusenyuka kw'ibinyabuzima byose)

↓

Imyaka 2000 M.K. Aburahamu (Imana yibutsa isezerano (umukiza))

↓

Isaka (Isaka akizwa n'Imana)

↓

Yakobo (wiswe <isarayeri > n'Imana)

↓

Abahungu 12 (bahinduka imiryango 12 ya Isirayeri)

↓

Imyaka 1500 M.K. Mose acungura abisirayeri mu igiputa

↓

Yoshuwa (ayobora ubwoko bwa Isirayeri mu igihugu cy'isezerano)

↓

Abacamanza (bategeka Isirayeri byibura imyaka 400)

↓

Imyaka 1000 M.K. Abami n'abahanuzi (bayobora Isirayeri mu kumvira)

↓

Byubura umwa 1 M. K. Yohana umubatiza (atunganya inzira y'umukiza)

↓

Kuvuka kwa Yesu kristo (Umukiza)

↓

Mu mwaka wa 33 wa Yesu Kristo abambwa

Inkurikiranya bihe

SOMO RYA 4

SATANI NINDE?

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Abantu benshi bagira ubwoba bwa Satani n'abadayimoni.Tugomba kumvisha abanyeshuri ko Imana ari inyembaraga kandi ariyo nkuru kuri Satani.Imana ifite ububasha kubintu byose harimo n'imbaraga z'ibibi.

Imirongo yingirakamaro yi somo, mwalimu agomba kwicengezamo kugirango yibutse abanyeshuri imbaraga z'Imana.

Imirongo y'ibyanditswe Mwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo.

Yobu 38:4-7
Zaburi: 103:20-21
Yesaya 14:12-14
Ibyahishuwe 5:11
2 Abakorinto 11:14
Luka 10:17-20
Yohana 8:44
Yobu 1:6-7
Ezekieli 28:14-15
Abakolosayi 1:16
Ibyahishuwe 20:10
1 Petero 5:8
Ibyahishuwe 12:7-9

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli Ntabyo

Igisha abanyeshuri iki gice

- Mbere yuko Imana irema isi yaremye imyuka yitwa abamalaika.
- Imyuka ntigira umubiri nkuwo dufite, rimwe narimwe ifata ishusho y'umubiri iyo ikoreshwa n'Imana cyangwa Satani
- Imana yayiremye yose kuburyo bw'uzuye kandi bwiza.
- Imana yayiremye kugirango bayibere abakozi.
- Lusifero yari malaika wihariye, yarimwiza kuburanga, umunyabwenge kandi ukomeye.
- Yari yarahawe ubushobozi n'ububasha kubandi bamalaika bose.
- Lusiferi aba umwibone mu mutima we, ashaka kuresha n'Imana.
- Imana ntabwo yagombaga kwemera icyo gikorwa ijugunya Lusiferi (Satani) n'abamariyika benshi (abadayimoni) bari bamuyobotse, ibajugunya kwisi aho bari kugeza ubu.
- Satani n'umwanzi w'Imana, yanga Imana n'umuntu n'ibyiza.

- Ni umushukanyi, umubeshyi, kandi n'umwicanyi.
- Imana nkinyembaraga n'ubushobozi yateguriye Satani n'abadayimoni ifasi yo kuzahanirwamo.
- Satani n'adayimoni bazatabwa mu muriro w'intazima, aho bazahira iteka ryose .Satani irabizi, ashaka kuyobya abantu kugirango bamukurikire kugirango bazahanirwe hamwe nawe.

<u>Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.</u>
<u>Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko</u>
Yeremiya 10 :6

Ibibazo byo gusubiramo

1. Ni iki Imana yaremye mbere yo Kuremwa ku isi?	Ni Abamarayika.
2. Ninde wari ushinzwe abamarayika Bose?	Ni umumarayika witwa Rusuferi.
3. Ni iki Rusuferi yagambiriye gukora?	Yagambiriye gufata umwanya W'Imana kugirango abe Umuremyi w'ibyaremwe byose
4. Ni iki Imana yakoze kuri Rusuferi ?	Yamujugunye mw'Isi
5. Nihe Satani azajya hamwe N'abambari be ?	Bazajugunywa mu itanura ry' umuriro w'Intazima
6. Ninde ufite imbaraga Imana na Satani ?	Ni Imana

ISOMO RYA 5

IMANA IREMA ISI

Ibyo Mwalimu agomba kuzirikana: Amateka yo kuremwa yerekana imbaraga z'Imana . Imbaraga z'Imana ziwshobora kurema isi zihereye kubusa. Mwalimu agomba kumvisha abanyeshuri ubugari bw'imbaraga z'Imana , ubwenge bwayo n'uko yuzuye urukundo . Imana yaremye isi n'ibyiringiro byose kugirango abantu bayituremo .

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 1:1-10	Zaburi 95:3-5
Zaburi 19: 1-5	Yeremiya 32: 17
Yesaya 44: 24	Yesaya 40:28
Abaheburayo 11:3	Abakolosayi 1:16

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize kubanyeshuri

Igisha abanyeshuri iki gice.

- Imana yabanje kurema isi itaboneka, nyuma irema isi dushobora kubona.
- Mbere, ntakintu na kimwe cyariho, isi, inyanja, ijjuru , inyenyeri, izuba , ibiguruka, ibimera, abantu, ntanakimwe cyari gihari.
- Imana yaremye byose ihereye kubusa busa.
- Isi yari yubikiriwe n'umwijima n'amazi.
- Imana iravuga iti<nihabeho umuco > umuco ubaho! Uwo muco ntabwo wari uturutse ku izuba ryagomba kuremwa ku mnsi wakane uwo muco wavaga ku Mana yonyine.
- Imana irema ijuru ihashira igice kimwe cyamazi yo kw'isi kugirango habeho imvura, ikindi gice cy'amazi nkimigezi, n'inyanja.
- Imana ishira amazi yose yo kwisi mu ifasi imwe ahumutse ihta (ubutaka) isi.

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Yeremiya 32:17

Ibibazo byo gusubiramo

1) Ninde wari uriho mbere na mbere?	Nta we uretse Imana
2) Ni iki cyari cyubikiriye isi mbere ?	Umwijima n'amazi
3) Ni ryari Imana yaremye izuba ?	Ku munsi wa Kane (4)
4) Umuco wavaga heh ?	Ku mana yonyine
5) Ni hehe Imana ya kusanyirije amazi?	Yashize igice kimwe cy'amazi y'imvura hejuru Ikindi gice cy'imvura igishira ku isi igikusanyi Riza mu migezi n'inyanja.
6) Mushobora kurema ikintu icyo Aricyo cyose muhereye kubusa?	Oya keretse Imana yo yabishobora.

ISOMO RYA 6

Imana irema ibiremwa n'ibiti

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : Kwegeranya amababi, indabo , imbuto , ishyaka kugirango wereke abanyeshuri imiterere yaburi kintu no kwitegreza ibimera n'ibiti bitandukanye no kumva uburyohe bw'imbuto z'itandukanya?? Imboga rwatsi n'indabo. Kugirango babashe gutekereza itandukaniro ry'ibyavuzwe haruguru n'ubwiza bw'isi Imana yabahaye.

Imirongo y'ibyanditswe Mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo.

Itangiriro1:11-13 Zaburi 24:1-2
Zaburi 104 1 Timoteyo 6:17

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

---

Igisha abanyeshuri iki gice

- Kuri iyisi (kubutaka) Imana yaremye, yashizeho ibiti n'indabo kugirango bikure byororoke bitange ingemwe kugirango bigwirire bibe byinshi.
- Urugemwe rw'indimu nirwo ruvamo igiti cy'indimu, icyo giti cy'indimu kibagifite imbuto y'indimu muri cyo.Urugemwe rw'ipapaye nirwo ruvamo igiti cy'ipapaye, icyo giti cy'ipapaye kiba gifite imbuto y'ipapaye muri cyo.
- Imana yaduhaye ibimera n'ibiti kubera :
  - Ibyokurya
  - Ubwugamo
  - Inkwi
  - Imyambaro
  - N'indabyo kugirango ziduhumurire neza
- Imana y'ita ku ibyifuzo byacu kubera ko idukunda

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Abaheburayo 11:3

Ibibazo byo gusubiramo

1) Ni iki Imana yashize kubutaka kugirango gikure?	Ibiti, ibimera n'indabyo
2) Nteye urugemwe rw'indimu nii kizakura?	Igiti cy'indimu
3) Tanga ingero eshanu z'ibimera biribwa?	Indimu, ibishyimbo bityo, bityo.
4) Niki ibiti bidufashamo?	Umuriro, ibikoresho byo munzu, kubaka.amazu n'ibindi
5) Ipamba rivahe?	Mugihingwa cy'ipamba
6) Kuki Imana yahaye ibyo byose gukura kw'isi?	kubera ko idukunda kandi yitaye kubyifuzo byacu

ISOMO RYA 7

Imana irema Izuba Ukwezi n'inyenyeri

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana:Tanga urubuga kubanyeshuri kugirango baganire cyane kunyenyeri babona n'ijoro, kuvuga ku ibishushanyo mbonera bitandukanyo by'ukwezi n'ishusho y'izuba mgitondo n'umugoroba. Kumvisa abanyeshuri ubwiza bw'isi Imana yabahaye n'uburyo Imana ibihitaho.
Bashobora kumenya ko hariho Imana rurema mugihe bareba isi ibizengurutse.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 1:14-19	Zaburi 33:6-9
Yesaya 40: 26	Abaroma 1:20

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Igisha abanyeshuri iki gice

- Imana yaremye urugemwe ruto ariko kandi yaremye ikintu kinini nki izuba, ukwezi, na za miliyoni z'inyenyeri zitabashika kubarika.
- Zimwe munyenyeri zirikure cyane kuburyo tutashobora no kuzireba.
- Imana yaduhaye izuba kugirango ritumurikire riduhe umucyo ndetse n'ubushyuhe kumanywa kandi yashizeho ukwezi n'inyenyeri kugirango bitumurikire n'ijoro. Tekereza uko umwijima wari kungana iyo hatajya kuba ukwezi n'inyenyeri.
- Imana n'Imana ya gahunda. Tuyibona buri munsi, nk'izuba rurashe mugitondo na ni mugoroba rirenze.
- Ibihe bine by'Umwuka biza burikimwe mugihe cyaco kandi bikagenda buri kimwe mugihe cyaco.
- Ubugari b'Imana bushobora kubonekera mubyo yaremye ku isi yose. Ahantu hose uhasanga ibyo Imana yaremye.

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
Yesaya 6:3 (b. yayo)

Ibibazo byisubiramo

1) Ni iki Imana yashizeho kikimurikira?	Izuba
2) Ni ibiki Imana yashizeho bimurikira Ijoro?	Ukwezi n'inyenyeri
3) Imana yaremye inyenyeri zingahe?	Ninyinshi kuburyo tutazibara.
4) Dushobora kureba inyenyeri zose Imana yaremye?	Oya kuko harimo iziri Kure tudashora kureba
5) Vuga ibihe bine by'umwaka .	Igihe cy'umuhindo, icyi,urugaryi, Impenshyi.
5) Imana yaremye indege?	Oya yaremye abantu bakora Indege.

.

ISOMO RYA 8

Imana irema ibiguruka mukirere, amafi ni inyamanswa

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Tanga urubuga kubanyeshuri kugirango bavuge amazina y'inyamanswa, ayibiguruka n'ayamafi. Bareke bigane inzovu, imbeba, cyangwa se bakagugu nk'inyoni nibindi. Girana urwenya n'abanyeshuri mugihe ubigisha kubintu bihebuje Imana yaremye kw'isi.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 1:20-25 Zaburi 104

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Igisha abanyeshuri iki gice.

- Imana yuzuza isi inyamanswa nyinshi zitandukanye yuzuza isanzure mo inyoni n'ibisiga bitandukanye yuzuza n'inyanja amafi menshi atandukanye.
- Amwe mu mafi ni mato nkurwara rw'urutoke kandi ayandi nka nyamuguguma ni manini kuruta inzovu.
- Amwe mu mafi atuye mumazi menshi kuburyo atabasha umucyo kumibiri yayo ndetse no kugaragara.
- Zimwe mu nyoni amaso y'ubururu izindi zikagira ayumutuku.
- Inyoni n'ibisiga biguruka mukirere birya ibyokurya byose, zimwe zirya utubuto, izindi zikarya inyama, izindi zikarya imbuto.
- Zimwe mu nyamanswa ninto: nkimbebantoya izindi ni nini kandi ngari: nki inzovu izindi ni ndende nka giraffe
- Zimwe munyamanswa zirya amababi izindi zikarya inyama, izindi zikarya ibyatsi.
- Imana yaremye ibyo biremwa byose kugirango bitunezeze kuko nayo idukunda cyane.

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
Zaburi 104:24

Ibibazo by'isubiramo

1) Ni iki Imana yaremye kiguruka mu kirere ?	Inyoni n'ibisiga
2) Vuga bimwe mu biremwa Imana yashize munyanja.	Amafi
3) Ni ubuhe bugari amwe mumafi ashobora kugeraho.	Ni nkubw'inzovu
4) Ni zihe nyamanswa ndende zisumba izindi Imana yaremye .	Girafe
5) Nibihe biryo bya girafe ?	Ni amababi y'imitwe y'ibiti.
6) Nizihe nyamanswa zirya inyama?	Intare, imbwa, injangwe, bityo bityo

ISOMO RYA 9

Imana irema ikiremwa cy'ihariye umuntu

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana Aanyeshuri bagomba ko ari ibiremwa by'Imana bidasanzwe.Imana yabaremye bitandukanye n'ibindi biremwa nabantu b'Imana nkuko baremwe nayo izi ibibakwiye, kandi nabo bagomba kuyumvira.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 1:26-31 Itangiriro 2:7
Itangiriro 2:20-23 Ibyakozwe n'intumwa 17:24-28

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize kubanyeshuri

Igisha abanyeshuri iki gice

- Imana yarangije ibikorwa byo kurema inyamanswa zose, amafi, ibiti, izuba, ukwezi,n'inyenyeri.
- Ibyaremwe n'ikeremwa cyihariye(umuntu) byose byari byuzuye
- Biblia ivugako twaremwe mu nshusho y'Imana ibi ntabwo bivuga ko dusa n'Imana, nkuko Imana idafite umubiri n'Umwuka.
- Inshusho y'Imana isobanura:
    - Imana yaduhaye ubumenyi kugirango tuyimenye
    - Yaduhaye ubushake bwo guhitamo kuyubaha cq kutayubaha.
    - Yaduhaye umutima wo kuyikunda
- Inyamanswa, inyoni n'ibisiga n'amafi ntibishobora gukora nkatwe
- Imana yahaye abntu umurimo wo gukora tugomba gufata isi(ibiyirimo)neza
- Imana yaremye umuntu wambere imukuye mu mukungugu wok u isi, kandi yamuhumekeye mo Umwuka kugirango agire ubuzima .Imana yafashe ubuzima bwayo ibushira mu muntu. Yafashe urubavu rwa ADAMU iruremamo umugore imwita EVA.
- Imana ibashira mu busitani bwiza bwitwa Edeni kandi abategeka ko babyara abana bazakwira isi
- Adamu ni sogokurua kuberako abantu bose bavuye muriwe
- Imana yari yahaye Adamu na Eva isi nziza yo guturamo yabikoze ityo kubera ko yabakunda bihebuje.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo
Ibyakozwe n'intumwa 17:26

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize kubanyeshuri

1) Ni ikihe kiremwa cyihariye cy'Imana? Abantu (umuntu)

2) kuremwa mu nshusho y'Imana bisobanuraiki? Bisobanura ko dufite ubumenyi bwo kuyimenya, umutima wo ku yikunda, n'ubushake bwo kuyubaha

3)Inyamanswa zishobora gusoma Biblia? Oya abantu bonyine nibo bashobora Kuyimenya Imana

4) Ni muburyo ki Imana yaremye Adamu? Yamukuye mu mukungugu kandi Imuhumekeramo Umwuka w'ubu Gingo

5)Kuki Imana yahaye Adamu na Eva isi nziza yo guturamo? Kubera ko yabakundaga bihe bihebuje

6) Ninde sogokuruza wambere? Ni Adamu

ISOMO RYA 10

Amabwiriza y'Imana kuri Adamu

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : koresha igiti gito n'amababi mugihe wigisha iri somo. Sobanurako urupfu ari uko ishamim ryaciwe kugiti

Igiti n'ubuzima bw'ishami, ni igiti ishami ryakira ibyo kurya namazi. Iyo ishami riciwe kugiti habaho : 1) gutandukana n'ubuzima 2) iminsi mike ishami rigapfa 3) nyuma yaho litabwa mumuriro ligashya. Mukwigisha iri somo, koresha igiti mugufasha abanyeshuri kumva neza urupfu icyo aricyo.igisobanuro(cy'urupfu)

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 2 :15-17

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize hamwe na banyeshuri

---

Igisha abanyeshuri iki gice

- Imana ishira Adamu mubusitani bwa Edeni. Imana iha Adamu amabwiriza (recommendation)
- Adamu yagombaga kurya imbuto z'ibiti byari muri Edeni uretse imbuto z'igiti kimwe, <igiti kimenyesha ikibi n'icyiza >
- Imana ibwira Adamu <niba wariye imbuto, uzapfa ntashiti>
- Kutubaha amabwiriza y'Imana kwa Adamu, hari ibintu 3 byagombaga kumushyikira. Koresha igiti usobanura, ibi bikurikira:
    1) Ntabwo azaba akiri umwana w'Imana, azatandukanwa n'Imana, azaba munsi y'ubutware bwa Satani (ca ishami kugiti)
    2) Umubiri we uzasaza umunsi umwe kandi upfe(sobanura ko iryo shami ryaciwe kugiti lihinduka umuhondo kandi ligapfa
    3) Adamu azatabwa mw'itanura ry'umuriro nkigihano cyo kutubaha amabwiriza y'Imana(azasigara akimeze njk'ishami lipfuye ligatabwa mu muriro)
- Imana yakundaga Adamu kandi yari yaramuhaye ibyangombwa byose byo kwinezeza mu busitani bwa Edeni
- Nkuko ababyeyi banyu babarinda kudakora mu muriro nkuko babakunda kandi bashaka ko mutagwa mubibazo niko Imana nayo yashakaga kurinda Adamu mu mamahita mo mabi

---

umurongo wo kwibutsa abanyeshuri,bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
Itangiriro2:17

Ibibazo byo gusubiramo

1) Nirihe zina ry'igiti cy'imbuto Imana yari yabujije Adamu kurya? Igiti kimenyesha icyiza n'ikibi

2) N'iki cyagombaga gushikira Adamu mugihe yubashe Imana? Yagombaga gupfa

3) Gupfa bisobanura iki?
   1. gutandukana n'Imana
   2. imibiri yacu irasaza kandi igapfa
   3. gutandukanwa n'Imana iteka atawe mu muriro w'intazima

4) Kuber'iki ababyeyi bacu baturinda ibintu bibi? Kubera ko badukunda

5) Kuki Imana yabujije Adamu na Eva kurya imbuto y'igiti kimenyesha ikibi n'icyiza?
   Kubera ko Imana yamukunda ga kandi yashakaga kumuri nda guhitamo nabi.

6) Kuki tugomba kubaha Imana? Kubera ko idukunda kandi Ikaba izi ibidukwiye

ISOMO RYA 11

Adamu na Eva bica amabwiriza y'Imana

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Iri somo ritwereka uko Satani agerageza kutwoshya adushira mu mafuti akadushiramo ibitekerezo bibi. Satani yoshya Eva imubwira ko ari byiza kurya ku mbuto ya cya giti kugirango agire ubwenge.Satani akomeza kuduhamagarira gukora ibikorwa bibi akatubesha ko ari byiza.
Urugero: Kutubaha ababyeyi n'abarimu, gukora imibonano mpuzabitsina mbere yo gushaka, kunywa ibiyobyabwenge ibisindisha, itabi,kwiba, kumva indirimbo zamagambo atey'isoni, kureba porogarame mbi kuri televisiyo. Kubwira abanyeshuri hakirikare ko Satani ashaka ibibi kugirango abone abo bazarohana mw'itanure ry'umuriro.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo
Itangiriro 3:1-19 Yohana 8:44

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Igisha abanyeshuli iki gice

- Imana yajugunye satani ku isi kubera ko yigometse kuri yo.
- Satani yoshya Adamu na Eva mu ngobyi ya Edeni yabagiriye ishyari ry'imibanire bari bafitanye n'Imana, kandi yashakaga gusenya iyo mibanire kugirango abaroshe mu itanura ry'umuriro.
- Satani wari wihinduye inzoka yoshya Eva mu gikorwa cyo kurya imbuto z'igiti kimenyesha ikibi n'icyiza amubwira ko atazapfa, ahubwo azagira ubwenge nk'Imana.
- Adamu na Eva bombi bariye kumbuto y'icyo giti
- Satani yari aziko:
    1) Bazatandukanywa n'Imana kandi btazaba abana bayo ahubwo bazaba munsi y'ubutegetsi bwa Satani
    2) Umunsi umwe imibiriyabo izasaza kandi igashya
    3) Ko bagombaga kumukurikira mukiyaga cy'umuriro nk'igihano cyo kutumvira amabwiriza y'Imana.
- Satani ntabwo yahatiye Adamu na Eva kutubaha batoranyije kumva. Mwibuke ko Imana yari yarahaye Adamu na Eva ubushake bwo guhitamo kubaha cq kutubaha Imana.

- Satani n'umwicanyi kandi n'umubeshi, ashaka ko abantu bose bamukurikira mu kiyaga cy'umuriro.yanga Imana n'umuntu.
- Kubera kutumvira kwa Aamu, ibibi byinshi byinjiye ku isi
  Urugero: urupfu, indwara, imiruho, imifatangwe, ikirere kibi, imibabaro n'ibindi.
- Imana yari yaremye isi nziza. Kubera kutumvira kwa Adamu Imana yavumye isi, ihinduka indiri y'amavunane, y'imifatangwe, ibi byahungabanyije ubuzima bwa Adamu na Eva, nababakomokaho harimo natwe.

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
1 Petero 5:8

Ibibazo by'isubiramo

1) Kuber'iki Satani yashutse Adamu na Eva?
   Yari yabagiriye ishari
   Ry'ubushuti bari bagiranye
   N'Imana kandi yashakaga
   Ko nabo bajya mu itanura
   Ry'umuriro.

2) Niki cyabaye kuri Adamu na Eva mugihe bariye imbuto?
   1. batandukanijwe n'Imana
   2. imibiri yabo yagombaga gusaza kandi igapfa umunsi umwe.
   3. bagombaga guhanwa mu itanura ry'umuriro hamwe na Satani n'abadayimoni be.

3) Satani yahatiye Adamu na Eva kurya ku mbuto?
   Oya, babikoze kubushake bwabo

4) Ninde Satani yanga?
   Imana n'umuntu

5) Ni iki chyabaye ku isi nyuma yo kutubaha kwa Adamu na Eva?
   Imana yavumye isi hatangira kubaho indwara, amavunane, imiruho, imifatangwe, ikirere kibi

6) Ubuzima bwaradukomeranye natwe?
   Yego, turarwara tugira inzara, tubura imirimo n'ibindi.

ISOMO RYA 12

Bose bakoze ibyaha kandi batandukanyijwe n'Imana

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Kureberahamwe nabanyeshuri igisobanuro cy'icyaha. Ibi bizabatera kuvuga ibibi bakora nawe ukababwira ibikorwa bibi wakoze. Ntugacireho iteka abanyeshuri ahubwo bereke ko nabo ari abanyabyaha nka Adamu.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo
Abaroma 3:23, Zaburi 51:5, Abaroma 5: 12, Zaburi 53:1-3, Ibyakozwe 17:26

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

---

Igisha abanyeshuli iki gice

- kutumvira ababwiriza y'Imana kwa Adamu na Eva, byatumye abamukomokaho bose nabo batumvira Imana
- kubera ko Adamu ari sogokuruza wa twese bityo natwe, turi abanyabyaha
- Imana ni Imana year ibyo bisobanura ko yitandukanya n'icyaha, kandi Imana ivuga ko icyaha cyose kigomba guhanishwa urupfu.
- Icyaha ni iki? Icyaha ni igikorwa cyo kwanga kumvgira Imana no kumva Imana. Imana yari yabwiye Adamu na Eva ko batagomba kurya kumbuto. Imana itubwira mw'ijambo ryayo Bibiliya ko tutagomba kwiba , kubeshya, kutanduranya kubandi mu magambo cq kubikorwa
- Abatuye isi bose bacumura kubera dukomoka kuri Adamu umuntu wambere wacumuye.
- Bibiliya itubwira ko Imana izahanisha abanyabyaha urupfu
- Ibyo bisobanura ko:
    1. twatandukanyijwe n'Imana kandi tuvuka mu miryango yabanyabyaha
    2. imibiri yacu izapfa
    3. tuzajugunywa mw'itanura ry'umuriro
- Ibyashikiye Adamu natwe biradushikira
- Ntabyaha bito cq binini. Ibyaha byose biraresha (ibyaha byose bifite agaciro kamwe) kandi bizahanwa

- Imana izi byose, iba hose mu mwanya umwe; izi ibyo dukora , ibyo tuvuga n'ibyo dutekereza.
- Ntamuntu wakwihisha Imana cq ngo ahunge igihano cyayo
- Imana yamenye icyaha cya Adamu na Eva, izi ibyaha byacu.

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
Abaroma 6:23 a

Ibibazo by'isubiramo

1) Ninde muntu wambere wakoze icyaha?	Adamu na Eva
2) Ninde sogokuruza wambere?	Adamu
3) Icyaha ni iki?	Kwanga kumva no kubaha Imana
4) Imana izahana icyaha gute?	Izagihanisha urupfu
5) Imana iz'ibyaha byacu byose?	Yego azi byose
6) Dushobora guhunga igihano cy'Imana?	Oya nta muntu n'umwe ushobora guhunga Imana

ADAMU (UMUNYABYAHA)

Abantu bose bavuka ari abanyabyaha

ISOMO RYA 13

Imana isezeranya Umucunguzi kugirango akureho ubuyobozi bwa Satani

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: abanyeshuri bagomba kumva nabo ko ari abanyabyaha kandi batandukanyijwe n'Imana kuber'ibyaha bizahanwa umunsi umwe. Imana yaradukunze iduhindurira ibihe, ikingura inzira kugirango twongere tube abantu bayo. Itangiriro 3:15 nisezerano rya mbere ry'umucunguzi (Yesu) wagombaga kuza kumaraho ubutware bwa satani.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 3:15	Mika 5:2
Yesaya 7:14	Yesaya 9:6-7
Yesaya 45:21-22	Matayo 2:3-6
2 Petero 3:9	1 Yohana 3:8

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize kubanyeshuri

Igisha abanyeshuri iki gice:

- Adamu na Eva ntabwo bubashe Imana, ntabwo ari Satani wabateye kutubaha Imana. Adamu na Eva bari baremwe munshusho y'Imana ibyo bisobanura ko Imana yabahaye ubushake bwo guhitamo kubaha cq kutubaha bo bahisemo kutubaha Imana.
- Imana yakomeje gukunda Adamu na Eva nkuko ababyeyi bakomeza gukunda abana babo nubwo babakorera amakosa!
- Imana yabahaye amasezerano ahebuje, yagombaga kohereza umukiza kugirango akureho ubutegetsi bwa Satani ku Bantu.
- Uwo mukiza(umucunguzi) azikorera igihano cy'ibyaha bya Bantu kandi azaca inzira yo kugaruka mu muryango w'Imana
- Satani na bambari be bazakomeza gukimbirana n'Imana n'ubwoko bwayo. Satani azateza umucunguzi, imiruho kubabara no guhungabana ariko umucunguzi azamunesha hanyuma(Itangiriro 3:15)
- Umucunguzi wagombaga kuza mur'iyisi imyaka myinshi yaratambutse mbere yo kuza kwe kandi yagombaga kuvuka nkumwana anyuze mu mwari utararyamana n'umugabo
- Rimwe mu mazina yuwo mukiza yagombaga kwitwa Emmanuel risobanurwa ngo <Imana hamwe natwe>
- Yagombaga kuvukira mu murwa muto witwa Beterehemu kukubutaka bw'isirayeli

- Imana yagomba kohereza umukiza 1 musi kugirango kize umuntu mubutware bwa Satani
- Mu maomo akurikira muziga byinshi kuri uwo mukiza n'uko mushobora guhinduka bamwe mu muryango w'Imana.

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo. Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Matayo1:23

Ibibazo by'isubiramo

1) Imana yaretse gukunda Adamu na Eva mugihe batayubashe?. Oya yakomeje kubakunda

2) Ni ibihe bitangaza bihebuje Imana yasezeranije Adamu na Eva? Yagombaga kubohereza Umukiza kugirango Ababohore mu Butware bwa Satani

3) Niryari umukiza yagomba kuziraho? Imyaka myinshi Yacanyemo

4) Emanueri bisobanura iki? Imana hamwe na twe

5) Amakimbirane ya Satani n'Imana nyuma ninde watsinze? N'Imana

6) Imana yagombaga kohereza abacunguzi bangahe? Umwe gusa

ISOMO RYA 14

Ishusho ya mbere y'umucunguzi

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Abantu benshi batekereza ko bagomba kwihitiramo inzira yabahasha kwemerwa n'Imana nka Kayini, abandi bagatekereza ko uruhare rwabo mwitorero gutanga ibyacumi n'ibindi byabahesha kwemerwa n'Imana hari inzira imwe gusa yo kwemerwa n'Imana ariyo kwizera Yesu christo we wishuye ikiguzi cy'amaraso ye kubyaha byabari mwisi.

Imirongo mwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 3:6-8	Itangiriro 3:21-24
Itangiriro 4:1-8	Abaheburayo 11:1-4
Yohana 1:29	Yohana 14:6

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize hamwe na banyeshuri

Igisha abanyeshuri iki gice:

- Nyuma yuko Adamu na Eva baciye kw'itegeko ry'Imana, ubucuti bari bafitanye n'Imana bwarasenyutse
- Bageragerej kwihisha Imana
- Ntanumwe wakwihisha Imana iba hose icyarimwe kandi iz ibyodukora byose.
- Imana yahaye Adamu na Eva imyambaro yakuye mu nyamanswa muri Edeni iyibaze
- Nuko Imana yabitekereje kugirango ibireke ko icyaha bakoze cyari gikomeye, gikwiriye urupfu
- Urupfu rw'inyamanswa rwari rufite inshusho y'umukiza wagomba kuza rimwe yikoreye igihano cy'ibyaha
- Imana yirukana Adamu na Eva muri edeni kandi ntiyabakundira kongera kugaruka
- Kayini na Abeli bose bari abana ba Adamu na Eva
- Adamu na Eva batekerereza abana babo ko hari inzira y'ihariye Imana ikoresha kugijrango umuntu w'umunyabyaha abashe kuyegera
- Abeli yubaha Imana, atanga igitambo Imana yishimira
- Abeli yamenye ibitekerezo by'Imana ubwo yibonye ko ari unyabyaha kandi ko yatandukanyijwe n'Imana ko ibyaha bye bizahanishwa urupfu

- Abeli yamenye ko urupfu rwari rufite inshusho y'umukiza wagombaga kuza guhanwa mu cyimbo cye
- Imana yanejejwe no kwizera kw'Abeli kandi yemera ituro rye
- Kayini yarakariye Imana kandi agira ishari rya murumuna we Abeli agera aho amwica
- Kayini ntabwo yubashe inzira y'Imana, ntabwo yimenye ko ari umunyabyaha kandi ibyaha bye byagombaga guhanishwa urupfu
- Kayini yatanze ituro ry'imyaka
- Imana yababajwe no kutizera kwa kayini kandi ntiyemera n'ituro rye
- Kubera kwizera kwa Abeli no kumvira Imana kwe Imana yemeye Abeli nkumwana we akazabana nawe mw'ijuru iteka ryose
- Kayini yasigaye atandukanyijwe n'Imana, akomeza kuba munsi y'ububata bwa satani

---

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Abaheburayo 9:22b

Ibibazo by'isubiramo

1) Hari umuntu ushobora kwihisha Imana ? Oya
2) Imana yakoze iki igihe Adamu na Eva batumviye ? yishe inyamanswa muri edeni ibambika uruhu rwayo nyuma ibirukana muri edeni
3) Kuber'iki Imana yishe inyamanswa ? Yabikoze ityo ibireke ubugari bw'icyaha cyabo no kubereka inshusho y'umukiza wagombaga kuza kwikorera igihano cy'ibyaha byabo
4) Kuber'iki Imana itemeye amaturo ya Kayini? Kubera ko Kayini atamenye gutangira Imana ibitegetswe
5) Abeli yagiye he nyuma y'urupfu rwe? Muri paradizo kubana n'Imana ibihe byose
6) Muratekereza ko Kayini yagiye he nyuma y'urupfu rwe? Mw'itanura ry'umuriro

ISOMO RYA 15

NOWA N'INKUGE

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Umukororombya n'inshusho yagakiza k'Imana muri Yesu kristo. Abizerav Yesu nkumukiza bakizwa igihano cy'Imana nkuko byari bimeze kuri Nowa wakijijwe n'inkuge kubwo kwizera no kubaha Imana Nowa yari umunyabyaha kimwe nabandi, ariko Imana yera mwemera kubwo kwizera kwe no kubaha.

Imirongo mwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo
Itangiriro igice cya 5, 6, 7, nicya 8 2 petero 3:9 Abaheburayho 11:6-7

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize hamwe na banyeshuri
Igisha izinyigisho ku abanyeshuri:

- Nyuma yo kwica Abeli Kayini yirukanwa` n'Imana. Adamu na Eva babyaye abandi barakura nabo babyara abandi
- Nyuma habaye abantu benshi muriyisi
- Abatuye isi bavuka ari abanyabyaha bituma bakurikira Satani bityo bikabatera gukora ibikorwa bibi
- **They fought with etc……..**
- Imana yicujije impamvu yaremye umuntu,Imana ifata icyemezo cyo kurimbura ujbuzima bw'igihumeka cyose ku isi
- Imana yohereza umwuzure ukwira isi yose, ndetse n'imisozi miremire cyane
- Hariho umugabo wakunda Imana kandi akayubaha.witwaga Nowa
- Imana ibwira Nowa kubahka ubwato bunini bwitwa inkuge .nowa yumvira Imana
- Imana yagombaga gukiza Nowa n'umunyago we n'inyamanswa ebirebyiri ingabo n'ingore
- Kinkuge yari nini yagopmbaga kubamo inyamanswa zitandukanye zigera kuri 72000 mo imbere
- Nowa n'abahungu be bubatse inkuge migihe cy'imyaka 120 muri icyo gihe, Nowa yakomeje gusaba abantu kureka ibyaha n'ibikorwa bibi bakorera Imana. Abantu ntabwo bumviye imiburo y'Imana ibinyujije kuri Nowa

- Imana ibwira Nowa kubaka inkuge ifite umuryango umwe. Nowa amaze kwinjira munkuge n'abana be n'inyamanswa bari mumutekano, Imana niyo yakinze urugi nyuma yohereza umw'uzure
- Abantu bose bari baranze kubaha Imana bari hanze y'inkuge bose barimbuwe n'umwuzure
- Nubwo Nowa n'umuryango we bari abanyabyaha bakomoka kuri Adamu bumviye Imana kandi bizera isezerano ryo koherezwa umucunguzi wo kubakiza ubutware bwa satani
- Nkubwo kwizer'Imana kwa Nowa,
- Imana ishira umukororombya ku ijuru yerekana ko itazongera kurimbura icyaremwe cyose n'umwuzure
- Nowqa yica inyamanswa ayitambira Imana ho igitambo cy'ikimenyetso cyo kugira neza kw'Imana yabakijije umwuzure(urupfu) we n'umuryango we
- Amateka ya Nowa n'ishusho y'umukiza wagombaga kuza gukiza abamwizera bose umuriro w'intazima

---

Imirongo yo kwibuka abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
Ezekieli 18:32

Ibibazo byo gusubiramo :

1) Kuber'iki abantu bo mugihe cya Nowa bakoraga ibikorwa bibi ? bari baravutse ari abanyabyaha kandi bakurikirana Satani

2) Nigute Imana yajyaga kujrimbura ubuzima bwa batuye isi ? yagombaga kohereza umwuzure

3) Nirihe zina ry'umuntu Imana yakijije umwuzure? Nowa

4) Kuber'iki Imana yakijije Nowa n'umuryango? Kubera ko yiringiye Imana kandi akicisha bugufi imbere yayo

5) Imana yahaye abantu igihe cyo kwihana no kuyigarukira? Yego igihe cy'imyaka 120

6) Imana yashimiye kubona abantu babi barimbuka? Oya Imana ntiyishimira kubona abantu bapfa batamufite

ISOMO RYA 16

IBURAHAMU NA ISAKA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: iri somo ni ingirakamaro kubera ko rifite inshusho ya Yesu kristo uzaza hanyuma kudupfira, kuzibutsa abanyeshuri aya mateka mu masomo akurikira

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 11:1-9
Itangiriro 12:1-5
Itangiriro 15:1-6,13-14
Itangiriro 18:1-15
Itangiriro 22:1-19
Abaheburayo 11 : 8 - 12
Abaheburayo 11 :17-19

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize hamwe na banyeshuri

Igisha izinyigisho ku abanyeshuri:

- Imyaka yacanyemo nyuma y'umwuzure muri icyo gihe, abantu bose bavugaga ururimi rumwe
- Imana yashatse ko abantu batura mu mpande zose zisi, Imana ibahe indimi zitandukanye kugirango bature ahatandukanye kandi bagwire ku isi
- Isi ntabwo yibagiwe gahunda yayo y'isezerano ryo kohereza umukiza ku isi
- Imana ihamagara umugabo w'itwa Abrahamu wari utujye mu bantu babi, iramubwira iti va muri icyo gihugu ujye mugihugu nzakwereka
- Aburahamu yizer'Imana kandi arayubaha Imana imuha isezerano:
    1) Nzakugira sekuruza w'amahanga
    2) Nzaguha umugisha kandi nzogeza izina ryawe
    3) Nzaha umugisha abagukomokaho bose. Umukiza Imana yasezeranyije yagombaga gukomoka kuri Abrahamu
    4) Abazagukomokaho bazaba imbata mubindi bihugu imyaka 400
- Imana ihindura izina Abram kuba Abrahamu bisobanura <sekuruza wamahanga > n'umugore we Saray irihindura Sara lisobanura <nyirakuruza wamahanga>
- Abrahamu na Sara bombi bari bageze muzabukuru ariko ntabana bafite
- Ntagikomerera Imana. Imana isezeranya Abrahamu kumuha umwana w'umuhungu
- Abrahamu yizera Imana, bituma Imana imubara nk'intungane, Itangiriro 15:6
- Mugihe Sara yari afite imyaka 90, abyara Isaka
- Abrahamu akunda Isaka cyane
- Umunsi umwe Imana ishaka kugerageza Abrahamu kugirango arebe uko ayikunda kandi ayizera

- Imana ibwira Abrahamu ko ajyanye Isaka kumusozi muremure kugirango amutambe
- Abruhamu yizer'Imana kandi arayubaha ayigirira icyizere ko Imana izasura Isaka. Imana inezezwa no kwizera kwa Abrahamu
- Imana ntabwo yemereye Abrahamu ko yica Isaka. Imana ironkera Abrahamu imfizi y'intama yo gutamba igitambo mu cyimbo cya Isaka imfizi y'intama ipfe mucyimbo cya Isaka
- Isaka ntabwo yagomba kwikiza wenyine , Imana yamukijije nkuko yakijije Nowa mumyaka yatambutse
- Imana ntabwo yibagiwe umugambi wayo wo kwohereza umukiza wasezeranyijwe (umucunguzi)wagomba gukomoka murubyaro rwa Isaka umuhungu wa Abrahamu

<u>Umurongo wo kwibuka abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.</u>
<u>Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko</u>
Abaheburayo 11: 6

<u>Ibibazo byo gusubiramo :</u>

1) Nirihe zina ry'umuntu Iman yahamagaye gutura mugihugu gishya ? — Iburahamu

2) Abrahamu yizey'Imana kandi arayubaha ? — Yego

3) Nayahe masezerano y'Imana kuri Abrahamu? —
1.Nzakugira sekuruza w'ishanga linini
2. Nzaguha umugisha kandi nzaguha izina ryawe
3.Amahanga yose azahererwa umugisha muri wowe

4) Nirihe zina ry'umuhungu w'Abrahamu? — Isaka

5) Kuki Imana yanejejwe na Abrahamu? — Kubera ko Abrahamu yayigiriye icyizere kandi akayubaha

6) Nigute twanezeza Imana? — Kugirira Imana icyizere no kuyubaha

ISOMO RYA 17

Imana yubaka umuryango wayo kandi ihamagara Mose

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : Imana yakoresheje igihe muriegiputa kugirango igwize ubwoko bwayo mu muryango wa Yakobo(hafi abantu 70) kugeza kubagera kuri milioni 2. Mose akiza abo Bantu mu muretwa ibyo bikaba bifite inshusho kuri twe yo kudukura mububata bwa Satani bikozwe na Yesu kristo.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 25:19-20	Itangiriro 25:24-26
Itangiriro 28:12-14	Itangiriro 32:28
Itangiriro 37:3-4 , 12-36	Itangiriro 42:1-8
Itangiriro 45 :1-11	Kuva 1,2,3.

Ibibazo byo gusubiramo

Kwigisha abanyeshuri iki gice

- Isaka arongora Rebeka umugore we
- Bari bafite abahungu 2 b'impanga bitwaga Yakobo na Esau, Isau yavutse mbere ya Yakobo
- Imana izi byose <<Imana izi byose >> kubera ko yari iziko Yakobo azayizera kandi akayubaha mbere yuko avuka .Imana yatoranyije Yakobo kuzaba sekuruza w`umukiza
- Yakobo yubaha Imana .Imana iha Yakobo amasezerano nkayo yari yarahaye Aburahamu na Isaka .Imana ihindura izina rye kuba Israeli :Yakobo abyara abahungu 12. Abo bahungu bamenyekanako arabahungu ba Israeli. Umuhungu wakundwa na se Yakobo yitwaga Yosefu.
- Abavandimwe ba Yosefu bamugiriye ishyari ba mugurisha kubacyuruzi ajyagutura muri Egiputa .
- Imyaka myishi imaze gucanamo , habayeho amapfa mugace Yakobo(Israeli)yari atuye mo na bahungube (umuryango we)
- Israeli abwira abahungu be kujya guhaha ibiryo mu gihugu cya Egiputa
- Basanga Yosefu umuvandimwe wabo , wari warabaye igikomangoma muri Egiputa
- Yosefu ababarira abavandimwe be , kubyo bari baramukoreye , abasaba hamwe n'i miryango yabo kuza guturana nawe muri Egiputa
- Abantu 70 bo mu muryango wa Yosefu baza gutura muri Egiputa
- Batura muri Egiputa mugihe kingana ni imyaka 400 cg 430 baragwira bagera kuri milioni 2 zabisiraeli baba ishanga linini iry'Imana yari yarasezeranyije Aburahamu

- Farawo umwami wa Egiputa yatewe ubwoba n'imyororokere y'abisiraeli bari batuyemugihugu cye .
- Agira abisiraeli abacakara be, abahatira gukora imirimo y'ingufu , yokubaka imijyi minini , nkuko Imana yari yarabibwiye Aburahamu mumyaka myinshi yatambutse
- Farawo ahitamo kwica impinja zose z'abahungu bab'Isiraeli .Satani akoresha Farawo kugirango agerageze kw'ica umugabi w'Imana
- Umugambi w'Imana wari uwo gukiza Israeli kugirango umukiza azakomoke muri ubwo bwoko.
- Ntanakimwe cyaburiza umugambi w'Imana
- Imana ikiza umwana w'umuhungu witwa Mose
- Imana yari yaramutoranije kugirango azabe umucyunguzi wab'israeli mu bubata barimo
- Nyina wa Mose yari yaramuhishe mu gaseke ,agashira mu rufunzo rw'uruzi nil
- Umukobwa wa Farawo atora ako gaseke karimo Mose .Mose akurira ibwami yiga gusoma no kwandika , kandi yari yarize neza kimwe nabanyegiputa bandi bize
- Mose amaze gukura abona uko abanyegiputa batotezaga ab'Israeli ,abavamo kandi yica umusirikari w'umunyegiputa .
- Mose yatinyga guhanwa n'umwami Farawo ahungira kure ya Egiputa
- Aba umwungeri mu gihugu cy'ubutayu mugihe cy'imyaka 40
- Umunsi umwe Imana ivuganira na Mose mugihuru cyaka umuriro aramubwira ngo na subire muri Egiputa kugira ngo akize ab'Israeli mu butware bwa Farawo
- Mose agirira Imana icyizere kandi yubaha amabwiriza yayo ajyana numuvandimwe we Aroni asubira muri Egiputa

<u>Imirongo yo kwibuka abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.</u>

<u>Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko</u>

Kuva 2:25

<u>Ibibazo byo gusubiramo</u>

1) Nirihe zina rishya Imana yahaye yakobo? Israeli
2) Nikihe gihugu Israeli yatumye abahungu be kujya guhahamo ibiryo? Egiputa
3) Kuki Farawo yagerageje kwica impinja zabahungu ba Israeli? Kuberako yatinyaga abisraeli bose kandi Satani yarimo amukoresha kugirango aburizemo umugambi W'Imana wo kohereza Umukiza
4) Nirihe zina ry'umwana w'uruhinja umukobwa wa Farawo yatoye kuruzi Nil? Mose
5) Mose yakuriyehe? Murugo rwa Farawo nkumwana w'umwami
6) Mose amaze gukura nikiImana yamusabye gukora? Gusubira mw'egiputa agacungura abisreli muburetwa

ISOMO RYA 18
IMANA YIGARAGAZA MUMBARAGA ZAYO

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : Amateka yerekana imbaraga n'ubuntu bw'Imana kuba mwizera bose. Yerekana kandi uburakari kubatumvira impanuro yayo. Amaraso yashinzwe kubizingiti byimiryango yari inshusho ya maraso ya Yesu azarinda buri wese uzamwizera no kudukiza igihano cy'ibyaha byacu

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Kuva5:1-2	Kuva 6:1-8	Kuva7:1-7
Kuva11:1-7	Kuva 12:1-8	zaburi105:1-38
Kuva12:12-13	gutegekakwakabiri7:7-10	

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize kubanyeshuri

Igisha izinyigisho ku abanyeshuri.

- Mose asubira muri egiputa nkuko uwiteka yari yabimutegetse. Ariko Farawo ntabwo yashakaga kurekura ubwoko bw'Israeli ngo bugende
- Farawo n'abanyagiputa ntabwo baramyaga cg kwizera Imana nyamana yonyine
- Abanyegiputa bari abanyabwenge kandi abari bakungu. Bari bazi uburyo bwokubaka inzu zamagorofa (zubatse neza) n'imijyi. Bari bafite ingabo zikomeye.
- Satani yari yarabinjije mubuyobe bwo kuramya ibigirwamana,bari baziko izuba ari Imana ,umugezi ko ari Imana, inyenyeri ko ari Imana,baramyaga ni bikeri bageragaho batanga ibitambo by'abana babo kuri ibyobirwa mana
- Baramyaga ibiremwa Imana yaremye mucyimbo cyayo .
- Igihe cyarageze ubwo Imana yerekanaga imbaraga zayo no guhana abari bigize ibyigomeke
- Imana yakoresheje mose wa shoboraga gukora ibitangaza byinshi by'imbaraga kugira ngo yerekane imbaraga zi Imana kubindi bigirwamana no gutegeka Farawo kurekura abanyesraeli kugenda kure ya Egiputa
- Imana ihindura amazi yose muri iyofasi amaraso ,nyuma yohereza miriyoni zibikeri byuzura icogihugu nyuuma yahoImana ibateza inda n'ibibugu ,Imana ibateza muryamo kumatungo yose muri egiputa n'ibikomere ku mibiri yabari batuye mw'egiputa bose .
- Imana ibateza ibiheri n'inzige n'iminsi itatu yumwijima. Ibyobyose ntabwo byatumye Farawo areka Mose ngo ajyane abisraeli ahatari mw'Egiputa
- Nyuma yaho Imana ikora ikindi gikorwa. ibwira abisraeli kwica itungo ry' ingabo ridafite inenge bagasiga amaraso yiryo tungo kubizingiti bya mazu yabo
- Muri iryo joro Imana yohereza marayika w'umurimbuzi mugihugu cyose ,kwica abatar'ubashe amabwiriza y'Imana,abana bimfura abantu n'amatungo birapfa

- Nyuma yibyo Farawo areka ubwoko bwisraeli buragenda ,abanyesraeli bageraga nka miriyoni 2 bakurikiye Mose kure ya egiputa
- Imana ikiza abamwizeraga kandi bakamwubaha

Imirongo yo kwibuka abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Nahumu 1:7

Ibibazo byo gusubiramo

1) Farawo yiringiye Imana nyamana ibaho? Oya

2) Nizihe mana abanyegiputa basenga ga ? ibigirwamana byibinyoma
Izuba, nili, ibikeri n'ibindi

3) Vuga ibitangaza 2 Imana yakoresheje kugirango yerekane imbaraga zayo kuri Farawo ?
- yahinduye amazi yose kuba amaraso
-yateje ibikeri byuzura igihugu

4) Imana imaze gukora ibyobyose Farawo yaretse abisraeli bava mw'Egiputa ? Oya

5) Niki Imana yabwiye aba Israeli ngo bakore kumaraso yitungo ? Yababwiye kuyasiga kubizingiti bya mazu yabo

6) Niki cashikiye imiryango itarakurikije amabwiriza y'Imana ? Imfura zabo zambere abana n'amatungo byarapfuye byose.

ISOMO RYA 19

Imana igoboka abisraeli mu butayu

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: ir'Isomo ryerekana urukundo rw'Imana , kurindwa kwayo , no kuyoborwa nayo kubayifitiye icyizere.ryerekana kandi ibyo Imana yakoze no kw'ihangana kwayo kubatayizera.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu (umwigisha) agomba kubanza kwiga mbere yuko atanga isomo

Kuva 13:17-18
Kuva 16:1-26
Kuva 19:1-6
kuva 14:5-31
kuva 17:1-7
zaburi 105:39-45

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize kubanyeshuri

Igisha izinyigisho ku abanyeshuri:

- Mose nabanyesraeli ntabwo bari bakagera kure igihe farawo yahinduye icyemezo , ubwo yicuzaga kureka abisraeli bava mugihugu cye
- Farawo n'ingabo ze zikurikira abisraeli
- Abisraeli bari bagoswe n'ingabo za Farawo n'inyanja
- Imana ntihinduka mubyo ivuga n'iby'ikora , ntagikomeye kumana ,Imana ikora ibitangaza bikomeye ,ikoresha umuyaga udashobora kuzitirwa w'imbaraga zidasazwe ,inyanja icikamo kabiri, Imana itegeka abisraeli kwambuka ahumutse mu mutekano kugeza bageze hakurya y'inkombe
- Abanyegiputa bagerageza kubakurikira. Imana ihuza inyanja, Farawo n'ingabo ze bararimbuka
- Imana yafashije ubwoko bwayo mubibazo barimo, kandi ibayobora mu kugera ku murage w'igihugu Imana yasezeranije Aburahamu Isaka na Yakobo
- Nyuma y'igihe gito Abisraeli bari mubutayu, batangira kumva inzara n'inyota no kw'ivovotera Mose bamubaza impamvu yabakuye mw'Egiputa, bavugako mw'Egiputa hari amazi menshi n'ibyo kurya byinshi, batekerezagako bazarimbukira mu butayu
- Bari bamaze kwibagirwa ibyo Imana yabakoreye ntabwo bizeyeko Imana ishobora noneho gukemura ibyifuzo byabo

- Imana yongera kubereka kandi urukundo rwayo kuri bo. Buri munsi Imana yabohererezа ga inkware zo kurya .Ibyokurya by'ihariye bagomba gufata buri gitondo <<manu>>
- Imana ibwira Mose gukubita inkoni ye ku ibuye (urwara)Mose yumvira Imana amaz'ava muri iryo buye (urwara)
- Ntakintu gikomerera Imana yahagije abantu n'amatungo barenga milioni 2 amazi n'ibyokurya
- Nyuma y'amezi atatu abisraeli bagera ku musozi sinayi aho bamaze igihe cy'umwaka,igihe Imana yohereje Mose amategeko 10 n'andi mabwiriza
- Imana irinda mu kinyabupfura (sans faille) abanyesraeli kandi yita kubyifuzo byabo.

Imirongo yo kwibuka abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.

Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Zaburi 97:10

Ibibazo byo gusubiramo

1) Niki Imana yakoze kugirango ikize abisraeli ingabo za Farawo ? — Yagabanyijemo amazi y'inyanja kabiri kugirango abisraeli bambuke.
2) Muratekereza ko Imana yari kureka abisraeli bakicwa n'inzara n'inyota mu butayo ? — Oya
3) Nigute Imana yagobotse abisraeli kubyo kurya ? — yabohereje inkware na manu yo kurya buri munsi
4) Ni hehe bakuye amazi ? — mu rwara
5) Imana yayoboye abantu bangahe m butayu? — Bari hafi milioni 2

6) Does God provide our needs etc……

ISOMO RYA 20
Imana iha mose amategeko

Ibyo mwalimu agomba kuzikana Abantu benshi batekereza ko bagomba kwemerwa n'Imana bubashe amategeko, ibyo ntabwo aribyo mw'isezerano rya kera amategeko yatanzwe mu kwerekana abantu perfection y'Imana n'umugambi w'umukiza (Yesu) kugirango abakize. Ntabwo bagombaga kwikiza kuberako ubwobubasha bataribabufite, tugomba kuzirikana amategeko kuberako dukunda Imana, kandi tubadukeneye kuyiganyira.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu (umwigisha) agomba kubanza kwiga mbere yuko atanga isomo

Kuva 20:1-17	kuva 24:12-18
Matayo 5:17-20	abagaratiya igice cya 3
Abefeso 2:8-9	yakobo 2:10

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize kubanyeshuri

Igisha izinyigisho ku abanyeshuri

- Mugihe abisraeli bari bakambitse ku musozi SINAYI, Imana ihamagara Mose mumpinga y'uwo musozi
- Imana iha Mose amategeko n'amabwiriza ku banyesraeli
- Imana yonyine yanditse amategeko 10 kubisate 2 by'amabuye
    1) Ntayindi Mana ugomba kumbangikanya nayo
    2) Ntagusenga izindi mana ahubwo ujye unsenga njyenyine
    3) Ntugakoreshe izina ryanjye muburyo budakwiriye
    4) Ujye w'ibuka umunsi w'isabato uwunyegurire, kuko ari umunsi wanjye
    5) Ujye w'ubaha so na nyoko bityo uzarama mu gihugu mbahaye, njyewe uhoraho
    6) Ntukice
    7) Ntugakore imibonano mpuzabitsina kuri buri wese keretse umugabo wawe cg umugore wawe
    8) Ntukibe imitungo yabandi
    9) Ntukabeshere abandi
    10) ntukifuze imitungo y'abandi

- Imana yahaye abenyesraeli andi mategeko menshi

- Ayo mategeko Imana yaheye abanyesraeli kwari ukugirango ibatandukanye n'andi moko yari abazengurutse
- Imana yashakaga ko abisraeli bayibwira andi mabanga kugirango nabo bayizere ko ariyo mana yonyine ibaho.
- Andi mahanga yaramyaga ibindi bigirwa mana ukaba nk'abanyegiputa
- Imana ni yera kandi irakiranuka amategeko yayo arakomeye kuyazirikana
- Igihe cyose abantu bishe itegeko rimwe ry'Imana bahanwa kimwe nuwishe amategeko yose
- Imana yakoresheje amategeko kugirango yerekane ubugari bwo gukiranuka kwayo no kwerekana inshuro nyinshi tuba turi abanyabyaha! Ni nkindorerwamo yerekana imibereho y'umunyacyaha
- Imana n'iyera yitandukanya n'umunyacyaha wese
- Amategeko yashizweho kugirango abantu bimenyeko ari abanyabyaha ko badashobora kwikiza ubwabo igihe babona amategeko kubwo kwizera Imana gusa, nka Abeli, Nowa, Aburahamu, Isaka, Yakobo, na Mose bagombaga gutsindishirizwa no kwizera imbere y'Imana
- Bari bakeneye umukiza wagomba gukuraho ubutware bwa Satani, wishyuye ikiguzi cyibyaha byacu kugirango yerekane inzira yo kugaruka mu muryango w'Imana
- Imana niyo kwizerwa kandi yujuje amasezerano yayo igihe cyokohereza umucyunguzi cyari igihe cyegereje

<u>Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.</u>
<u>Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko</u>

Yakobo 2:10

<u>Ibibazo byo gusubiramo</u>

1) Vuga amategeko 3 : -Ntukibe imitungo yabandi
-Wubahe so na nyoko
-Ntukabeshere abandi

2) Ni ukubera iki Imana yahaye abisraeli amategeko? Yashaka ga kwerekana inshuro nyishi ari indahemuka n'inshuro abisraeli ari abanyabyaha.

3) Hari umunsi mujya mwica amategeko y'Imana? Yego turayica buri gihe

4) Ni kihe gihano cyo kutubaha Imana? Urupfu rw'umuriro udashira

5) Abantu bose babanyabyaha bazahanishwa umuriro w'intazima? Yego kuberako batubashe Imana

6) Ninde ufite ububasha bwo kudukiza igihano cy'Imana? Ni Imana yonyine

ISOMO RYA 21
Imana iha Mose gahunda (umurongo ngenderwaho) yo mwihema ry'Imana

Ibireba mwalimu: abanyeshuri bagomba kumvako amaraso y'inyamanswa Atari gukuraho ibyaha byabo. Imana yabwiye abantu gukora uyu mwitozo mu isezerano kera, byumvikane ko Yesuyari kuzishyura igiciro cy'ibyaha byacu munzagihe (mugihe kizaza). Nkuko imfizi y'intama yapfuye mumwanya wa Isaka niko urupfu rw'inyamanswa rwariikimenyetso cy'urupfu rwa Yesu mu cyimbo cyacu.

Imirongo umwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Kuva 25:8- 9	kuva 25:17-22
Kuva 26:31-33	kuva 39:32-43
Kuva 40:34-35	Abaheburayo 8:1-6
Abaheburayo (igice9)	Abaheburayo 10:1-14
	Abaroma 3:25

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize hamwe na banyeshuri

Igisha izinyigisho ku abanyeshuri:

- Imana iha abisirayeli amategeko yari iziko batazaqyubahiriza yose
- Umucunguzi yari ataraza. Imana ibaha uburyo bwagateganyo bwo gupfuka ibyaha byabo.
- Abeli, Nowa, Abrahamu, Isaka, Yakobo na Mose begeraga Imana muri ubwo buryo bw'agateganyo. Ubwo Imana yahaye igihugu cyose gahunda yo kuyizaho baciye muri iyi nzira
- Icyo gihe cy'ubwisobanuro bw'agateganyo cyari kurangirana no kuza kumucunguzi nyawe
- Bagombaga kugaragara ku Mana nkuko yari yari yabimwifujeho.
- Amategeko yaberekaga ko ari abanyabyaha kandi badashobora kwicungura uretse Imana yabakiza igihano cy'ikiyaga cy'umuriro
- Imana yigishije Mose uburyo bwo kubaka ihema ry'ibonairo rihambaye nk'uko yabikoze kubwa Nowa yubaka inkuge.
- Imana ni Umwuka no kuboneka kwe mw'ihema ry'ibonaniro kwakombaga kwigaragaza mu mucyo mwinshi
- Ihema ry'ibonaniro ryagiraga ibyumba 2, ahantu hera n'ahera cyane.
- Ibyo byumba byombi byatandukanywa n'umwenda munini
- Ahantu hera cyane hari isanduku nini ikoze mubiti kandi ifubitswe n'izahabu. Kumigono (hejuru) yayo hari amashusho 2 y'abamarayika umucyo mwinshi uva ku Mana wari hagati yayo maso yombi.

- Inshusho 1 ku mwaka, umutambyi mukuru yagombaga kwica inyamanswa idafite ikinegu aminja amaraso yayo ku isanduku hagati ya yamashusho y'abamarayika
- Imanan yakiraga ayo maraso nk'igipfuko gifunika ibyaha byose abo Bantu bakoze umwaka wose
- Urupfu rw'iyo nyamanswa cyari ikimenyetso cy'umucunguzi wari kuzaza kwishyiraho igihano cy'ibyaha byabo
- Umutambyi mukuru yagombaga gukora icyo gikorwa uko umwaka utashye akitambira ndetse agatambira n'igihugu cyose cya Isirayeli
- Buri munsi, ubwo bwoko bwagombaga kuza ku ihema ry'ibibonaniro buzaniye umutambyi inyamanswa cyangwa inyoni byo gutamba nk'ituro ry'Imana
- Ubwo buryo bw'agateganyo bwo kwegera Imana bwakoreshejwe imyaka 1500 kugeza nyie umucunguzi aje.

<u>Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.</u>
<u>Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko</u>
Abaheburayo 10:4

<u>Ibibazo by'isubiramo :</u>

1. Imanayiwiragako abisiriyeli bubaha amategeko yose? Oya
2. tanga amazina y'ibyumba bibiri byo mu ihema ry'ibonaniro? Ahantu hera n'ahera cyane
3. Ni iki cyari ahantu hera cyane? Isanduku y'ibiti ihamirije ho zahabu ifite amashusho y'abamarayika hejuru yayo.
4. Ni iki umutambyi mukuru yagombaga gukora buri mwaka? Yagombaga kwica itungo, akaminjira amaraso yaryo ku isanduku hagati y'amashusho abiri
5. Amaraso y'inyamanswa ashobora koza ibyaha? Oya
6. Ni ryari abisirayeli bahagaritse gutamba ibitambo by'inyamanswa ku bw'ibyaha byabo? Igihe umucunguzi yari amaze kuza.

ISOMO RYA 22

IMYITEGURO Y'UMUCUNGUZI

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : Imana yemeye ko abasirayeli batumviye bagwa munzira mbere yo gusohoka mugihugu cyasezeranijwe nk'uko n'ubundi itemeye ko abatizera bo mugihe cya NOWA binjira munkuge. Natwe tugomba kwizera Imana kugirango twinjire mu bwami bw'ijuru.

Imirongo y'ibyanditswe umwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Gutegeka kwa kabiri 1 :19-40 Yoshuwa 1 :1-11
Abacamanza 2 :14-16 1 Samweli 8 :19-22
Luka 3 1 - 20

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice.

- Abisirayeli benshi Imana yakuye muri Egiputa ntabwo bayizeye ahubwo barayigomeye bibagirwa ibitangaza yabakoreye.
- Ntabwo bizeye ko Imana izaha ABURAHAMU ubutaka yari yaramuseranije.
- Imana yararakaye cyane kubw'ubwo bugome bwabo.
- Yabamajije imyaka 40 mubutayu bigera aho abigometse bose bapfa barashira.
- Nyuma y'imyaka 40 , na MOSE yarapfuye ; YOSUWA aba ariwe uyobora abisirayeli kwerekera mugihugu Imana yabasezeranije.
- Hari amashyanga menshi y'abanyamahanga yabaga muricyo gihugu cyaseranijwe.
- Imana ifasha ubwoko bwayo gutsinda ayo mashyanga atubaha Imana. Icyo gihugu gisigaye cyitwa Isirayeli.
- Imana yarigize ishyanga rifite amategeko yaryo kandi ariha ubutaka.
- Imana yazaga kuba Umwami wabo kugirango amashyanga yose y'isi yizere Imana imwe y'ukuri.
- Ikintu cyose cyari kiteguye kwakira Umucunguzi.
- Imyaka myinshi irahita, habaho ibikorwa byinshi muri icyo gihe Imana iha ubwoko bwayo abacamanza bo kubayobora ariko baguma kutanyurwa.
- Bashakaga umwami ubayobora nkandi mahanga abazengutse.
- SAWULI, DAWIDI na SALOMO bari abami bambere batatu ba b'isirayeli.SALOMO yubaka urusengero rwiza rw'akataraboneka i YERSALEMU rusimbura ihema ry'ibonaniro.
- Abami bamwe bubahaga Imana abandi bakayigomera.

- Abo bami babi bemereraga abaturage kuramya ibigirwamana nkuko andi mahanga yabikoraga.
- Kungoma y'abo bami, Imana yohereje abahanuzi batandukanye bo kuyobora no gukingira ab'isirayeli mugihe cyo kugoma.
- YESAYA yari umwe muri abo bahanuzi. Yavuze byinshi kumucunguzi wasezeranijwe abisirayeli kugirango igihe umucunguzi azaza bazamumenye.
- Imana yatezaga isirayeli amahanga afite imbaraga akayirwanya mugihe Isirayeli yayigomeraga.
- Iyo abisirryeli bigomekaga, Imana yemeraga amahanga afite imbaraga kubarwanya.
- Imana yohereje umuhanuzi wanyuma kumenyesha ubwoko kugirango bahindure inzira zabo, bizere Imana kandi banayubahe.
- Uwo muhanuzi yitwaga Yohani umubatiza.
- Yohani yabaga mubutayu kandi akennye ariko Imana yaramukoresheje.kugirango abwire abantu bitunganye bitegure kwakira umucunguzi waseranyijwe.
- Abantu benshi bizeye ubutumwa bwa Yohani barabatizwa muruzi rwa Yorodani.
- Igihe cyari bugufi. Umucunguzi wasezeranijwe yari nde ? yagombaga kuvukira he ? Yarikuzitwa nde?
- Yari kuzaba umwami w'igihangange? Yazaga kuba umukire w'umunyembaraga ? yazaga gucungura Isirayeli abanzi bayo ?
- Ibi bibazo byabazwaga naburi wese.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>.
Yohani 1:23

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. Nikihe gihano Imana yahaye abisirayeli batizeye ko Imana ishobora kubageza mugihugu basezeranijwe?	Yabamajije imyaka 40 mu ubutayu kugeza bapfiriyemo.
2. Uyumunsi igihugu cy'isezerano cyitwagute?	Isirayeli.
3.Tanga abami bambere batatu ba Isirayeli	Sawuli, Dawidi na Salomo.
4.Umuhanuzi wanyuma yitwagande ?	Yohani umubatiza.
5.Ninde woherejwe kuburira abisirayeli Ngo bave mukutumvira Imana ?	Ni abahanuzi.
6. Ninde mwizera kuba umucunguzi?	Yesu Kristo.

ISOMO RYA 23

UMWANA W'INTAMA W'IMANA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : Iri somo ni isubiramo ry'isomo ry'ibitambo by'inyamanswa,Imana yakaga kugirango bitamirize ibyaha by'abantu mu isezerano rya kera. Menya neza ko abanyheshuri bumva neza ko bwari uburyo bw'igihe gito kugeza umucunguzi nyawe aje.

Imirongo y'ibyanditswe umwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Abalewi 1:1-3	Abalewi 1:10
Yhohana 1:19-31	Abaheburayo 9:11-14
Abaheburayo 10:1-10	1Petero 1:18-21

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Umunsi umwe ubwo Yohana umubatiza yabatizaga abantu mu ruzi rwa Yorodani, yabonye umuntu uza amusanga. Yohana avuga amagambo amwe n'amwe y'amanyamahanga.
- Aravuga ati : « Dore umwana w'intama w'Imana uzakuraho ibyaha byabari mu isi bose ».
- Yavugaga kujri nde kandi ni iki yashakaga kumvikanisha ?
- Mwibujke ko hari haciye Adamu na Eva birukanywe mu busitani bwa Edeni nyuma y'uko bemeye ibishuko bya Satani bakagomera Imana.
- Umuntu wese wavutse nyuma kuri Adamu na Eva yavutse ari umunyabyaha utandukanyijwe n'Imana, natwe ni uko turi munsi y'ububasha bwa Satani
- Imana irera kandi iratunganye kandi ntikor ana n'ikibi cyose.
- Icyaha cyose Imana igihanisha urupfu.
- Kubw'urukundo n'ikmpuhwe zayo, yasezeranye kuzohereza umucunguzi wazaga gukuraho abantu imbaraga za Satani, akishyiraho igihano cy'ibyaha byabo kandi akongera akabahuza n'Imana.
- Kugeza umucujnguzi aje, Imana yahaye abantu uburyho bw'agateganyo bwo kuyegera (ibitambo)
- Ubwo buryo bw'agateganyo, abisirayeli batambaga itungo ridafite inenge nk'imfizi y'intama cyangwa y'ihene bakavusha amaraso yayo noneho umuhore bakawutura Imana.

- Iyo abantu bamenyaga ibyaha byabo n'igihano bakwiye bakigarurira Imana baciye munzira yari yarabahaye. Imana noneho yemera umwana w'Intama nk'igipfuko cy'ibyaha byabo.
- Abeli yaje ku Mana mu buryo bumwe na Nowa.Aburahamu, Isaka,Yakobo,Mose, umwami Dawudi n'abandi…
- Igihe Imana yahaga Mose amategeko, yamutegetse ko umutambyi mukuru agomba kuvujsha amaraso y'imfizi y'Intama itunganye hagati y'amashusho abiri y'abamarayika yari mu ihema ry'ibonaniro.
- Amaraso y'imfizi y'Intama yemerwaga n'Imana nk'igipfuko cy'ibyaha by'abisirayeli mu mwaka wose. Umutambyi mukuru yagombaga kongera icyo gikorwa buri mwaka.
- Kuki noneho Yohana umubatiza yavuze ko hari ugiye gukuraho ibyaha by'abari mu Isi ?
- Mu maso akurikira, muziga birenze ho kuri uwo muntu n'impamvu Yohani yamwise « Umwana w'intama w'Imana ».

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>

Yohana 1 :29

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1) Ni ayahe magambo y'amanyamahanga Yohana umubatiza yavuze ?	« Dore umwana w'intama w'Imana uhoraho ibyaha by'abari mu isi Bose ».
2)kuki abantu batandukanijwe n'Imana ?	kuko bose bavukanye ibyaha.
3)Nigute Imana ihana icyaha?	Ihanisha urupfu.
4) Ninde Imana yasezeranye ko azaza Kwikorera igihano cy'ibyaha?	Ni umucyunguzi
5) Inyamaswa itambwa n'umutambyi Mukuru yagombaga kuba imeze gute?	Inyamaswa idafite inenge.
6) Mutambye itungo mu kariha Imana, Izabishimira ibababarire?	Oya, ntizabikora.

ISOMO RYA 24
Yesu ninde

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : Kwibutsa abanyeshuri ko hari Imana imwe gusa mubutatu : Imana-data, Imana-mwana, Imana-mwukawera. Yesu yavutse nk'umuntu ariko ni Imana-mwana.

Imirongo y'ibyanditswe umwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Abalewi 1: 10	Yesaya 7: 14	
Matayo 1:18-25	2Abakorinto 5:21	1Petero 2:22
Abaheburayo 4:15	1 Yohana 3:5	

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Inyamanswa Imana yemeraga nk'igitambo mw'isezerano rya kera yagombaga kuba ifite inenge na ntoya.
- Ntizagombaga kugira inenge nk'uburwayi, ibisebe ku mubiri kuba impumyi cyangwa igipfamatwi.
- Niba umucunguzi yari uwo gukuraho ibyaha byabantu bose, nawe yagombaga kuba atunganye
- Ibintibivuze ko atagombaga kugira ibikomere cg ko atashoboraga kurwara. Kuba atunganye bivuze ko yari ntacyaha afite muri kamere ye
- Nigute umuntu yari kuvuka ntacyaha afite ?
- Adamu ni sekuruza w'amahanga yose yo kwisi kandi kubw'icyaha cye, abari ku isi bose bavukana ibyaha.
- Uwo mucunguzi yagombaga kuvuka kuburyo bwihariye kugirango avukke adafita icyaha
- Ariko byose bishobokera Imana
- Imana yahisemo umukobwa witwa Mariya ngo abe nyina w'umukiza
- Mariya yari yararambagije umugabo Yosefu, ariko mbere yo gushyingirwa na Yosefu, Mariya aratwita
- **But before they got married etc…..**
- Yari isugi, ni guti none yatwise ?
- Byagenze bitya , Imana mwuka wera yamuhuhiyemo umwana(muriwe)
- Uwo mwana yari Imana-mwana wari waravuye mwijuru aba umuntu kugirango akize isi igihano cy'icyaha cyayo.
- Uwo mwana utangaje yazaga kugira amazina menshi, rimwe muriyo ryari Emmanuel bisobanura ngo<< Imana iri kumwe natwe>>

- Irindi zina ryari …..mushobora kurifora ? Yego, Yesu bisobanura umucunguzi
- Yesu si uwo murubyaro rwa Adamu nkatwe, yavuye mu ijuru, ni Imana, yavutse ntacyaha
- Yesu yari Imana akaba n'umuntu icyarimwe, Imana yaje yambaye umubiri-muntu iza kubana n'abantu ku isi
- Imana yifuje guha Yesu umupapa mwiza uzajya amwitaho ku isi, yohereza Maraika ngo ategeke yosefu kurongora Mariya n'ubwo rwose yari atwite
- Nijoro rimwe none ho, muri teritwari ya Israeli, mu mugi muto wa Betelehemu niho Yesu yavukiye nkuko byari byarahanuwe, mbere y'imyaka myinshi.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>.
Matayo 1 :23

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. Itungo ritambirwa Imana ryagombaga kuba ritunganye. Gutungana bivuze iki?

1.Ryagombaga kuba ritunganye
2. Ntanguma kuruhu
3. Kubona & Kumva

2. Kuki Imana yasrezeranije abantu umucunguzi?

Kugirango akureho ibyaha by'abari mu isi.

3. Umucunguzi nawe yagombaga kuba atunganye. Ibyo bisobanuye iki?

Ibyo bisobanura ko yagombaga kuvuka adafite ikizinga

4. Ni gute Mariya yatwise?

Yatwite inda n'Umwuka wera

5. "Emanweli" bisobanura iki?

wamukingirije igicu Imana iri kumwe natwe

6. Yesu ni Imana?

Yego ni Imana

ISOMO RYA 25

YESU AKURA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : Yesu ni Imana ariko yari n'umuntu. Yakuze nk'abandi bana ariko ntiyegeze asuzugura Imana-se

Imirongo y'ibyanditswe umwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Luka 2 :8-20 Matayo 2 :1-12

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Ijoro Yesu yavutse mo, Imana yohereje Malaika kubwira abashumba inkuru nziza yo kuvuka k'umucunguzi.
- Abo bashuba bari baragiye amashyo yabo hanze y'umujyi wa Betelehemu.
- Ako kanya haba urusaku rwinshi rw'abamarayika mu kirere baririmba ishimwe ry'Imana kubw'igikorwa gitangaje cyari kibayeho.
- Abashumba bareka amashyo bajya mu mugi kureba umwana uvutse
- Bahasanze Maliya na Yosefu n'umwana Yesu mu muvure w'inka barapfukama baramuramya
- Nyuma y'ibyo babwira buri wese ibyo abamaraika bavuze kuri Yesu
- Yesu yari umucunguzi wasezeranijwe n'Imana kuza gucungura abantu kuva mu bubata bw'icyaha
- Yesu yagize nanone abandi bashyitsi igihe yari umwana
- Imana yashyize inyenyeri idasanzwe mukirere ku ivuga rya Yesu
- Abantu baturutse kure y'igihugu bakurikira inyenyeri kugeza bageze kuri Yesu
- Abo Bantu bazaniye Yesu impano baramuramya kuko bari baziko adasanzwe, Yesu ni Imana-mwana, ni umwami w'abami kandi ni umucunguzi w'abazamwizera bose
- Ubwo yakuraga, Imana yaramurinze, iramuyobora mubyo yatekerezaga, yavugaga n'ibyo yakoraga
- Yesu yakurikije amategeko yose y'Imana
- Ntabwo yigeze acumura nkatwe kuko atavukanye kamere y'icyaha nkatwe.
- Twakomotse kuri Adamu, Yesu akomoka kuri se Imana.
- Yesu akurikira kuba umunyabwenge, ushimisha Imana n'abantu

Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko

Luka 2:52

Ibibazo byisubiramo

1) Ninde Imana yohereje kubwira abashumba ko umucunguzi yavutse? Abamarayika

2) Yesu yavukiye munzu nziza? Oya yavukiye mu mwnya wateguriwe amatungo bita umuvure

3) Ni iki Imana yashize mu kirere kiyobora abantu bagana aho Yesu yavukiye? Ni inyenyeri

4) Hari ubwo Yesu yigeze asuzugura Imana nibura rimwe? Oya

5) Kuki dusuzugura Imana? (tutayubaha) Ni kuko tuvuka kuri Adamu kandi tutavukana ibyaha

6) Yesu akomoka kuri Adamu? Oya, akomoka ku Mana

ISOMO RYA 26

IMPANO ISUMBA IZINDI KURIBOSE

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Kugirango iri somo rishimishe ,mushobora guha buri munyeshuri impano ntoya nka bombo cg gatobakayigabana. Irisomo rivuga kuri Yesu,impano isumba izindiyaburi wese yahawe abizerabose (irisomo rishobora kwigishwakumunsi wa noheri)

Imirongo y'ibyanditswe umwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Yohana 6:40 yohana20:30-31
Ibyakozwen'intumwa 2:22-23 abafeso2:8-9
1Yohana 4:9-10 ibyahishuwe 22:17

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Isabukuru niki ?isabukuru ni tariki y'amavuko y'umuntu runaka
- Niba mwaravutse le 10/7/1994 niukuvuga isabukuru yanyu izizihizwa buri tariki ya 10/7 buri mwaka
- Mu mico imwe n'imwe abantu bahana impano cg bakarya bidasanzwe mu rwego rwo kwizihiza iyo sabukuru .
- Yesu nawe afite iye sabukuru.
- Ese buri wese azi itariki y'isabukuru ya Yesu?
- yego ,ni tariki ya 25/ ukuboza
- tuyita umunsi wa noheri
- Imana ya duhaye impano isumba izindiku munsi wa noheli
- Yaduhaye Yesu kuri uwo munsi
- Yesu Imana –umwana yaje ku i si ku munsi wa noheli haciye imyaka 2000.
- Yaje nk'umwana ,uvuka kuri mariya muri Israeli
- Yarakuze akora ibitangaza byinshi nkoguhura impumyi kuzura abapfuye ,kwirukana amadaimoni n'ibindi byinshi …
- Yakoze ibyo bitangaza kugirango agaragaze ko yari Imana –mwana woherejwe n'ijuru
- Bamwe ntibamwizeye baramwica bamubamba kumusaraba
- Ibi waru umugambi w'Imana ,kuko Yesu yaje ku isi kugirango atange ubugingo bwe bube igiciro cyacu

- Mwibuke ko Imana yera kandi itunganye kandi ko ihanisha abanya byaha urupfu.
- Imana yahannye Yesu mu mwanya wacu, kugirango umwizera wera ababarirwe, abohorwe mu bubata bwa satani abe umwana w'Imana.
- Mbega impano nziza Imana ya duhaye ku munsi wa noheli.

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
Yohana 3:16

Ibibazo byisubiramo

1) Isabukuruni ki? Ni munsingaruka mwaka bibukaho umunsi w'amavuko.

2) Ni kuwuhe munsi twizihiza isabukuru ya Yesu? Ni tariki ya 25/ ukuboza, witwa umunsi wa nohelri.

3) Kuki Yesu ya koze ibitangaza ku isi? Imana –umwana woherejwe n'ijuru . Kugirango atwereke ko yari

4) Buri wese yizeye ko yari Imana? Oya.

5) Kuki Yesu yagombaga gupfa? Kugirango ahanirwe ibyaha byacu.

6) Ni gute icyaha cyacu gishobora kubaba rirwa? Bishoboka munzira imwe gusa yo kwizera Yesu we wishyuye indishyi y'ibyaha byacu ari ku musaraba

ISOMO RYA 27

UMWUKA WERA NI NDE?

Ibireba mwalimu : Muri rino somo tura vuga ku mwuka wera .mu isezerano ryakera Imanayahaga abantu bamwe gusa Umwuka wera ubuho hamwe n'isezerano rishya Umwuka wera aba mubantu bose bizera Yesu nk'umucunguzi

Imirongo y'ibyanditswe umwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro1 :1-2
I samweli 16:13
Luka 3:21-23
Yoha 14:15-18
Ibyakozwe nintumwa 1:4-5
kuva 35 :30-35
zaburi 51:11
yohani 7:37-38
Ibyakozwe nintumwa10:37-38

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Mwibuko twiga ko hariho Imana imwe rukumbi by'ukuri.
- Iri mubutatu ariko ni Imana imwe .
- Ni mana data ,Imana –mwana ,Imana mwuka wera
- Mu gihe cyisezerano rya kera ,aho ni mbere ya Yesu kristo ,Imana-umwana aza mwi isi ,Imana mwuka wera yazaga ku Bantu bamwe na bamwe akaba ha imbaraga zo kuzuza inshingano Iman yabaga yarabahaye
- Umwuka wera yafashije Nowa kubaha Imana no kumenyesha abantu ibyo akazaza.
- Umwuka wera yafashije Aburaham ,isaka na yakobo kubaha Imana
- Umwuka wera yahaye ubushobozi n'ubwenge abntu bamwe babasha kubaka ihema ry'ibonaniro mubutayu.
- Umwuka wera yafashije mose kwandika ijambo ry'Imana riboneka muri bibliya na n'ubu.
- Ibitabo bitanu bya mbere byanditswe na Mose.
- Umwuka wera yatwitishije Mariya, unafasha yohana umubatiza gukora umurimo w'Imana.
- Umwuka wera yafashije Dawidi aba umwami mwiza no kwandika zaburi nyinshi muri bibiliya.

- Umwuka wera yahaye abo Bantu ndetse n'abandi imbaraga zo kurangiza inshingano zidasanzwe yabaga yarabahaye
- Umwuka wera wanafashije Yesu mugihe yabaga ku isink'umuntu.
- Yesu yari hafi y'imyaka 30 igihe yabatizwaga na Yohani umubatiza
- Ubwo Yesu yavaga mu mazi yujujwe imbaraga z'Umwuka wera arizo zamufashije kurangiza inshingano Imana yari yamuteguriye.
- Ni ubwo Yesu ari Imana ishoboye byose, ubwo yari ku isi nk'umuntu yifuje gufashwa n'Imana mwuka wera kugirango amushoboze gukora umurimo w'Imana.
- Umwuka wera yagenzuraga ibyo Yesu yatekerezaga, yavugaga n'ibyo yakoraga byose ari kw'isi.
- Uyu munsi mwuka wera afasha abantu bose bizera Yesu nk'umucunguzi.
- Twegeye imbere muri rino somo, tuziga byisumbuye umumaro w'Umwuka wera n'uburyo yabafashaga kuba abifuzwa n'Imana.

umurongo wo kwibutsa abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
1 Abakorinto 3:16

Ibibazo byisubiramo

1) Hari Imana imwe gusa cg eshatu? Oya imwe gusa

2) Ninde wafashije Mose kwandika ijambo ry'Imana? Ni Imana-mwuka wera

3) Ninde wafashije umwami Dawidi kuba umwami mwiza? Umwuka wera

4) Ninde wafashije Yesu gukora umurimo we ku isi? Umwuka wera

5) Ninde ufasha abizera Yesu bose ubu? Umwuka wera

6) Umwuka wera ninde? Ni Imana

ISOMO RYA 28
Yesu ageragezwa na Satani

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: iri somo rigaragaza ko abizera Yesu bagomba kubaha Imana. Yesu ntabwo yashutswe na Satani nk'uko Adamu na Eva babigenje. Imana ishobora kubafasha kuyubaha mugihe bageragezwa iyo bayibisabye.

Imirongo y'ibyanditswe umwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Matayo 4:1-11
Yohana 10:10
Yakobo 1:12-15
1Yohana 5:19
Yohana 8:44
1 Abakorinto 10:13
Abaheburayo 4:15-16
Abaheburayo 2:14-18

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Tugaruke muntangiriro ya Bibiliya. Mwibuke agakino Satani yatsinzemo Adamu na Eva agatuma basuzugura Imana.
- Adamu na Eva bahisemo ikinyoma cya Satani aho kubaha Imana.
- Kubw'ibyo bakoze ntabwo babaye abana b'Imana ahubwo imbuta za Satani.
- Twese tuva kuri Adamu, twavukiye mubutegetsi bwa Satani.
- Igihe Yesu yari ku isi, Satani yagerageje gushaka kumuyobya ngo amwigarurire.
- Satani yashakaga ko Yesu agomera Imana-se kugirango ate akamero ke k'ubutungane n'ubuziramakosa.
- Satani ntiyashaka ga ko Yesu aguma kuba Umucunguzi wasezeranijwe, uzakuraho ubwami n'ubushobozi bwe kubantu.
- Nyuma yo kubatizwa kwa Yesu, Umwuka wera wamujyanye mubutayu aho Yesu yiyirije iminsi 40 n'amajora 40.
- Satani yaje kugerageza Yesu mubutayu.
- Yesu yari ashonje cyane ananiwe ariko ntiyatsinzwe n'ikigeragezo cya Satani.
- Satani yari yarageregeje inshuro nyinshi kugerageza Yesu kugirango amubuze kubaha Imana ariko Yesu ntiyigeze acumura
- Munzira zose yemeraga gucira se bugufi.
- Yesu ashoboye gufasha abamwizera bose nk'umucunguzi igihe bageragezwa na Satani kuko Yesu atigeze yumvira Satani.

- Satani ntiyishima iyo hagize ugarukira Yesu, agerageza kumugerageza ngo agomere Imana.
- Iyime ikinyoma cya Satani, ntakwifuriza ibyiza.
- Ni umwicanyi na se w'ikinyoma. Ashaka kwica no gusenya isi yose.
- Niba inshuti zawe zitegura kwiba ahantu, anga icyifuzo cyabo babikore bo nyine.
- Niba mugeragezwa no kuvuga nabi bagenzi banyu, funga umunwa wawe, ijambo ridasohokamo.
- Mwibuke Yesu azi ibigeragezo byanyu, kuko yageragejwe nka twe.
- Ubutaha, nimugeragezwa no gukora ikibi, hamagara Imana igufashe guhakana. Imana iratunganye izagufasha.

Umurongo wo kwibuka abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
Abaheburayo 2:18

Ibibazo byisubiramo

1. Igihe Adamu na Eva bigomekaga ku Mana, ninde wabigaruriye? Ni Satani

2. Kuki Satani yashakaga ko Yesu amwubaha? Kugirango Yesu nawe abe umunyabyaha nyuma bimunanire kuba mucunguzi asezeranijwe

3. Yesu ntiyumviye Satani? Oya, ntibyabayeho.

4. Satani arabagerageza namwe ngo ugomere Imana? Yego

5. Kuki Satani atugerageza natwe? Kuko ashaka kutuyobora.

6. Ninde ushobora kubafasha kugirango muhakanire Satani? Ni Yesu

ISOMO RYA 29
Yesu ahaza abantu 5000

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Abantu bizera Yesu kubera impamvu zitandukanye natwe dufite bibiliya idufasha gufata umwanzuro wo kwizera Yesu nk'umucunguzi w'isi yose.

Imirongo y'ibyanditswe umwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Matayo 4:23-25 Matayo 7:27-29
Yohana 1:45 Yohana 4:39-42
Yohana 5:46 Yohana 6:1-14
Yohana 20:30-31

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Kwicyo gihe, Yesu yari afite imyaka 30
- Yari yuzuye Umwuka wera kandi yaratangiye umurimo yahawe na se ku isi
- Yesu yakoreshaga igihe cye kirekire agendagenda mu migi ya Israeli
- Abantu benshi bakurikiraga Yesu, bakamwumva ubwo yagendaga kuko yavuganaga ububasha ntase n'abatware
- Yesuj yasobanuye ibyanditswe by'isezerano rya kera Imana yari yarandikishije Mose n'abahanuzi, imyaka myinshi ishize
- Yesu yarazi byuzuye ubusobanuro bw'ibyanditswe kuko yari Imana-mwana kandi niwe wanivugagaho
- Abantu benshi bizeraga ko ari umucunguzi waseranyijwe, Adamu na Eva, Nowa, Aburahamu, Isaka, Yakobo, n'abandi.
- Bizeaga ko Yesu yariwe wagombaga gutabara abantu. Satani, icyaha n'urupfu
- Imana yabizeraga nk'abana bayo kubwo kwizera Yesu
- Abandi bizejwe Yesu n'ibitangaza yakoraga.
- Yesu yahisemo abantu12 kugirango bamwigireho, nyuma bakorane hirya no hino aho yajyaga kwigisha, gukiza abarwayi no kubwiriza ijambo.
- Aba bagabo bari bazwi nk'abigishwa.
- Umunsi umwe ubwo Yesu yigishaga abigishwa be, abantu benshi baraje bateranira aho yari kugirango bumve inyigisho ze
- Yesu yasabye abigishwa be kugaburira abantu kuko bwari bukeye kandi abantu bari bashonje.

- Hari abantu barenga 5000, ni hehe bashoboraga gukura ibyo kugaburira abo Bantu bose?
- Bari bafite gusa utugati duto 5 n'amafi 2
- Yesu yarabizi ! yari afite umugambi mwiza.
- Yesu afata imigati 5 n'amafi 2, ashima Imana se nyuma aho abigishwa ngo bagabanye abantu.
- Mwakwibaza ibyakurikiye ?
- Yego, ibiryo byagendaga byiyongera uko babibagabanyaga, birasaguka hasi hasigara inkangara 12 z'ibiryo
- Mbega igitangaza gikomeye ? abantu benshi batangiye kwizera Yesu kubw'icyo gitangaza.

Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko.

Yohana 6 :14

Ibibazo byisubiramo

1) Kuki Yesu yashoboye gusobanura ibyanditswe? Kuko yari Imana mwana kandi ibyanditswe niwe byavugaga

2) Inshuti za Yesu 12 zitwaga ngo iki? Abigishwa be

3) Ni abantu bangahe bashakaga ibiryo? Basagaga 5000

4) Bari bafite ibihe biryo ? udufi 2 n'imigati 5 gusa

5) Ni iki cyabaye ubwo Yesu yishimiraga Imana? Ibyokurya byariyongereye uko zagendaga zibigabanya abantu

6) Hasigaye inkangara zingahe? Inkangara 12

ISOMO RYA 30
Yesu ababarira umuntu ibyaha bye

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: mumatorero amwe n'amwe babwiriza ko abapasiteri, abapadiri bashobora kubabarira abantu ibyaha byabo ariko Imana yonyine niyo ifite ububasha bwo kubabarira ibyaha mugihe tubyihanye.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Mariko 2: 1-12 Yohani14:6-11
1Yohana 2:1-2 Yohana 20:30-31
1Yohana 1:9

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli
Kwigisha banyeshuli iki gice

- Abantu benshi bakurikiraga Yesu hamwe n'intumwa ze aho bajyaga hose;
- Abantu bamwe bazaga kumva inyigisho ze, abandi nk'abigisha biyobokamana bazaga kumva Yesu bashaka kumugenza igihe yavuga cg yakora ikibi abandi barazaga kubera ko baribizeye ko Yesu azababera umwami n'abandi nabo basangaga Yesu kuko bari barwaye bashakaga gukira
- Umunsi umwe Yesu n'intumwa bigishiria munzu iyo nzu yari yuzuye mo abantu kuburyo nta muntu wari kuba yakwinjira aciye mu muryango.
- Abagabo bane bazakureba Yesu bamuzaniye inshuti yabo yari irwaye iri kuburiri bwayo
- Uwo mugabo ntiyashoboraga nagato kuba yanyeganyega amaguru ye cyangwa ngo ashobore kugenda ;
- Inshuti ze zizeraga ko Yesu yamukiza bashobojwe kumwegera ;
- Buriye igisenge cy'inzu baca inzira hejuru yaho Yesu yarari ;
- Bamanura wa murwayi ari kuburiri bwe muri wa mwobo waciye kugeza ubwo ageze imbere ya Yesu
- Yesu yashoboye kubona ko mubyukuri bwamwizeye ashimishwa no kuba bamugiriye ibyiringiro
- Yesu abwira umurwayi<<mwana wanjye ibyaha byawe urabibabariwe>> bamwe mubanditsi bari kumwe na Yesu mucyumba bumva amagambo ye ;
- Batangiye kwibaza<< nigute umuntu usanzwe ashobora kubabarirwa ibyaha Imana yonyine ibabarira ibyaha

- Ntibizeraga ko Yesu yari Imana agakorana nayo(se) kandi ko yari afite ubushobozi bwo gukiza abantu ibyaha.
- Yesu yarazi ibyo batekerezaga kuberako Imana, Yesu yakijije amaguru y'icyo kimuga anamutegeka kwikorera uburiri bwe agataha mu rugo ;
- Abantu bose babonye icyo gitangaza baha Imana icyubahiro, abantu benshi batangira kwizera ko Yesu ariwe mukiza wukuri waseranywe.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>.
Mariko 2 ;7(igice cya nyuma)

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. kubera iki abantu bakurikiraga Yesu ahantu hose?	Bamwe bashakaga kumva inyigisho Ze, abandi bashakaga gukira, abandi bizeraga ko azababera umwami abandi bashaka kumwu mva cyangwa cyangwa kumubona akora igikorwa kibi
2. Ni hehe Yesu yabwirizaga igbihe Abagabo bane bamuzaniraga Inshuti yabo?	Mu nzu
3. Ni kuki bamuzaniye Yesu?	Bari bafite ikizere ko Yesu aramukiza
4. N'iki Yesu yabanje kubwira uwo Mugabo	<<Mwana wanjye ibyaha byawe urabibabariwe>>
5. Ninde wenyine ushobora kubabarira Ibyaha?	Imana
6. Yesu n'Imana	Yego, niyo kandi yabigaragarije aba ntu mugukiza ibirenge by'ikirema

ISOMO RYA 31
Mugomba kuvuka bundi bushya

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Abantu benshi bizera ko bashobora gushimisha Imana mu gukora<< imirimo myiza>>. Ibi si ukuri abantu bose bavutse ari abanyabyaha bagomba guhanirwa ibyaha byabo. Kujya kurusengero tugakora ibikorwa bigaragara neza ntibyatuma twemerwa imbere y'Imana kugira ibyiringiro muri Yesu nibyo bidusobanurira imbere y'Imana.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Yohana 3: 1 – 8 1 Samweli 16: 7

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Muribuka ko twavuze kuby'iminsi mikuru yacu y'amavuko mu isomo rya 26. muziko bishobora kugira iminsi mikuri ibiri y'amavuko ?
- Mwumve iyi nkuru muzamenya ;
- Umunsi umwe, umugabo ahamagara Nikodemu wari usanze Yesu mu ijoro
- Uwo mugabo w'ingirakamaro muri Israeli yari umuyuda akaba n'umufarisayo ;
- Ibi bisobanura ko yari urubyaro rw'Aburahamu akana n'umwanditsi
- Nikodemu yari yarageregeje kugenzura amategeko yose Imana yari yarahaye Mose ;
- Yari yarahaye abantu andi mategeko mashya ;
- Yarafite akamenyero ko kuvuga(kwondora)isengesho igihe kirekire mu ijwi rirerire murusengero, agatanga icyacumi cy'ibyo afite byose kandi akabikora igihe cyose,
- Yarafite nanone akamenyero ko kwiyiriza kugirango ashimishe Imana ;
- Yambaraga imyenda iberanye n'iyurusengero n'abantu bose bizeraga ko k oari ingirakamaro n'igitangaza ku Mana;
- Nikodemu yari yemeraga ubwe kandi akizera Imana nayo imwemera;
- Imana yakundaga Nikodemu kandi yari izi ibye byose;
- Imana izi ibyacu byose kandi iradukunda cyane;
- Yesu ……. Nikodemu ko n'ubwo afite imirimo<<myiza>> nyuma yayo ko Imana itamwemera nk'umwana wayo;
- **Nicodemus was very confused etc…….**

- Yesu amubwirako uburyo bwonyine kugirango umuntu abe umwana w'Imana ni<< kuvuka bundi bushya>>.
- Nikodemu ntabwo yumvise ukuntu ashobora kwinjira munda ya nyina akongera akavuka bundi bushya kandi yaramaze kuba umusaza? Icyo ntabwo cyari igisobanuro cy'ubutumwa bwa Yesu.
- Yesu asobanura ko abantu bose, harimo na Nikodemu bavutse batandukanijwe n'Imana bitewe n'impamvu yo kutubaha;
- Ishyanga ryose wari umuryango wa Satani nta muntu washoboraga kwicungura ubwe kubw'igihano akora imirimo myiza kugirango ashimishe Imana;
- Imana yonyine niyo ibasha kuducungura kubw'igihano cy'icyaha.
- Ni mu kwizera Yesu gusa dushobora kuvuka bundi bushya mu muryango w'Imana no kuzabana nawe umunsi umwe ubuzira herezo
- Umwuka wacu<<uba wavutse bushya>> uva mu muryango wa Satani ujya mu muryango w'Imana
- Ni muri ubwo buryo habaho iminsi ibiri y'(amavuko) mikuru ubwa mbere iyo twabyawe nab a mama, ubwa kabiri iyo duhisemo kwizera Yesu ari nabo kuduha uburenganzira bwo kuba abana b'Imana
- Umaze kugira iminsi ingahe y'amavuko ingahe?

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1) Yesu yakundaga Nikodemu? Yego Imana ikunda abantu bose

2) Nibihe bikorwa bimwe Nikodemu Yakoraga kugirango agerageze gushimisha Imana? -yubahiriza itegeko, yariyirizaga yarasenga ga, yaratangaga amafaranga

3) Ese ibyo Nikodemu yakoraga Byari byiza? -yego, byari byiza

4) Imana yemeye Nikodemu nk' Umwana we kubera ibyo yakoraga? Oya, ntiyamwemeye

5) Ni kuki Imana itemeye Nikodemu nk'umwana wayo? kubera ko Imana idashobora Kutwemwra nubwo twaba tumaze igihe Kirekire, mugihe tutarabyarwa ubwa Kabiri

6) Ni gute dushobora kubyarwa ubwa kabiri? Mu kwemera Yesu Kristo nk'umwami n'umukiza wacu

ISOMO RYA 32

GIHENOMU CYANGWA IJURU?

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Bibiliya itubwiraneza ko nyuma y'urupfu hazaza urubanza tukazajyanwa mu ijuru cyangwa muri gehonomu. Niba twarizeye Yesu cyangwa tutaramwizeye. Iki nicyo gihe cyo gufata umwanzuro wawe wo kwizera Yesu, bizaba byararenze igihe nyuma y'urupfu.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Matayo 10:28
Luka 23:39-43
Yohana 14:1-3
1Abakorinto 2:9
2Abakorinto 5:1-8
Luka 16:19-31
Yohana 3:36
Abaroma 5:12
1Abakorinto 15:35-58
Ibyahishuwe 21:1-8
Abaheburayo 9: 27 - 28

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Bibiliya itubwira ko mu ntangiriro Imana yaremye isi iboneye
- Nta burwayi, na muruho cyangwa urupfu, ibiremwa byose byari byiza
- Imana yari yaremye Adamu na Eva kugirango babe muri iyosi iboneye barikuzayibamo ubuziraherezo bari kumwe n'Imana ;
- Imana yarabakundaga ikababuza kuyubahuka bica amategeko yayo ;
- Ingaruka zo kutubaha Imana yari gutandukana nayo, urupfu, rw'umubiri, no gutandukana burundu bajya mu nyanja y'umuriro
- Adamu na Eva bahisemo kumva ibinyoma bya Satani no kutubaha Imana,
- Nta muntu ushobora kuba ubuziraherezo kuri iyisi kubera abakurambere bacu Adamu na Eva ;
- **We are born sinners etc**
- Twavutse turi abanyabyaha n'imibiri yacu izapfa. Ariko bibiliya itubwirako imibiri yacu ari amahema cyangwa inzu y'icyo<< tguricyo>> aricyo Umwuka wera,
- Umwuka ntushobora kuba kuri iyi si nta mubiri
- Iyo imibiri yacu ipfuye (ipfuye muburyo bw'umubiri) imyuka yacu ikomeza kubaho ubuziraherezo;
- Hari imyaka 2 gusa dubora kujyamo nyuma y'urupfu

- Imyuka y'abizeye Yesu yaje gupfa kugirango yishireho igihano cy'ibyaha byabo, bazajya kubona Imana ubuziraherezo aho azabaha imibiri mishya idashobora gupfa

- Imyuka y'abatizera Yesu izatandukanywa n'Imana iteka ryose ijyanwe mu nyanja y'umuriro.
- Ubwo Yesu yabaga kuri iyi si yakijije abarwayi bose bazaga bamusanga kandi yanazuye abapfuye,
- Yesu yatekerezaga gutya mukwerekana abantu ko ari Imana kandi ko Imana ari nkuru kuri Satani, uburwayi n'urupfu;
- Twese tuzapfa umunsi umwe, kubera uburwayi, impanuka, gusaza…;
- Ariko niba byukuri mwizera Yesu, ntimugire ubwoba bwo gupfa, siryo herezo, ahubwo n'itangiriro ry'ubuzima!
- Bibiliya itubwira ko Imana yateguya ibintu byiza mu ijru, kubantu bizeye Yesu, ibintu tutigeze dutekereza, tutigeze tubona, cyangwa tutigeze tubona;
- N'ikihe cyizere cyiza abana b'Imana bafite igihe kizaza
- Hitamo Yesu uyu munsi igihe kitararenga

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>

Yohana 11;25(igice cya nyuma)

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. kuki abantu bose bapfa? Icyaha ni urupfu cyazanywe mu isi na Adamu, dukomoka kuri we tugomba gupfa

2. Imyuka yacu irapfa? Oya ibaho ubuziraherezo

3. N'iyihe myanya 2 ishobora
   Kubabwamo n'imyuka yacu? Ijuru cyangwa Gihenomu

4. N'iyihe myuka izaba muri gihenomu? Imyuka y'abatizera Yesu

5. Abizera bakagombye kugira
   Ubwoba bwo gupfa? Oya kuberako Imana yabateguriye umwanya mwiza Mu ijuru

ISOMO RYA 33
YESU ASHOBORA KUGUFASHA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Uyu munsi abantu benshi babaho mubikomeye nk'ubukene,ibisindisha, ibiyobya bwenge ubuhehesi n'ubusambanyi. Satani abayobora mu kwiyahura kugirango bivane muri ibyo bibazo. Yesu ashobora gufasha nta kibazo kibaye kuko ntakimukomerera.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Yesaya 41:10-13 Mariko 5:1-20
Mariko 9:14-27 Yohana 8: 44
Abaroma 8:35-39 Ibyakozwe n'Intmwa 16:16-34

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Mu isomo ryabanje twize yuko imyuka yacu idashobota kubaho kuri iyi si nta mubiri. Iyo dupfuye, iragenda mu byiza mu ijuru cyangwa muri gehonomu ;
- Mu mici imwe, Satani yabeshe abantu abaha kwizera ko ko abakurambere babo bakomeza kuba kuri iyi si
- Imyuka, yonyine iba kuri iyi si n'iyabadayimoni n'iyakurikiye Satani ;
- Rimwe na rimwe abadayimoni baba mu bantu bakabakoresha ibintu bibi
- Ariko mwibuke ko Imana ariyo nkuru kuri Satani,kandi ifite ubushobozi kuri Satani no kubadayimoni ;
- Yesu erekanye ubwo bushobozi umunsi umwe ubwo yahuraga n'umuntu umwe wabaga mu misozi ya Israeli ;
- Umugabo yacungwaga n'abadayimoni benshi ;
- Igihe cyose, amanywa n'ijoro, uwo mugabo yarasakuzaga akanikebesha amabuye.
- Abantu bari barageregeje kumufungisha iminyururu, ariko abadayimoni bamuhaga imbaraga zo guca iyo minyururu ;
- Nta muntu washoboraga kumufasha kuko yarari mu butware bw'abadayimoni ;
- Igihe uwo mugabo yabonaga Yesu aje, abadayimoni bamusakurizamo cyane, kuko bari baziyuko Yesu ari umwana w'Imana
- Bari bazi ko Yesu afite ubushobozi kuri bo bamwinginga ngo atabohereza mu nyanja y'umuriro mbere y'igihe, nk'igihano
- Imana ifite umugambi wo guhana Satani n'abadayimonibe mu gihe kizaza n'abadayimoni barabizi, baramwinginze rero ngo abohereze mu ngburube zari iruhande,

- Yesu abaha uburenganzira bwo kwinjira mu muganda w'ingurube zihutiye kujya mu nyanja zirarohama ;
- Mugihe abadayimoni basohokaga mu muntu, nibwo yahise yemera kwambara no kwicara atuje ;
- Imana imubwira gutaha mu rugo no kubarira umuryango we icyo Imana yamukoreye ;
- Uwo mugabo ntiyarafite ubushobozi bwo kugira icyo yimarira nta n'umuntu wa mufashaga, ariko Yesu yamubohoye muri ubwo bubata ;
- Uyu munsi Satani akomeje gukora buro ki abant bumva ko ntabyiringiro bafite byo kuva mubibazo byobo bya buri munsi ;
- Bumva nta wabafasha ;
- Satani abazanamo igitekerezo, ko byakabaye byiza bapfuye aho kuba muri ubwo buzima ;
- Abantu bamwe bumvira ibinyoma bya Satani ba kiyica ;
- Ntuzakore narimwe ibyo ! ntabwo ari igisubizocy'ibibazo byawe
- Satani yanga Imana n'abantu kandi ashaka gusa gusenya abantu ;
- Burigihe hari ubufasha kubibazo byose ;
- Banza ubwire Imana ikibazo cyawe nanone undi muntu mugirira icyizere: Papa wawe,mama wawe,Pasitori wawe, umwarimu wawe n'abandi..
- Ibuka ko nta nakimwe gikomeye imbere y'Imana.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>

Yesaya 41:13

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. Iyo dufite, imyka yacu ijyahe? Mu ijuru cg muri gehonomu

2. N'iyihe myuka iba kuri iy'isi? N'imyuka y'abadayimoni gusa

3. Yesu afite ubutware kumyuka y' Abadayimoni? Yego

4. N'uwuhe mwuka uzanwa na Satani Mu Bantu bafite ibibazo? Ibizanamo Umwuka wo kwica

5. Ni kuki mudashobora kumva Narimwe Satani ? Satani yanga Imana n'abantu ashaka kubona Ibintu bibi bgera ku Bantu

6. Niba mufite ikibazo cyangwa muzi Undi ufite ikibazo n'iki mwakagombye Gukora ? Kubibwira Imana cyangwa undi wizerwa.

ISOMO RYA 34
YESU AFITE UBUSHOBOZI KU MURABA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Urubyiruko ruhura uyumunsi n'ibibazo byinshi biteye ubwoba, ubwicanyi, ihohoterwa, ikumirwa, ubujura,..n'ibindi byose n'ibice by'ubuzima bw'abantu benshi. Ibutsa abanyeshuri ko Iman ibizi ko ibakunda kandi ko yabarinda muri ibyo bihe bigoye baramutse bayitabaje.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 1:9-10	Kuva 14:21-22
Yosuwa 4:23-24	Zaburi 24:1-2
Zaburi 37	Mariko 4:35-41

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli
Kwigisha banyeshuli iki gice

- N'iki kibateye ubwoba? Imirabyo? Urusaku rwishi, abantu barwana ? amajoro y'umwijima ?...kuba wenyine?
- Hari ibintu byinshi bishobora kudutera ubwoba, umuntu wese ashobora kugira ubwoba rimwe na rimwe ;
- Ndetse n'intumwa cumi n'ebyiri za Yesu zagize ubwoba
- Ijoro rimwe Yesu n'intumwa ze barimo bambuka inyanja yitwaga inyanja y'igalilaya mu bwato buto mu gihe umuraba wakubitaga, umuyaga mwinshi utangira guhorera ;
- Ibitunda by'amazi byikubita ku bwato, butangira kuzura amazi ;abo bantu bari bafite ubwoba kuko bari bazi ko ubwato bugiye kurohama ubundi bakamanuka hasi munyanja ;
- Yesu yarari mu nyanja ariko asinziriye ;
- N'ubwo Yesu ai Imana, yari n'umuntu, yarananiwe kandi yarakeneye kuruhuka ;
- Ariko nigute yashoboraga gusinzira n'uwo muraba wari uteye ubwoba ?
- Nshuti ze ziramukangura, ziramubaza ziti : « kutubona turohama, ntacyo bikubwiye ? »
- Muratekereza ko Yesu yari atabitayeho ? Yego, birumvikana
- Abo bantu bari barabonye Yesu ahaza abantu 5000, akiza abarwayi, yirukana abadayimoni, bari bazi ko Yesu ashobora kudufasha muri icyo gihe gikomeye.
- Mwibuke muntangiriro ya Bibiliya, mugitabo cy'Itangiriro dusoma mo ko Imana yaremye isi n'inyanja ihereye ku busa

- Mugihe cya Mose, Imana yafunguye inyanja ishoboza abisiraeli gucika ingabo z'abanyegiputa
- Imana ishobora byose kuko ari ni mumuremyi ushobora byose
- Ifite ubabasha n'uburenganzira ku kintu byose, kuko ibintu byose ni ibye ndetse ninyanja, umuyaga n'uraba
- Yesu arahaguruka mu bwato ataegeka umuyaga n'umuraba gutuza
- Umuyaga urahagarara n'amazi aratuza
- Abigishwa ntibashoboraga kumva ibyabaye. Imana yonyine niyo ishobora guhagarika umuyaga uhuha
- Muri iryo joro Yesu yari kumwe n'inshuti ze mu bwato abakiza umuraba ngo batarohama
- Nonaha ntidushobora kubona Yesu ariko turi kumwe muburyo bw'Umwuka wera
- Ashobora kudufasha igihe cyose dufite ubwoba cg turi mubikomeye
- Mwibuke ko Imana ireba bose bizera kandi biringira Yesu
- Noneho ubutaha igihe muzagira ubwoba, mwibuke aya mateka, muhamagare Yesu abatabare abarinde yabikoreye abigishwa be namwe azabibakorera.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>

Zaburi 145:18

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1) Kuki abigishwa bari bafite ubwoba? Batekerezaga ko bagiye kurohama mu nyanja

2) Ni iki Yesu yakoze mu bwato? Yarasinziriye

3) Ninde waremye inyanja ? Imana
Ninde wafunguye inyanja kugirango

4) Atabare Abisraeli ingabo z'abanyegiputa ? Ni Imana

5) Kuki umuyaga n'ishuheri byubasye Yesu ? kuko Yesu ai Imana kandi afite ubu Basha kuri byose

6) Imana ishobora kudbafasha mugihe mufite ubwobacg muri mubigoye ?
yego, birashoboka.

ISOMO RYA 35
IMANA IKUNDA ABANA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Imana yita kuri buri wese , abato n'abakuru. Muri ayamateka,tubonamo ukuntu Yesu yazuye umwana upfuye.Kwutsa abanyeshuri banyu ko nubwo bakiri bato, Imana ibakunda nkuko ikunda abakuru.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo.

Matayo 9:27-31 **Matayo 14:22-36**
Matayo 19:13-15 **Luka 8:40-56**
Yohana 20:30-31

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Yesu yakoze ibitangaza byinshi bikomeye igihe yabaga hano ku isi.
- Yahumuye impumyi, akiza abarwayi, yakijije ibirema, akiza ibipfamatwi, yirukana abadayimoni ahaza abantu ibihumbi bitanu (5000) imitsima itanu n'ifi ebyeri, aturisha ishuheri ndetse agenda hejuru y 'amazi ntiyarohamamo.
- Kuki Yesu yakoze ibyo byose ?
- Yabikoze kugirango bamenye ko ari Imana –mwana
- Yesu yashakaga ko abantu bizera ko ariwe wari warasezeranijwe kuva kuntangiriro y'isi.
- Uwari kuza gukuraho imbaraga za Satani akishyura indishyi z'ibyaha byacu akaducira inzira yo gusubira mumuryango wiImana.
- Umunsi umwe Yesu yakoze ikindi gitangaza gikomeye.
- Umugabo witwa Yayiro yari afite agakobwa karembye (kenda gupfa).
- Yayiro yari yarumvise bavuga kubwa Yesu yizera ko ashobora kumukiriza umukobwa.
- Igihe Yesu yaganaga aho ako gakobwa kari kari, abantu baje kumubwirako uwo mukobwa yamaze gupfa.
- Bibwiraga ko igihe cyo kumukiza cyarangiye ariko Yesu yakomeje kujyayo.
- Yesu ahageze, abantu bose bari hanze barimo barira kubw'urwo rupfurw'ako gakobwa.

- Yesu yafashe Yayiro n'umugore we n'abigishwa be batatu.Binjira munzu ahari umurambo wako gakobwa.
- Yesu amufata akaboko aramubwira ngo nahaguruke.
- Umwuka we winjira mumurambo we aherako atangira kugenda(kuzunga).

- Ako kana kari akagaciro cyane kuri Yesu, yamwitayeho nkuko namwe abitaho.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>

Matayo 19:14

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1Nibihe bitangaza bimwe nabimwe Yesu yakoze? Yakijije abarwayi, ahumura impumyi Akiza ibirema.

2.Kuki Yesu yakoze ibyo bitangaza? Kugirango abantu bizere ko ari Imana –mwana.

3. Kuki Yayiro yashatse Yesu? Kuko yari yizeye ko ashobora gukiza Umukobwa we.

4. Kuki abantu basakuzaga ? Agakobwa kari kapfuye.

5.Ni iki cyabaye Yesu amukozeho? Umwuka we wamugarutsemo Arahaguruka.

6. Yesu yita kubakuru gusa? Oya, yita no kubana.

ISOMO RYA 36

YESU ATWIGISHA UBURYO BWO GUSENGA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Isengesho n'igice cy'ingenzi mubuzima bw'umwana w'Imana.Mugomba guhatira abanyeshuri kugira igihe cy'umwihariko wo gushaka Imana buri munsi.Kandi bagakomeza bagakomeza kuvugana n'Imana buri munsi baba bakora cyangwa se bakina.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Imigani 15:29	Matayo 6:1-15
Luka 11:1-13	Luka 18:1-14
Abefeso 6:18	Abafilipi 4:4-7
1 Abatesalonike 5:16-18	1Timoteyo 2:1-4

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Mugihe Yesu yabaga hano ku isi yigishije abigishwa be ibintu byinshi.
- Yabikoreye kugirango abemerere kwigisha abandi.
- Ikintu kimwe mubyo yabigishije ni ugusenga.
- Niba mwizera Yesu ,Imana ni so wo mw'ijuru.
- Ashaka kubabwira kandi yifuza ko mumubwira by'ukuri nkuko mubwira imiryango yanyu cyangwa inshuti zanyu buri munsi.
- Atubwira iyo dusoma Bibiliya ndetse no mUmwuka were ubu mumitima yacu.
- Tuvugana n'Imana mwisengesho.
- Mushobora kubwira Imana ibyo mushaka byose. Muyibwire ko musha inshuti.Muyibwire mugihe mufite ibibazo murugo cyangwa se ku ishuri.Muyisabe kugira indwara igihe murwaye.
- Mushobora gusenga Imana igihe cyose, kumanwa cyangwa nijoron'aho ariho hose.
- Mushobora kwicara, guhagarara, gupfukama, kurambarara kubutaka ntakibazo ku Imana.
- **God does not always etc……**
- Imana ntisubiza amasengesho yacu buri gihe uko tubyifuza; igihe kimwe "yego" ikindi gihe "oya"ubundi "tegereza".

- Tugomba kwiga kugira ibyiringiro mu Imana tukanamenya ko izaduha ibyiza (ibidukwiriye).
- Uko uvugana n'Imana cyane niko ugenda urushaho kwiga ukamenya inzira zayo zo gusubiza. Niyo mpamvu ari iby'igiciro kuri mwe gusenga buri munsi.
- Igihe kimwe biratugora kumenya uburyo ndetse n'impamvu yo gusenga.
- Yesu yayaduhaye urugero rw'iisengesho ridufasha gusenga.Turyita "isengesho ry'umwami".
- Mutangire isengesho mbere na mbere mushima Imana, nyuma imirimo ye n'ukugirango ubushake bwe bukurwe ku Isi.
- Noneho muyisabe ibintu mukeneye mu mibereho.
- Mubabarire ababagiriye nabi. Mwibuke ko Imana yababababariye ibyaha byanyu byose.
- Musabe Imana ibafashe kuyubaha mubyo ibasaba byose ndetse inabarinde Satani.
- Ku iherezo ry'isengesho mushime Imana nanone kuko ari Imana ishoboye byose kandi icyubahiro n'ubutware ari ibyayo.
- Imana yumva kandi isubiza amasengesho yose y'abana bayo. Ntimucike integer mukomeze gusenga, Imana irabumva.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>

Abafilipi 4:6

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. Ni ikihe kintu dushobora gusengera ? Ni ibintu byose.

2.Ni ryari dushobora gusenga Imana ? Ni igihe cyose.

3.Ningombwa gupfukama igihe dusenga ? Oya.

4.Igihe cyose ,Imana isubiza amasengesho yacu uko tubyifuza ? Oya

5.Ibyo ni ukubera iki ? Ni uko Imana iduha ibidukwiye.

6. Igihe cyose Imana isubiza amasengesho yacu? Yego Igihe kimwe ikoresha yego

ISOMO RYA 37

UKURI KURI VIH SIDA IGICE CYA I

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Mu Isi yose abantu amamiriyoni yicwa na SIDA mugomba kuvuga ukuri kuri icyo kirwara gikanganye kugirango abanyeshuli banyu bashobore guhitamo neza ubuzima bwabo kandi babeho batuje batarwaye icyo kirwara kica.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo
Luka 5:12-13 **Luka 17:11-19**

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha abanyeshuli iki gice

- Igihe Yesu yari hano ku isi yakijije indwara nyinshi zitandukanye.
- Abamuzagaho bose bizeye gukira yabakizaga byuzuye no muburyo batatekerezaga.
- Yesu ntawe yigeze yirukana mubamusanze bose.baba abarwayi ndetse n'ababaga bafite ibindi bibazo.
- Umunsi umwe abagabo icumi barwaye ibinyoro (indwara y'uruhu) baratatse basaba Yesu gukira.
- Abo bantu byari ngombwa ko kuba kure y'imiryango yabo ndetse n'inshuti kuko iyo ndwara yanduraga.
- Yesu yumva uko biyumvaga bonyine n'uko bababaye,arambura ukoboko.
- Abantu batinyaga iyo ndwara y'ibinyoro n'uyumunsi hariho indwara yindi yitwa VIH SIDA iteye abantu ubwoba.
- SIDA nayo irandura ariko si nk'ibinyoro.
- Ntabwo SIDA yanduzwa no gukora cyangwa guhobera umuntu wayanduye .
- Ntiyandurira mukurarana mucyumba cyangwa kogana cyangwa gusangirira ku isahane cyangwa ifurusheti(ikiyiko)

.

❖ Hari inzira 3 abantu banduriramo SIDA.
1.Umubyeyi wanduye ashobora kuyanduza umwana atwite.
2. Iyo amaraso y'umuntu uyirwaye yivanze n'ayundi muntu ahita yandura virusi itera SIDA.Ibi biba iyo mutizanyije urushinge cyangwa inzembe cyangwa iyo muganga akoresheje icyuma kimwe akeba abantu benshi.
3.Gukora urukundo (kuryamana)n'umuntu wanduye nibibi cyane kandi abenshi niho bandurira.

- Umuntu ufite SIDA atangira kurwara indwara nyinshi zitandukanye : nkibicurane, igituntu,ibibyimba, impiswi,guta ibiro no guhumekera hejuru cyane.
- Nyuma y'imyaka runaka umuntu arananirwa cyane agapfa.
- Si mubushake bw'Imana abantu bandura SIDA ngo bapfe kubwubwo buryo.
- Mu isomo rikurikira tuziga ijambo ry'Imana kugirango turebe umugambi w'Imana kubuzima bwacu bidufashe kurindwa icyo kirwara cyitwa SIDA.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>

Yohana 8 :32

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. Ni rihe zina ry'icorezo abagabo 10 bari barwaye ? Ibinyoro.

2. Kuki abantu batinyaga ubwo burwayi ? Ni uko yanduraga vuba

3. Umuntu azandura SIDA kuko yaraye mucumba kimwe n'uyirwaye? Oya.

4. Ni izihe nzira 3 SIDA yanduriramo ?

-Umumama wanduye ayanduza umwana atwite.
-Guhuza amaraso n'uwamaze kwandura virusi.
-Kurongora umuntu uyirwaye.

5. Nizihe ndwara zirwarwa n'umuntu urwaye SIDA ? Ibibyimba,Impiswi, Guta ibiro, igituntu…..

6. Hari umuti wa SIDA ? Ntawo.

ISOMO RYA 38

UKURI KURI VIH SIDA IGICE CYA II

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana:Mugihe cy'isezerano rya kera, Imana yemereraga abantu abagore benshi.Iserano rishya ryigisha kumugaragaro ko ari bibi kugira abagore benshi.Nkuko tutagikoresha ibitambo by'inyamanswa kugirango tubabarirwe ibyaha, ntitugomba no gukurikiza ingero zo mu isezerano rya kera mu birebana n'imibonano mpuzabitsina n'amashingirwa.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro 16:1-4
1Abami 11:1-6
1Abakorinto 6:9-20
1 Abakorinto 10:12-13
Itangiriro 29:16-30
Yohana 8:44
1Abakorinto 7:1-11
2Petero 2:4-9
Matayo 19:1-9

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha abanyeshuli iki gice

- Mu isomo ryabanje twabonye uburyo abantu bandura SIDA n'ibiba kuwamaze kuyandura.
- Twanize ko iyindwara itaza mubushake bw'Imana.
- Yesu aduha umurongo ngenderwaho mu ijambo rye, Bibiliya ko ariyo izaturinda SIDA nituyigenderamo.
- Ibyo Imana idusaba ntibigoye kubaha kuko yaduhaye Umwuka wayo wera udufasha kurenga ibigeragezo no kuyubaha.
- Imana izi ibyiza bidukwiye kandi tugomba kuyumvira kugirango turindwe.
- Twavuze ko bumwe muburyo bwo kwandura SIDA ari ugukora imibonano mpuzabitsina n'uyirwaye cyangwa se n'uwayanduye.
- Urubyiruko rwinshi, ndetse no kumyaka 12 cyangwa 13 bihitiramo gukora urukundo.Bibwira ko ari byiza n'ukuri ko kandi ko umuntu wese agomba kwitoza.
- Icyo gitekerezo n'ikinyoma cyane (nikibi cyane.).Satani abeshya urubyiruko ko ari umwitozo mwiza.
- Televiziyo, filimi, indirimbo n'ibinyamakuru, byose bivuga ibinyoma bya Satani byo kugira inshoreke nyinshi (abaraya).

- Niba umuntu akorana imibonano mpuzabitsina n'abantu benshi birashoboka ko yakwandura SIDA nubwo yaba akoresha udukingirizo.
- Udukingirizo ntiturinda SIDA 100%.
- Umugambi w'Imana ku abana bayo n'ugukura bakihitiramo umufasha w'umukristi uzaba umugore cyangwa umugabo kugirango bakore urukundo bo ubwabo bonyine.
- Abagabo n'abagore bakurikije uwo murongo, ntibakwandura virusi itera SIDA biciye mubusambanyi.
- Noneho mwumvise umugambi w'Imana kumubano no kugitsina.Niba umuntu ahisemo kwirengagiza ayo mategeko ashobora kwandura virusi itera SIDA no gupfa mbere y'imyaka 20.
- Ikindi n'igisubizo cy'Imana kuri SIDA umugabo umwe n'umugore umwe mubuzima.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvumburamatsiko</u>

1 Abakorinto 6:18 (igice cya mbere)

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1.Ninde ushobora kuza akadufasha kurenga ibigeragezo? Ni Imana Umwuka wera.

2.Dushobora gukurikiza imirongo ngenderwahoy'Imana? Yego

3.Ninde ushuka urubyiruko ko kugira indaya n'inshoreke ari byiza? Ni Satani.

4.Udukingirizo dushobora kurinda kwandura virusi ya SIDA 100%? Oya.

5. Niryari ibemerera yuko urukundo ? Wasezeranye.

6. Nikihe gisubizo cy'Imana kuri SIDA? Umugabo umwe umugore umwe Mubuzima.

ISOMO RYA 39

NTA YESU NTITWANEZEZA IMANA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Yesu ni ukuri, turi abanyabinyoma. Ntidushobora kwikiza igano cy'ibyaha byacu. Ni mugihe twizeye Yesu gusa, ukuri n'ubwiza bwe bitubonekaho noneho Imana ikatwemera nk'abana bayo.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Yesaya 61:10
Abaroma 3:23
Abaroma 10:1-4
Abagaratiya 3:6-14
Abefeso 2:8-9
Matayo 5:17
Abaroma 6:23
2Abakorinto 5:20-21
Abagaratiya 3: 21 – 25
1Petero 3:18

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha abanyeshuli iki gice

- Imana iha Mose amategeko yayo, imyaka 1500 mbere y'uko Yesu kristo, umucunguzi wasezeranijwe aza gutura ku isi
- Mose yariyaranditse ayo mategeko yatambutse urubyaro kurudi
- Abantu benshi bo mugihe cya Yesu bizeraga ko Imana ibanezerewe kuko bagenderaga muri aya mategeko yose, bakibwira ko Imana ibemera nk'abana bayo.
- Ntibari baziko bidashoboka kunezeza Imana hifashishijwe amategeko.
- Umuntu wese yakomotse kuri Adamu, avukana ibyaha, avuka atandukanyijwe n'Imana
- Iyo dusuzugura ababyeyi, tukitoza gutekereza nabi, kubeshya, tukagoma, tukiba.. tugaragaza ko twavukanye ibyaha.
- Twagombaga guhanishwa umuriro ugurumana.
- Twari dukeneye uwadukura mububata bwa Satani, akishyura indishyi y'ibyaha byacu akaducira inzira idusubiza mu muryango w'Imana.
- Yesu niwe wenyine wagendeye bitunganye mu itegeko ry'Imana
- Yesu yubashye byimazeyo inzira z'Imana-data kuko atavuye kuri Adamu nka twe, yavuye ku Mana.

- Yesu yabwiye abanditsi ko ataje gukuraho amategeko ya Mose cyangwa kuyahindura ahubwo ahubwo ko aje ku kuyasohoza ayakomeze.
- Ntidushobora kwikiza twebwe ubwacu kubera ubwiza bwacu,twaridukeye Yesu ngo adukize.
- Iyo twizeye Yesu.Yesu aduha ubwiza bwe n'ukuri kwe. Yarangijza Imana ikatubona nk'ibiremwa bitunganye, bitagira inenge byabariwe.
- Urakoze Mana kuko wohereje Yesu, umucunguzi wasezeranijwe kuko hatabaye Yesu, ntitwari kunezeza Imana

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvumburamatsiko</u>
Abaroma 6:23

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1) Kuki tuvukana icyaha? Ni uko tuva kuri Adamu, umunyabyaha wa mbere

2) Ni ibiki dukora bigaragaza ko turi abanyabyaha? Kubeshya, kwiba, kudaganya…

3) Ninde muntu wabashije kubaha amategeko yose y'Imana? Yesu

4) Yesu yaje gukuraho amategeko ya Mose? Oya, yaje kuyubaha byimazeyo.

5) Ibyaha byanyu bibabarirwa kuko mwubashye amategeko y'Imana? Oya

6) Ni iyihe nzira yonyne ibyaha byacu bibabarirwa? Iyo kwizera ko Yesu yishyuye Indishyi y'ibyaha byacu ubwo yahanwaga mu cyimbo cyacu.

ISOMO RYA 40

Tugomba gukundana

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: niba tuvugako turi abakirisito ibikorwa byacu bigomba kubyerekana. Nigute twerekana urukundo rwacu mu Mana. Mu gukunda abandi niba tudakunda basaza bacu nabashiki bacu, ntishobora gukunda Imana.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Mariko 12:28-34	Luka 10:25-37
Yohana 13:34	Ibyakozwe n'intumwa 10:34-35
Abefeso 4: 22-32	Yakobo 2
1 Yohana 4:7-12	1Yohana 3:11-18
1Yohana 2:3-6	1Yohana 4: 19-21

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha abanyeshuli iki gice

- Mu isomo ribanza twavuze yuko Yesu ataje guhindura amategeko ya Mose
- Yesu yaje kuyubahiriza neza no kudufasha kuyumva neza;
- Umunsi umwe abanditsi bagerageje kubaza Yesu bagirango barebe icyo azi ku mategeko yatanzwe na Mose;
- Baramubajije: « irihe tegeko riruta ayandi »;
- Aramusubiza at< kunda umwami Imana yawe n'umutima wawe wose kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda>
- Undi munsi, umufarisayo(umukuru w'amategeko)umwanditsi amubaza icyo kibazo;
- Aravuga"ninde mugenzi wanjye?"
- Bishoboka ko uwo mugabo yarafite ikibazo cyo gukunda abantu bamwe, cyangwa bishoboka ko yashakaga kumenya ko agomba gukunda gusa bagenzi be gusa cyangwa umuryango we n'inshutize;
- Kugirango asubize icyo kibazo, Yesu yabwiye iyi nkuru;
- Umunsi umwe umuyuda yarimo atembera mu muhanda afatwa n'abagizi banabi(abambuzi) baramukubita, bamwambura n'amafaranga ye yose;
- Bamurekera aho mu muhanda yibaza kandi asa nk'uwapfuye,

- Muri ako kanya umupadiri w'umuyujnda anyura muri uwo muhanda. Abana uwo mugabo umerewe nabi, aca kuruhande murundi ruhande rw'umuhanda.
- Abona n'undi wo mubwako bwa bayuda.aca kuruhande nta guhagarara ngo afashe iyo nkomere.
- Abona none ho umusamariya amanuka muri uwo muhanda;
- Abasamariya bari ibyimanyi. Bakomokaga kubayuda bashakanye n'ubundi bwoko. Babaga mu ijyi yabo no mubiturage byabo ukwabo;
- Abayuda nyabo bangaga abo basamariya, kuberako bizerako ari beza kubarusha;
- Ni ukubera iki Yesu yabaze iyo nkuru?
- Yesu yashakaga kubasobanurira ko n'ubwo uwo musamariya yaraziko abayuda bamwanga, yagize impuhwe z'umuntu wakomeretse, ahagarara kugirango amufashe;
- Yesu yavuze ko Imana itegereje kutubona dukundana, twubaha abantu bose, nta kubera amoko, inkomoko, umuco, igihugu cyangwa abantu bateye imbere, ibara ry'uruhu cyangwa itorero;
- Yesu akunda abantu bose kimwe, ntabwo arfutisha abandi(cg arobanura);
- Dufite ibibazo bimwe uyumunsi; abirabura bamwe banga abazungu, abakrisito banga abayisiramu; bamwe kubandi, n'abandi…
- Muri iy'isi tubonamo intambara kuberako abantu badakundana hagati yabo;
- Imana ishaka ko tuyereka urukundo rwacu, mu gukunda abandi nta kureba uwo ariwe;

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvunburamatsiko</u>

Abefeso 4:32

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. N'irihe tegeko riruta ayandi? Ukunde umwami Imana yawe n'umutima wawe wose
   Ukunde mujgenzi wawe nk'uko wikunda
2. kuki abayuda banga abasamariya? Ni ukuberako biyumvagamo ko ari beza kubaruta
3. Ninde wafashije umuyuda wakomeretse? Ni umusamariya
4. Imana hari abantu bamwe ikunda kuruta Abandi? Oya
5. Niba mubyhukuri turi abana b'Imana Nibande dukunda kubera yo? Abantu bose
6. Ni gute dushobora kwerekana Urukundo rwacu mu Mana? Mugukunda abandi

ISOMO RYA 41
Yesu, Umwana w'Imana w'ukuri wa Pasika

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Kuva 12:21-30 Mariko 14:1-2
Luka 22:7-20 Yohana 1:29
1Petero 1:18-21

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha abanyeshuli iki gice

- Kuricyo gihe Yesu yari afite imyaka 33
- Mu myaka 3 yakoraga umurimo se yari yaramushinze ku isi.
- Yakoze ibintu bishnimishije byhinshi kugira ngo agaragaze ko yari Iman-mwana umucunguzi wasezeranijwe
- Benshi baramwizeye ariko abandi barabyanga nka benshi mubakuru b'amategeko.
- Bamugiriye ishyari bashakisha uburyhko bwo kumwica.
- Buri mwaka, abayahudi bagbiraga umunsi mukuru ukomeye witwa"Pasika"n'ubu aracyizihizwa
- Uwo munsi n'umunsi wibutsa igihe Imana yakizaga abisirayeri ukuboko kwa marayika n'umuririmbyi muri Egiputa. Hari haciye ikmyaka 1500.
- Abisirayeri bari basize amaraso y'umwana w'Intama hejuru y'inkomanirizo y'imiryango y'inzu zabo ntabwo bapfuye.
- Imfura z'abanyegiputa, amatungo n'abantu barapfuye kuko batari barubashye amategeko y'Imana.
- Ku iherezo Farawo yaretse Mose n'abisirayeri baragenda bava muri Egiputa.
- Yesu n'abigishwa be 12 bari barimo bizihiza hamwe Pasika
- Mugihe barya Yesu afata agace k'umugati arakamanyura
- Abwira inshuti ze ati: ″uyu mugati umanyuwe ugaragaza umubiriwe ugiye kwangizwa no kugirirwa nabi n'ababisha″.
- Yesu afata igikombe cya vino abwira abigishwa be ati iyi vino igaragaza amaraso ye agiye kumeneka.
- Yesu abasobanurira k oar we mwana w'intama w'ukuri wa Pasika, utunganye kandi umwana w'intama w'Imana udafite ikizinga wagombaga gutangwa nk'igihano cy'ibyaha by'isi yose.

- Inyamanswa zose zari zatambwe imyaka myinshi yari ishize yarimishusho ye, umucunguzi wari warasezeranyijwe, umwana w'intama w'Imana uzamena amaraso kugirango yishyure igiciro cy'ibyaha byacu.
- Yesu abasaba kujya bamwibuka n'ibyo yaje gukora igihe cyose barya bananywera hamwe.
- Uyu munsi twibuka ibyo ikgihe twizihiza ifunguro ryera nk'abizera.
- Nti twibagirwe ibyo Yesu yadukoreye. Hashize imyaka 2000

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvumburamatsiko</u>
Yahana 1:29

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. Kuki abayahudi bizihiza umunsi mukuru wa Pasika? Bibuka ko Imana yabakijije umumarayika w'umurimbuzi igihe bari Egiputa

.

2. Abisirayeri bakoze iki kugirango marayika w'umurimbuzi atambuke kunzu zabo? Basize amaraso y'umwana w'Intama ku nkomangirizo z'imiryango y'inzu zabo.

3. Umukati (ukataguye) umanyaguwe ukwikbutsa iki? Umubiri wa Yesu wadushwanyaguriwe.

4. Vino itwibutsa iki? Amaraso ya Yesu

5. Ninde mwana w'intama w'ukuri wa Pasika? Yesu

6. Kuki Yesu ari umwana w'intama wa Pasika kuritwe? N'uko yishwe n'ibyaha by'isi, akadukiza urupfu rw'umuriro utazima.

ISOMO RYA 42

AGACIRO KO GUKURIKIRA YESU

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: abantu bamwe bwmera Yesu kugirango bamukureho imigisha. Nti bumva ibyaha byabo n'igiciro Yesu yishyuye kugirango akoreho igihano cyo kuzaba mu nyanja igurumana

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Matayo 26:36-50	Luka 22:1-6
Yohana 12:4-6	Yohana 15:13
Yohana 15:18-20	Yakobo 1:2-4
Yakobo 1:12	1Petero 4:12-19
1Petero 5:8-11	2Tmoteyo 3:10-13

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha abanyeshuli iki gice

- Abantu benshi bumva ko iyo umuntu amaze gukizwa nta bibazo aba agifite;
- Bumva ko ibintu byose mu buzima byose byoroshye, batazongera no kurwara, ko bazabona amafaranga ahagije kucyo bashaka, ko bazahora banejejwe n'Imana ikabaha icyo bazayisaba cyose
- Niba mwakiriye Yesu muzahura n'ibihe byinshi bikomeye,
- Abantu benshi banze Yesu ubwo yarari muriy'isi niba abantu baranze Yesu umwana w'Imana, abantu bamwe bazabanga kubera ko mwamukurikiye
- Satani yakoresheje Yuda. N'umwe mu ntumwa zaYesu mu kurega Yesu kumukru w'umwe mu ntumwa zaYesu mu kurega Yesu kumukru w'amategeko
- Satani yagerageje uburyo bwo kurogoya umugambi w'Imana wo kutwoherereza umucunguzi;
- Nubwo Yuda yakoranye na Yesu mu myaka 3 yagumye kuba igisambo kani yarafite akamenyero ko kwiba amafaranga yahabwa ga Yesu n'abigishwa be.
- Yuda yakundaga amafaranga kuruta uko yakundaga Imana
- Abakuru b'itorero bahaye Yuda amafaranga kugira ngo abayobore kuri Yesu,intego yabo yariyo kumufata no kumwica

- Yesu yarazi ibyo Yuda yaragiye gukora kuko Imana imenya ibintu byose mbere yuko biba.
- Yesu yarazi ko agiye gupfira kumusaraba
- Yarazi umubabaro azabona mugihe abantu babi bazamukubita bakamuteragura imisumari mu ntoki no mu birenge.
- Yesu yarazi ko agiye gutandukana n'Imana kuko yaragiye kwishiraho igihano cy'isi yose.
- Mwibuke ko Imana ar'iyera kandi ko itandukanye n'icyaha cyose
- N'ubwo Yesu yari Imana yari n'umuntu. Yasengag'Imana kugirango ice inzira y'imbabazi
- Yesu yaravuze ati " iby'ushaka aribyo biba, bye kuba uko nshaka"
- Yesu yashakaga kubaha se kugeza kugupfa
- Ntabwo byari byoroheye Yesu nk'umuntu kubah'Imana-se ariko yabikoze kugirango atange icyubahiro ku Mana kuberako adukunda jye na we.
- Yabikoze kugirango twebwe abamwizera tubabarirwe twiyunge n'Imana duhinduke abana bayo.
- Yesu yatanze ubugingo bwe kugirango aducungure natwe tugomba kwitanga kugirango tumukurikire
- Muzahura na byinshi byibikangisho n'imibabaro mubuzima bwanyu ariko Imana izabafashamo mube amahoro. Muzigira byinshi mu Mana kubw'urukundo rwayo no kubitaho
- Ntimugacike intege zo gukurikira Yesu ndetse no mugihe ibibazo byaba byinshi. Mwibuke ibyo Yesu yahuye nabyo kumusaraba ntiyababaye ngo yikureyo(ku musaraba).

Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvumburamatsiko

2Tmoteyo 3:12

Ibibazo byisubiramo

1. Ese abakristo ntibajya bagira ibibazo? Oya

2. ninde wagambaniye Yesu? Ni umwe mubigishwa be "Yuda"

3. Byari byoroshye kuri Yesu kubaha Imana-se? Imana yasabye urupfu nk'igiciro cy'ibyaha. Yesu niwe wenyine washoboye kubaha icy'Imana yasaba ga

4. Kuki Yesu yashatse gupfira kumusaraba ? Imana isaba urupfu nkikiguzi cy,icyaha.Yesu niwe wenyine washoboye kubaha ubushake bw'Imana .

5.Iyo muhuye n'ibibazo
Ibyo bivugako Imana iba itakibakunda? Oya

6.Niki twakora mugihe tugize ibibazo? Gukomeza kugira icyizere No kubaha Imana izadufasha Kubivamo.

ISOMO RYA 43.

BYOSE BIRARANGIYE.

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana Imana yari ihagijwe n'urupfu rwa Yesu ku musaraba nk'igihanao cy'ibyaha byacu. Ntaco dufite cyo kungera kugiranga twemerwe n'Imana. Ibyo twakora byose ni ugushira icyizere cyacu mubyo Yesu yakoze. Hari imyaka irenga 2000. Niba twizera Yesu Ima na itwemera nk'abana bayo bejejwe babariwe.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Yesaya 53	Zaburi 22:6-8
Zaburi 22:16-18	Zaburi 27:12
Matayo 26:57-68	Mariko 15:16-39
Abaroma 6:23	Abaheburayo 9 na 10

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha abanyeshuli iki gice

- Imana irera. Ibi bisobanura ko nta cyaha igira habe n'igicumuro yitandukanya n'icyaha cyose.
- Ikiguzi cyonyine cy'ibyaha cyemewe n'Imana n'urupfu.
- Twabonye ko mugihe cy'isezerano rya kera Imana yari yarategetse ko inyamanswa zizajya zitambwa kugirango ibyaha bitwikirwe
- Abakuru b'amategeko bashaka kwica Yesu ;
- Satani yarari kubakoresha ngo bice Yesu ariko ntibari bazi ko uwo ari umugambi w'Imana ko Yesu agomba gupfa;
- Abantu bahamya ga Yesu ibinyoma kugirango apfe(Zaburi27:12);
- Yesu yigisha aceceka gusa mugihe bamushinjaga amakosa (Yesaya 53:7);
- Basekaga Yesu kandi bakana mutuka (Zaburi 22:6-8);
- Abantu bari bagiye kugabana ikmyenda ba mukurura hasi(Zaburi22:18)
- Bari bagiye ku mutera imisumari mu ntoki no mubirenge (zaburi 22:16)
- Ibintu byose byatambutse nkuko Imana yabivuze.
- Yesu nta kintu yari yarakoze cyagombag'urupfu
- Impamvu abasadukayo batangaga imbere y'abakuru kugirango bice Yesu kwaruko ngo yiyita ko ari umwana w'Imana(yigereranije n'Imana).
- Ibi byarukuri ariko abatambyi ntabwo bashakaga kubyizera
- Abasirikare b'abaroma bishe Yesu kuwa gatanu, inyuma y'umujyi wa Yerusalemu mugace ka Isirayeli.

- Abasirikare ba mubambye kumusaraba saa tatu za mugitondo
- Saa sita z'amanywa kuri uwo munsi Yesu yaramaze kunoga. Habonetse icuraburindi ku isi yose.
- Saa cyenda za nyuma ya saa sita Yessu ataka n'ijwi rirenga ati"Mana yanjye Mana yanjye n'iki kikundekesheje"?
- Ni ukuber'iki Yesu yavuze ibyo?
- Yavuz'ibyo kuberako Imana-se yari yatandukanye nawe kubera ko yariyishizeho ibyaha byisi yose
- Imana data yagombaga kwitandukanya na Yesu kuberako ari iyera(Imana).
- Yesu yongera gutera hejuru ati byose birarangiye hanyuma araca.
- Umurimo yari yarahawe n'Imana kwisi wari urangiye. Yari yishuye igihano burundu cy'ibyaha byacu.
- Mugihe Yesu yapfaga murusengero umwenda watandukanya ahera n'ahera cyane watabutse mo kabiri kuva hejuru kugera hasi.
- Ibi bisobanura ko hatagikenewe umutambyi mukuru utambira ibitambo ahantu hera cyane.
- Inzira ijyan'umuntu ku Imana yakinguriwe buri wese wizereye mu maraso ya Yesu kristo
- Imana yari ihagijwe bidasubirwaho n'igiciro Yesu umwana w'intama w'Imana yari yishuye
- Ntayindi ndishyi y'ibyaha yari igikenewe. Yesu mucunguzi yishyuye byose k'umusaraba
- Byari birangiye

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvumburamatsiko</u>

Yohana 19:30

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. Ninde wasimbuye inyamanswa zatambwaga?	Yesu
2. kuki Imana yitandukanyije n'icya cyose?	Ni uko ari iyera
3. kuki Imana yavuze iti "Mana yanjye Mana yanjye n'iki kikundekesheje"?	Yari yishizeho ibyaha byisi yose, kubwibyo Imana Data yitandukanya nawe.
4. Yesu yashakaga kuv'iki mugihe Yavuze ngo byose birarangiye?	Yari yishyuye indishyi y' Icyaha burundu
5. Tugomba gutamba inyamanswa Kubw'ibyaha byacu?	Oya
6. Niki tugomba gukora kugirango tubabarirwe ibyaha byacu ?	Kwizera Yesu wishuye ibyaha byacu ku musaraba

ISOMO RYA 44

NIMUZIMA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : Yesu yarapfuye azuka nyuma y'iminsi itatu. Imana yazuye Yesu mubapfuye bisobanura ko azazura n'abizerabose nk'umucunguzi wabo.Ni ubwo baba barapfuye kumubiri bazazurirwa kubona ubugingo buhoraho hamwe nawe.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Matayo 24:36-44 **Lika 23:50-56**
Luka 24:1-53 **Yohana 20:24-29**
Ibyakozwe n'Intumwa 1:1-11 **2 Abakorinto 4;14**
1Abakorinto 15:3-6

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha abanyeshuli iki gice

- Nyuma yo gupfa kwa Yesu , inshuti ze zafashe umurambo we kumusaraba ziwushingura mumva.
- Muricyi gihe abantu bashyinguraga mubitare, ibibuye binini bipfutse izo imva kugirango abajura batiba iyo mirambo.
- Byari bitinze kuwa gatanu nimugoroba abayahudi biteguraga isabato kuwa gatandatu, ubwo bari babujijwe kugira icyo aricyo cyose bakora.
- Inshuti za Yesu ntizashoboraga kurangiza guteguraumurambo mumva.
- Kucyumweru karekare mumuseke basubiye mumva kugirango bamushingure neza.
- Bageze hafi y'imva babona cyagitare cyavuye kumuryango w'imva kijya kure.
- Binjiramo imbere bashaka umurambo wa Yesu basangamo imyenda gusa bari bamupfunyitsemo ihindagaye mu inguni y'imva.
- Yesu ntiyarahari.
- Yari arihe? Ninde wari watwaye umurambo we?
- Muri ako kanya habonetse abamarayika babiri barababwira bati "kuki mushakira umuzima mu bapfuye? Yazutse"
- Inshutiz za Yesu zri zishimye ziruka zijya kubwira abandi bigishwa ba Yesu ko shebuja yazutse.
- Imana yari yanyuzwe n'indishyi y'icyaha Yesu yari yishyuye
- Imana yaziye Yesu mu bapfuye. Nta zongera gupfa.
- Mu minsi 40 ikurikira, Yesu yiyeretse abaigishwa be n'inshuti ze inshuro nyinshi n'ahantu hatandukanye. Abarenga 500 bamubonye ari muzima.

- Iki cyari ikimenyetso ko koko yazutse mubapfuye
- Yesu yasenyaguye imbaraga za Satani amunyaga ububasha. Icyaha n'urupfu!
- Nyuma y'iminsi 40, Yesu ahamagara abigishwa be hamwe arabasengera hanyuma azamurwa mu muyaga ajya kubana na se nka mbere
- Bibiliya ivuga ko umunsi 1, mugihe kizaza, Yesu azaza gutora bose bamwiringiye ba kamwizera bakabana iteka ryose mu ijuru.
- Mbere y'uko Yesu asubira mu ijuru, yadusezeranije ko Umwuka azaza kuba baziringira bakizera Yesu nk'umucunguzi wabo.
- Mu isomo rikurikira, tuziga byinshi ku murimo w'Umwuka wera

<u>Umurongo wo kibutsa abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvumburamatsiko</u>

Luka 24:6(igice cya mbere)

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. Yesu yapfuye kuwa kangahe? Kuwa gatanu
2. Yazutse kuwa kangahe? Kucyumweru
3. Ni iki inshuti za Yesu zasanze mu mva ? ibizingo by'imyenda gusa
4. Abamarayika bavuze iki ? Yesu ntari hano yazutse
5. Ni abantu babonye Yesu yazutse ari muzima ? Barenga 500
6. Yesu azagaruka ku isi ryari ? umunsi umwe utazwi mugihe kizaza

ISOMO RYA 45
KUZA K'UMWUKA WERA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : iri somo ryiga ibyo kuza k'Umwuka wera ku bantu bose bizera Yesu kristo. Itorero ry'Imana ryatangiye gukura kuberako Umwuka wera yari yamaze kugera kubizera abaha ubushobozi bwo guhamya Yesu mw'isi yose. Nyuma y'iri somo bamwe mubanyeshuri bazaba bafite ubushake bwo kubatizwa m'Umwuka wera. Umuntu wese wizeye Yesu kristo agomba gushikirizwa Pasitori w'itorero kugirango amubatize.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Matayo 28:16-20
Ibyakozwe n'intumwa 1:1-9
Ibyakozwe n'intumwa 2:1-47
Ibyakozwe n'intumwa 3:1-10
Ibyakozwe n'intumwa 5:12-16

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha abanyeshuli iki gice

- Umwuka wera yari yarahaye Yesu ubushobozi bwo gukora igikorwa cy'akataraboneka Imana yari yaramuhaye kuzuza kuri iy'isi.
- Igihe cyari cyageze kukri Yesu cyo kuva muri iy'isi asubira ku Mana.
- Yesu yabwiye abigishwa be ko bakeneye cyane ubushobozi bw'Umwuka wera kugira ngo buzuze umurimo bahawe.
- Yesu yabwiye inshuti ye kurindira Iyerusalemu kugez'igihe bazahabwa izo mbaraga z'Imana.
- Abizera bateranaga iminsi yose basenga
- Umunsi w'Ibisarurwa usohoye bose bari barihamwe bahuje umutima n'uko umuriri ubatungura uvuye mw'Ijuru umeze nk'umuyaga uhuha cyane ukwira inzu bari bicaye mo.
- Haboneka indimi ziganije zisa n'umuriro, uruimi rujya k'umuntu wese wo muribo
- Umwuka wera bari barasezeranijwe na Yesu wari waje
- Bose buzuzwa Umwuka Wera batangira kuvuga izindi ndimi, nk'uko Umwuka Wera
- Abantu benshi bavuye mu bihugu bitandukanye bari baraho Iyerusalemu baje kwizihiza Umunsi mukuru w'Ibisarurwa.
- Abantu benshi baraterana batangazwa n'uko umuntu wese yumvise babandi bavugaa ururimi rw'iwabo.
- Barumirwa baratangara bati « mbese aba bose bavuga si abaturage batize »?

- Umwuka wera yari yahaye abizera imbaraga zo gukora ibyo kugirango abanyamahanga bumve kandi basobanukirwe ibitangaza Imana yakoze
- Petero ahagararana nabo ababwiza ijwi rirenga
- Abasobanurira uko byagenze kandi ko Yesu ariwe mucunguzi wasezeranijwe.
- Abantu bari baraho bashakaga kumwizera kugirango babarirwe ibyaha byabo bityo bahinduke abana b'Imana
- Nyuma yo kwizera bajyaga kubatizwa kugirango bagaragaze ko bakurikiye Yesu bamaramaje
- Abantu benshi bakozwe k'umutima n'inyigisho za Petero abangera ku ibihumbi bitatu babatizwa uwo munsi.
- Imana yerekanye imbaraga zayo mu bigishwa be, ibaha gukora ibitangaza byinshi : gukiza abarwayi , kwirukana abadayimoni, gukiza ibirema nk'uko Yesu yabikoraga.
- Nyuma abantu benshi batangiye kwizera Yesu bahinduka abigishwa be.
- Itorero ryahise ritangira!

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.

Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Ibyakozwe n'Intumwa 2:38(a)

Ibibazo byisubiramo

1. N'iki kidufasha gushyitsa umurimoYesu Yadutegetse?	Umwuka wera
2. Ninde wahaye abizera b'Iyerusalemu Kuvuga izindi ndimi?	Umwuka wera
3. Ni kubera iki bavuze izindi ndimi?	Kugirango abantu baturuke mu Bindi bihugu bashobore kumva no Gusobanukirwa ibya Yesu.
4. N'abantu bangahe bizeye Ijambo (ubutumwa) bwa Petero?	3000(abantu)
5. N'iki bakoze kugirango berekane ko ari Abigishwa ba Yesu?	Barabatijwe
6. N'iki mushobora gukora kugirango Mwerekane ko mwahise gukurikira Yesu?	Kubatizwa mu mazi menshi.

ISOMO RYA 46

UMWUKA WERA N'UMUFASHA WACU

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Irisomo ryigisha abanyeshuri igikorwa cy'Umwuka wera.Mugihe umunyeshuri amaze kwakira Yesu nkumwami n'umukiza we akwiye kumenya ko Umwuka wera w'Imana uza gutura muri we kugirango umufashe kuba umuntu Imana ishaka ko abawe.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Yohana 7:37-39	Yohana 14:15-18
Yohana 14:25-27	Yohana 16:5-15
Ibyakozwe n'intumwa 2:38-39	Abaroma 8:15-16
1 Abakorinto 3:16-17	1 Abakorinto 12:1-11
Abefeso 4:11-16	Yuda 1:24-25

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Igisha abanyeshuli iki gice

- Imana yahaye abizera Umwuka wera kunshuro ya mbere ku munsi w'ibisarurwa(Pentekote)
- Kuva icyo gihe mwuka wera ntiyahwemye kuba mu bizera Yesu nk'umukiza wabo
- Umwuka wera waje kuduhindura abantu Imana ishaka ko tubabo
- Umwuka wera atwibutsa ubugari bw'urukondo rw'Imana kuri twe
- Umwuka wera uzabafasha kumenya ukuri kw'Ijambo ry'Imana riri muri Bibiliya.
- Umwuka wera azabigisha kubaha Imana
- Umwuka wera uzabayobora mukumenya ibyo Imana ishaka
- Umwuka wera uzabemeza iby'intege nke mu mitima yabo
- Mugomba kwihana ibyaha byanyu ku Mana mukayisaba kubafasha kuyubaha burigihe
- Umwuka wera azabahamiriza ko muri abana b'Imana mugihe Satani azashaka kubatera gushidikanya.
- Umwuka wera azabasubizamo imbaraga mugihe muzaba mubabaye cg se mufite ubwoba
- Azabaha ubwenge kandi abafashe mugihe mufite ibibazo
- Umwuka wera azaha abizera impano zihariye kugirango bafashe abandi
- Hari impano nyinshi zitandukanye: bamwe bahabwa impano yo gukiza indwara, abandi impano yo kuvuga ubutumwa bwiza, abandi impano yo gufasha abandi

- Bamwe bakora ibitangaza nka Petero abandi bahabwa kuvuga ku ndimi nshya abandi bahabwa impano zo gusobanura izo ndimi
- Abandi abaha impano y'ubuhanuzi n'ubwenge bwo kumenya ibizaba
- Uwizera wese agomba kwakira impano y'Imana akoresha kugirango afashe abandi no gukomera muri Kristo Yesu
- Musabe Imana kugirango ibahishurire impano yabahaye kugirango mubashe gufasha abandi mugukura no gukomera mu mwami Yesu kristo bityo bigafasha mukubaka ubwami bw'Imana

---

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
1 abakorinto 14:1(a)

Ibibazo byisubiramo

1. Ni murinde Umwuka wera aza kubamo?	Kuba mwera kandi bamwizera
2. Ni kuki Imana yohereza Umwuka wera Imana Ngw'abe muri twe?	Kugirango adufashe tube abantu Ishaka ko tubabo
3. Ni gute muzamenyako mutubashe Imana?	Mwuka wera azabatsinda
4. Ni iki mugomba gukora mugihe Mwacumuye ku Mana?	Kwihana ibyaha, gusaba Imana Imbabazi no kuyisaba kudufasha Kwongera kuyubaha
5. Vuga zimwe mumpano Umwuka wera Yatanze?	Impano yo gukiza, yo kubwiriza, yo Gufasha abandi.
6. Ni ukubera iki abizera bose bagomba Kugira impano?	kugirango bafashe abandi mugukura No gukomera mu mwami wacu Yesu Kristo

ISOMO RYA 47

MUSABE IMANA IBUZUZE IMBARAGA ZAYO

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Ni ubushake bw'Imana ko abizera, buzuzwa Umwuka wera. Twese dukeneye imbaraga z'Imana kugirango tuyikunde, tuyikorere, dukorere n'abandi. Niba ari ubushake bw'abanyeshuri, mu babwire ko icyo bakora gusa ari ugusaba Imana ikabuzuza ubushobozi noneho umwanzuro bakawuharira Imana.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Luka 11:9-13
1 Abakorinto 13:1-13
Abaroma 5:1-5
Abefeso 5:15-21
1 Yohana 5:14-15

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Igisha iki gice kubanyeshuri

- Mu isomo rya banje, twize ko Umwuka wera ari umufasha wacu muri ubu buzima kandi ko aha impano abizera bose kugirango bafashe abandi
- Impano isumba izindi Imana yaduhaye ni Urukundo
- Tugomba gukunda abantu mbere yo kubafasha mu buryo Imana ishaka ko tubikora
- Niba tudakunda abantu, niyihe nyungu y'impano yo gufasha abandi Imana yaduhaye?
- Impano zose Imana iduha zizashira umunsi umwe kw'iherezo ry'isi ariko urukundo ruzahoraho
- Imana ishaka ko twuzuzwa imbaraga zayo kugirango mushobore gukunda abandi no kubafasha
- Ni gute dushobora kwuzura imbaraga z'Imana?
- Tugomba mbere na mbere gushaka izo mbaraga
- Hanyuma tugomba kumusaba imbaraga
- Bibiliya ivuga ko ari ubushake bw'Imana ko twuzuzwa umwaka wayo
- Niba muyisabye kuzuzwa imbaraga z'Umwuka izarindira amasengesho yanyu ibahe ibyo mwayisabye

- Mugomba gusenga isengesho ryanyu gutya: “data uri mw’ijuru nziko ari ubushake bwawe bwo kunyuzuza Umwuka wawe kugirango ngukunde, ngukorere nkorere n’abandi, nshaka gushobora umurimo wawe ndagusaba uyu munsi ngo unyuzuze Umwuka wawe, kandi umpe ubushobozi bwawe kugirango mbe uwo wifuza ko mba we ,urakoze kubikora, mbisabye mwizina rya Yesu Amen!”
- Muzatangira kubona Imana ikora ibitangaza munzira zanyu nyuma y’uko mumaze gusenga iryo sengesho.
- Birashoboka none, ejo cg mu myaka izaza
- Imana izabayobora munzira zigoye mugihe muyigiriye icyizere no kuyikurikira buri munsi
- Tegereza kandi utumbire

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y’isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw’ivumburamatsiko
Abefeso 5:18

Ibibazo byisubiramo

1. Ni iyihe mpano isumba izindi Imana Yaduhaye? — Impano yo gukunda abandi
2. Kuki ari ibyagaciro gukunda abandi? — Kugirango dushobore kubakorera Nkuko Imana ishaka ko tubikora
3. Ninde ubafasha gukunda abandi Bantu? — Ni Umwuka wera
4. N’ubushake bw’Imana kugirango Mwuzuzwe imbaraga zayo ? — Yego, ni ubushake bwayo
5. Nigute mushobora kuzuzwa imbaraga Z’Imana ? — Mugomba mbere na mbere gushaka Izo mbaraga, nyuma mugasaba Imana ngo izibuzuze.
6. Ni iki kiba iyo musabye Imana ngo Ibuzuze imbaraga zayo? — Mutangira kumva Imana ikorera Murimwe mu minsi cg amezi akuri Kiye ho.

ISOMO RYA 48

TANGA UMUGISHA, UHABWE UNDI

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Inkuru ya bibliya n'imwe kuva mw'Itangiriro kugera mu byahishuwe (itangiriro n'iherezo) ivuga ko umugambi w'Imana wo gukiza isi ibinyujije muri Yesu kristo. Inkuru yo mw'Isezerano rya kera n'ishusho y'ibyo Yesu yaje kudukorera. Abanyeshuri bumvise ubutumwa bwiza bagomba gukomeza umurimo w'Imana wo kuyobora abandi kuri Yesu.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro12:1-3
Matayo 28:16-20
Abaroma 10:9-15
Matayo 1:1-17
Ibyakozwe n'Intumwa 8:1-8
Abagalatiya 3:6-9

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Igisha iki gice kubanyeshuri

- Mwibuke isezerano Imana yari yarahaye Aburahamu mu myaka 2000 mbere y'ivuka rya Yesu
- Igice kimwe cyiryo sezerano kivuga ko abntu bose bazahererwa umugisha muri Aburahamu.
- Ibyo byashakaga kuvuga iki?
- Nyuma yo gusohora k'Umwuka wera ku munsi w'ibisarurwa(Pentekote) abigishwa n'abizera bandi bujujwe imbaraga z'Imana batangira kwamamaza ubutumwa bwiza bwa Yesu mu Bantu.
- Hatangira itotezwa rya abakiristo kuko banzwe n'abakuru b'amategeko banze Yesu n'ubundi.
- Bishe abizera bamwe birukana abandi hanze y'umujyi wa Yerusalemu.
- Abizera bari banejejwe cyane n'inkuru yabo kuburyo aho bagiye hose batashoboraga kwibuza kuvuga ku bya Yesu.
- Munzira babwiraga abantu bose ko Yesu ari umucunguzi wasezeranijwe umwana wa Aburahamu, Isaka na Yakobo.
- Yesu yari yaraje gukiza abantu ababata bwa Satani, akishyiraho igihano cy'icyaha, akabacira inzira abasubiza mu muryango w'Imana.
- Babasobanuriraga ko Yesu afubika abamwizera bose ukuri kwe, byiza cyane nk'uko impu z'inyamanswa za fubitse ubwambure bwa Adamu na Eva.
- Basobanuraga ko Yesu yari nk'umwana w'intama watambiwe Imana na Abeli.
- Basobanuraga ko Yesu ariwe nzira y'agakiza yonyine y'ukuri, nkuko hari urugi rumwe gusa n kunkuge ya Nowa n'umuryango we kugirango bibuze umwuzure.
- Basobanuraga ko nk'uko imfizi y'intama yapfuye mu mwanya wa Isaka ariko Yesu yapfuye mu kigwi cyacu

- Basobanuraga ko nk'uko amaraso ya Yesu adukiza urupfu mu nyanja y'umuriro, amaraso y'umwana w'intama yasizwe ku nkomanirizo y'umuryango yakijije imfura z'abayisirayeli muri Egiputa
- Basobanuraga ko nk'uko Imana yahaye abisirayeli manu yo kurya mu butayu ngo badapfa, bishwe n'inzara, Yesu nawe ari umutsima w'ubugingo.
- Umuntu wese azabaho iteka ryose imbere y'Imana.
- Basobanuraga ko Yesu nawe nk'amazi ava mu rutare. Yesu ni amazi mazima aha ubuzima bw'iteka abamusanze bose.
- Basobanuraga ko nk'uko amaraso y'umwana w'intama yamijiriwe kugate k'impuhwemu ihema ry'ibonaniro incuro 1 ku mwaka kugirango apfuke ibyaha. Amaraso ya Yesu nayo yakuyeho rimwe na rizima ibihano by'amakosa yacu yose
- Basobanuraga ko nanone Yesu ariwe mwana w'intama w'Imana wenyine, udafite ikizinga, woherejwe gukoraho ibyaha by'abisi bose.
- Abizera bari bafite inkuru nziza yo kwamamaza kandi nini yacu.
- Twe twizera Yesu krisito turi abahungu n'abakobwa ba Aburahamu. Turiigice cy'isezerano cyahawe Aburahamu.
- Twaherewe umugisha mu kumva no kwizera Yesu kandi dukeneye gusangira n'abandi iyo nkuru nziza.
- Mugende, muvuge inkuru nziza ya Yesu, umucunguzi wasezeranijwe

---

Umurongo wo kwibutsa abanyeshuri, bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.
Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko
Matayo 28:19

Ibibazo byisubiramo

1. Isezerano ry'Imana kuri Aburahamuni Irihe? — Abantu bo kw'isi bose bazaherwa Umugisha muriwe
2. Nyuma y'uko abizera bujujwe Umwuka Wera, bakoze iki? — batangiye kwamamaza ubutumwa Bwiza mu bandi
3. Impfizi y'intama yapfuye mucimbo cya Isaka twe ninde wadupfiriye? — Ni Yesu.
4. Nigute abatuye isi bose baherewe umugisha muri Abrahaham — Yesu Imana umwana yavutse kurubyaro rwa Aburahamu, twahawe umugisha kubera ko tumwizera nkumucunguzi wacu.
5. Imana, ishaka ko buri wese yumva ubutumwa Bwiza bwa Yesu kugirango amwizere ? — Yego.
6. Niki mwakora kugirango mugabane Imigisha y'aburahamu? — Kwamamaza ubutumwa bwa Yesu mubandi.

URUTONDE RW'IMIRONGO YO MURI BIBILIYA YOGUFATA MU MUTWE

Isomo rya 1 Itangiriro 1:1
Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi
Isomo rya 2 Matayo 24:35
Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye ntazashira na hato.
Isomo rya 3 Ibyahishuwe 21:5
Iyicyaye kuri ya ntebe iravuga iti: dore byose ndabihindura bishya,
Kandi iti: kuko ayo magambo arayokwizerwa na y'ukuri.
Isomo rya 4 Yeremiya 10:6
Ntawe uhwanye nawe uwiteka,urakomeye kandi n'izina ryawe rikome
Ranye imbaraga.
Isomo rya 5 Yeremiya 32:17
Yewe mwami uwiteka,dore ni wowe waremesheje ijuru n'isi ububa
Sha bwawe bukomeye,n'ukuboko kwawe kurambuye, nta nakimwe
Kikunanira.
Isomo rya 6 Abaheburayo 11:3
Kwizera niko kutumenyesha ko isi yaremwe n'ijambo ry'Imana,
Nicyo cyatumye ibiboneka bitaremwa mubigaragara.
Isomo rya 7 Yesaya 6 :3b
Uwiteka nyiringabo arera, arera,arera.isi yose yuzuye icyubahiro cye.
Isomo rya 8 Zaburi 104:24
Uwiteka, erega imirimo yawe niy'uburyo bwinshi! Yose wayikoresheje
Ubwenge, isi yuzuye ubutunzi bwawe.
Isomo rya 9 Ibyakozwe n'intumwa 17:26a
Kandi yaremye abantu bose bakomoka ku muntu umwe,ibakwiza mw'isi
Yose.
Isomo rya 10 Itangiriro 2:17
Ariko igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi, ntuzakiryeho. Kuko
Umunsi wakiriyeho uzapfa.
Isomo rya 11 1Petero 5:8
Mwirinde ibisindisha, mube maso, kuko umurezi wanyu Satani azerera
Nk'intare ashaka uwo aconcomera.
Isomo rya 12 Abaroma 6:23a
Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu
Isomo rya 13 Matayo 1:23
Dore umwari azasama inda, kandi azabyara umuhungu uzamwite
Emanweli bisobanurwa ngo IMANA IRI KUMWE NAWE

Isomo rya 14 Abaheburayo 9:22 b
Kandi amaraso atavuye, ntihabaho kubabarirwa ibyaha
Isomo rya 15 Ezekiyeli 18:32
Erega sinishimira ko ugiye gupfa, ko yapfa, nuko nimuhindukire mubeho
Nmiko Umwami Uwiteka avuga
Isomo rya 16 Abaheburayo 11:6a
Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza
Isomo rya 17 Kuva 2:25
Imana ireba abisirayeli, imenya uko bameze
Isomo rya 18 Nahumu 1:7a
Uwiteka ni mwiza, ni ubuhungiro ku munsi w'amakuba, kandi azi
Abamwiringira
Isomo rya 19 Zaburi 97:10
Mwabakunda Uwiteka mwe mwange ibibi, akunda ubugingo bw'abakunzi
be, abakiza amaboko y'abanyabyaha
Isomo rya 20 Yaboko 2:10
Umuntu wese witondera amategeko yose, agasitara kuri rimwe aba
Ayacumuye yose
Isomo rya 21 Abaheburayo 10:4
Erega ntibishoboka ko amaraso y'amapfizi y'ihene akuraho ibyaha!
Isomo rya 22 Yohana 1:23
Ndi ijwi ry'urangurura mu butayu ngo: ni mugorore inzira z'uwiteka
Nkuko Umuhanuzik Yesaya yabivuze
Isomo rya 23 Yohana 1:29
Bukeye bwabo abona Yesu aza aho ari, aravuga ati: Nguyu umwana
W'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mw'isi
Isomo rya 24 Matayo 1:23
Dore umwari azasama inda kandi azabyara umuhungu, uzamwita
EMMANUEL bisobanura ngo Imana iri kumwe natwe.
Isomo rya 25 Luka 2:52
Yesu akomeza kugwiza ubwenge, abyiruka ashimwa n'Imana n'abantu
Isomo rya 26 Yohana 3:16
Kuko Imana abari mwisi cyane, byatumye atang'umwana wayo w'ikinege
Kugirango umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo
Buhoraho.
Isomo rya 27 1Abakorinto 3:16
Ntimuzi ko muri urusengero rw'Imana, kandi ko Umwuka w'Imana aba
Muri mwe?

Isomo rya 28 Abaheburayo 2:18
Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa we ubwe, abasha no gutabara Abageragezwa bose.

Isomo rya 29 Yohana 6:14
Abantu babonye ikimenyetso yakoze baravuga bati: ni ukuri uyu niwe Wa muhanuzi wari ukwiriye kuza mwisi

Isomo rya 30 Mariko 2:7b
Arigereranyije, ninde ushobora kubabarirwa ibyaha Atari Imana yonyine?

Isomorya 31 Yohana 3:3
Yesu aramubaza ati: nukuri nukuri, ndakubwira ko umuntu utabyawe ubwa Kabiri atabasha kubona ubwami bw'Imana

Isomo rya 32 Yohana 11:25b
Unyizera naho yaba yarapfuye azabaho

Isomo rya 33 Yesaya 41:13
Kuko njyewe Uwiteka Imana yawe, nzagufata ukuboko kw'iburyo Nkubwire nti: Witinya ndagutabaye

Isomo rya 34 Zaburi 145:18
Uwiteka aba hafi y'abamutakira bose, abamutakira muby'ukuri bose.

Isomo rya 35 Matayo 19:14
ArikoYesu arababwira ati: mureke abana bato bansange ntimubabuze Kunsanga. Kuko abameze batyo, ubwami bwo mw'Ijuri ari ubwabo.

Isomo rya 36 Abafiripi 4:6
Ntimukagire icyo mwiganyira ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe N'Imana mubisabiye, mubyiringiye mushima

Isomo rya 37 Yohana 8:32
Namwe muzamenya ukuri, kandi ukuri niko kuzababatura

Isomo rya 38 1 Abakorinto 6:18a
Muzibukire gusambana

Isomo rya 39 Abaroma 6:23
Kuki ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo Buhoraho muri kristo Yesu umwami wacu

Isomo rya 40 Abefeso 4:32
Mugirirane neza, mugirane imbabazi, mubabarirane ibyaha, nkuko Imana Yababariye muri kristo

Isomo rya 41 Yohana 1:29
Bukeye bwaho abona Yesu aza aho ari, aravuga ati: nguyu umwana w' Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi

Isomo rya 42 2Timoteyo 3:12
Icyakora nubundi abashaka kujya bubaha Imana bose bari muri kristo Yesu Bazarenganywa

Isomo rya 43 Yohana 19:30
Yesu amaze gusoma iyo vino, aravuga ati: birarangiye. Acurika Umutwe, umutima uracika

Isomo rya 44 Luka 24:6a
Ntari hano, ahubwo yazutse

Isomo rya 45 Ibyakozwe n'intumwa 2:38 a
Petero aramusubiza ati: ni mwihane, umuntu wese abatizwe mw'izina rya Yesu kristo ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu.

Isomo rya 46 1Abakorinto 14:1a
Mushimikire urukundo, kandi mwifuze impano z'Umwuka .

Isomo rya 47 Abefeso 5:18
Kandi ntimugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi ahnubwo mwuzure Umwuka

Isomo rya 48 Matayo 28:19
Nuko mugende muhindure amahanga yose abigishwa mu babatiza mw' Izina rya Data wa twese, niry'umwana, niry'Umwuka wera.

ICYO UBUTUMWA BWIZA BUVUGA

-Ubutumwa bubi

..

BIBILIYA – Ijambo ry'Imana riravuga ko:

1) Mwavutse muri abanyabyaha
2) Mwitandukanyije n'Imana
3) Muri mu muryango wa Satani
4) Imana izahana ibyaha byanyu

Umugambi w'Imana

1) Imana irabakunda cyane, cyane
2) Ntayashakaga ko mutandukana nayo
3) Yohereje umwana wayo Yesu kristo mu isi hashize imyaka 2000
4) Yesu ntiyigeze akora icyaha
5) Yesu yapfiriye k'umusaraba yikorera igihano cy'ibyaha b yacu
6) Azuka mu bapfuye, nyuma y'iminsi itatu
7) Ubu ari mw'ijuru n'Imana nka mbere ataraza mu isi

Ubutumwa b wiza

1) Niba muzi ko muri abanyabya mukwiriye igihano
2) Mukemera ko yaje kudupfira no kwikorera igihano cy'ibyaha byacu
3) Kubwibyo ntimukitandukanye n'Imana
4) Kubera ko mwizeye Yesu,Imana ibagira abana bayo
5) Umunsi umwe muzaba mw'Ijuru hamwe n'Imana iteka ryose
6) Soma Yohana 3:13 muri Bibiliya yera

INYANDIKO Z'INYIGIGISHO

Izi nyandiko z'inyigisho zizatanga ubumenyi bufatika kubijyanye n'inkuru (amateka)ya Bibiliya kubanyeshuri b'imyaka iriyariyo yose,izo nkuru zitangirira mu Itangiriro zikarangirira mu Ibyahishuwe..
Ayamasomo agomba kwigishwa hakurikijwe uko yateguwe kandi agomba gusubirwamo uko imyaka ikurikirana.

Inkuru zose zo muri Bibiliya ziteguye mucyamake kuruburyo:

- Imana data, Umwana n'Umwuka wera barema isi yuzuye. Itang.iriro 1:31
- Umuntu wese yatundukanyijwe n'Imana kubera igikorwa cyo kwigomeka cyitwa "Icyaha"ajya munsi y'ubutware bwa Satani bityo akaba arindiriye igihano cyo gutabwa mu itanura ry'umuriro.Itangiriro 2:15-17;Abaroma 5:12;Ibyah.21:8.
- Imana isezeranya kohereza umucunguzi mugukiza umuntu mubutware bwa Satani no kuboneza inzira yokugarukira Imana mukwemera igihano cy'ibyaha. Itang.3:15, 1Yoh.3:8;Abakol. l:21-22.
- Imana itoranya ubwoko, Isirayeli kugirango Umucunguzi azavukire muri ubwo bwoko.Itang. 12:2-3.
- Imana itangira gushiraho amategeko n'agahunda y'ibitambo kugirango atuyobore kugeza kumucunguzi.Abagal. 3:24-25;Abah.10: 8 - 10.
- Umukiza, Imana Umwana yinjiramw'isi nkumuntu witwa Yesu.Mt. 1:23-25.
- Gusama inda k'umwari, ubuzima butagira icyaha, inyigisho za Yesu n'ibitangaza bye ibyo byose byerekanaga ko Yesu ari Imana umwana yambaye umuburi.Yohana 14:11,1Yohana 3:35
- Yesu abambwa yishyuye ikiguzi cy'icyaha cy'umuntu murupfurwe..Yoh.1:29,Abah.9:28.
- Yesu ahambwa ariko azuka k'umunsi wa gatatu, kandi atsinda Satani, ibyaha, n'urupfu.Luka 24:46.
- Umuntu yiyunze n'Imana ahabwa ubugingo buhoraho, binyuze munzira yo kwizera Yesu Kristo.Umujinya w'Imana uri kubahakana ibikorwa bya Yesu bazahabwa igihano cyo gutabwa mu itanura ry'umuriro.Yoh.3:36.
- Yesu asubira mu Ijuru Imana Umwuka wera azana imbaraga kubizera Yesu Kristo bose nkumukiza wabo Ibyak. 1:8-9.
- Abizera bose, itorero, bahabwa ubushobozi bwo kwamamaza inkuru nziza ya Yesu Kristo ku isi kugeza Yesu Kristo agarutse ubwakabiri mugihe kizaza.Mt. 28:18-20. Abah 9: 28b
- Ubutumwa buheruka mu ibyahishuwe buvuga ku imperuka y'ikigihe, n'ubwami bw'Imana bw'igihe kizaza.Ibyah.21:1-4.

Uburenganzira bwo gukoresha iyi nyandiko buhawe New Tribes Mission Illustrations and Pictures

ISOMO RYA 15
NOWA N'INKUGE

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Umukororombya n'inshusho yagakiza k'Imana muri Yesu kristo. Abizerav Yesu nkumukiza bakizwa igihano cy'Imana nkuko byari bimeze kuri Nowa wakijijwe n'inkuge kubwo kwizera no kubaha Imana Nowa yari umunyabyaha kimwe nabandi, ariko Imana yera mwemera kubwo kwizera kwe no kubaha.

Imirongo mwalimu agomba kubanza kwiga mbere yo gutanga isomo

Itangiriro igice cya 5, 6, 7, nicya 8 2 petero 3:9 Abaheburayho 11:6-7

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize hamwe na banyeshuri

Igisha izinyigisho ku abanyeshuri:

- Nyuma yo kwica Abeli Kayini yirukanwa` n'Imana. Adamu na Eva babyaye abandi barakura nabo babyara abandi
- Nyuma habaye abantu benshi muriyisi
- Abatuye isi bavuka ari abanyabyaha bituma bakurikira Satani bityo bikabatera gukora ibikorwa bibi
- Baragomeranye,bariba,baricana,barangana, banga Imana, ntibumva n'amabwiriza yayo ndetse no kuyubaha.
- Imana yicujije impamvu yaremye umuntu,Imana ifata icyemezo cyo kurimbura ujbuzima bw'igihumeka cyose ku isi
- Imana yohereza umwuzure ukwira isi yose, ndetse n'imisozi miremire cyane
- Hariho umugabo wakunda Imana kandi akayubaha.witwaga Nowa
- Imana ibwira Nowa kubahka ubwato bunini bwitwa inkuge .nowa yumvira Imana
- Imana yagombaga gukiza Nowa n'umunyago we n'inyamanswa ebirebyiri ingabo n'ingore
- Kinkuge yari nini yagopmbaga kubamo inyamanswa zitandukanye zigera kuri 72000 mo imbere
- Nowa n'abahungu be bubatse inkuge migihe cy'imyaka 120 muri icyo gihe, Nowa yakomeje gusaba abantu kureka ibyaha n'ibikorwa bibi bakorera Imana. Abantu ntabwo bumviye imiburo y'Imana ibinyujije kuri Nowa

ISOMO RYA 19

Imana igoboka abisraeli mu butayu

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: ir'Isomo ryerekana urukundo rw'Imana , kurindwa kwayo , no kuyoborwa nayo kubayifitiye icyizere.ryerekana kandi ibyo Imana yakoze no kw'ihangana kwayo kubatayizera.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu (umwigisha) agomba kubanza kwiga mbere yuko atanga isomo

Kuva 13:17-18	Kuva 14:5-31
Kuva 16:1-26	Kuva 17:1-7
Kuva 19:1-6	Zaburi 105:39-45

Ibibazo byo gusubiramo mw'isomo ry'ubushize kubanyeshuri

Igisha izinyigisho ku abanyeshuri:

- Mose nabanyesraeli ntabwo bari bakagera kure igihe farawo yahinduye icyemezo , ubwo yicuzaga kureka abisraeli bava mugihugu cye
- Farawo n'ingabo ze zikurikira abisraeli
- Abisraeli bari bagoswe n'ingabo za Farawo n'inyanja
- Imana ntihinduka mubyo ivuga n'iby'ikora , ntagikomeye kumana ,Imana ikora ibitangaza bikomeye ,ikoresha umuyaga udashobora kuzitirwa w'imbaraga zidasazwe ,inyanja icikamo kabiri, Imana itegeka abisraeli kwambuka ahumutse mu mutekano kugeza bageze hakurya y'inkombe
- Abanyegiputa bagerageza kubakurikira. Imana ihuza inyanja, Farawo n'ingabo ze bararimbuka
- Imana yafashije ubwoko bwayo mubibazo barimo, kandi ibayobora mu kugera ku murage w'igihugu Imana yasezeranije Aburahamu Isaka na Yakobo
- Nyuma y'igihe gito Abisraeli bari mubutayu, batangira kumva inzara n'inyota no kw'ivovotera Mose bamubaza impamvu yabakuye mw'Egiputa, bavugako mw'Egiputa hari amazi menshi n'ibyo kurya byinshi, batekerezagako bazarimbukira mu butayu
- Bari bamaze kwibagirwa ibyo Imana yabakoreye ntabwo bizeyeko Imana ishobora noneho gukemura ibyifuzo byabo
- Imana yongera kubereka kandi urukundo rwayo kuri bo. Buri munsi Imana yabohererezа ga inkware zo kurya .Ibyokurya by'ihariye bagomba gufata buri gitondo <<manu>>
- Imana ibwira Mose gukubita inkoni ye ku ibuye (urwara)Mose yumvira Imana amaz'ava muri iryo buye (urwara)
- Ntakintu gikomerera Imana yahagije abantu n'amatungo barenga milioni 2 amazi n'ibyokurya
- Nyuma y'amezi atatu abisraeli bagera ku musozi sinayi aho bamaze igihe cy'umwaka,igihe Imana yohereje Mose amategeko 10 n'andi mabwiriza
- Imana irinda mu kinyabupfura (sans faille) abanyesraeli kandi yita kubyifuzo byabo.

Imirongo yo kwibuka abanyeshuri bagomba kuzirikana nyuma y'isomo.

Hakoreshejwe uburyo bw'ivumburamatsiko

Zaburi 97:10

Ibibazo byo gusubiramo

1) Niki Imana yakoze kugirango ikize abisraeli ingabo za Farawo ? — Yagabanyijemo amazi y'inyanja kabiri kugirango abisraeli bambuke.

2) Muratekereza ko Imana yari kureka abisraeli bakicwa n'inzara n'inyota mu butayo ? — Oya

3) Nigute Imana yagobotse abisraeli kubyo kurya ? — yabohereje inkware na manu yo kurya buri munsi

4) Ni hehe bakuye amazi ? — mu rwara

5) Imana yayoboye abantu bangahe m butayu? — Bari hafi milioni 2

6) Imana isubiza ibibazo byacu iyo twayigiriye icyizere no kuyubaha? — Yego

ISOMO RYA 24
Yesu ninde

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana : Kwibutsa abanyeshuri ko hari Imana imwe gusa mubutatu : Imana-data, Imana-mwana, Imana-mwukawera. Yesu yavutse nk'umuntu ariko ni Imana-mwana.

Imirongo y'ibyanditswe umwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Abalewi 1: 10 Yesaya 7: 14
Matayo 1:18-25 2Abakorinto 5:21 1Petero 2:22
Abaheburayo 4:15 1 Yohana 3:5

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Inyamanswa Imana yemeraga nk'igitambo mw'isezerano rya kera yagombaga kuba ifite inenge na ntoya.
- Ntizagombaga kugira inenge nk'uburwayi, ibisebe ku mubiri kuba impumyi cyangwa igipfamatwi.
- Niba umucunguzi yari uwo gukuraho ibyaha byabantu bose, nawe yagombaga kuba atunganye
- Ibintibivuze ko atagombaga kugira ibikomere cg ko atashoboraga kurwara. Kuba atunganye bivuze ko yari ntacyaha afite muri kamere ye
- Nigute umuntu yari kuvuka ntacyaha afite ?
- Adamu ni sekuruza w'amahanga yose yo kwisi kandi kubw'icyaha cye, abari ku isi bose bavukana ibyaha.
- Uwo mucunguzi yagombaga kuvuka kuburyo bwihariye kugirango avukke adafita icyaha
- Ariko byose bishobokera Imana
- Imana yahisemo umukobwa witwa Mariya ngo abe nyina w'umukiza
- Mariya yari yararambagije umugabo Yosefu,
- Ariko mbere yo gushyingirwa Mariya aratwita
- Yari isugi, ni guti none yatwise ?
- Byagenze bitya , Imana mwuka wera yamuhuhiyemo umwana(muriwe)
- Uwo mwana yari Imana-mwana wari waravuye mwijuru aba umuntu kugirango akize isi igihano cy'icyaha cyayo.

Uwo mwana utangaje yazaga kugira amazina menshi, rimwe muriyo ryari Emmanuel bisobanura ngo<< Imana iri kumwe natwe>>

ISOMO RYA 30
Yesu ababarira umuntu ibyaha bye

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: mumatorero amwe n'amwe babwiriza ko abapasiteri, abapadiri bashobora kubabarira abantu ibyaha byabo ariko Imana yonyine niyo ifite ububasha bwo kubabarira ibyaha mugihe tubyihanye.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Mariko 2: 1-12 Yohani14:6-11
1Yohana 2:1-2 Yohana 20:30-31
1Yohana 1:9

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli
Kwigisha banyeshuli iki gice

- Abantu benshi bakurikiraga Yesu hamwe n'intumwa ze aho bajyaga hose;
- Abantu bamwe bazaga kumva inyigisho ze, abandi nk'abigisha biyobokamana bazaga kumva Yesu bashaka kumugenza igihe yavuga cg yakora ikibi abandi barazaga kubera ko baribizeye ko Yesu azababera umwami n'abandi nabo basangaga Yesu kuko bari barwaye bashakaga gukira
- Umunsi umwe Yesu n'intumwa bigishiria munzu iyo nzu yari yuzuye mo abantu kuburyo nta muntu wari kuba yakwinjira aciye mu muryango.
- Abagabo bane bazakureba Yesu bamuzaniye inshuti yabo yari irwaye iri kuburiri bwayo
- Uwo mugabo ntiyashoboraga nagato kuba yanyeganyega amaguru ye cyangwa ngo ashobore kugenda ;
- Inshuti ze zizeraga ko Yesu yamukiza bashobojwe kumwegera ;
- Buriye igisenge cy'inzu baca inzira hejuru yaho Yesu yarari ;
- Bamanura wa murwayi ari kuburiri bwe muri wa mwobo waciye kugeza ubwo ageze imbere ya Yesu
- Yesu yashoboye kubona ko mubyukuri bwamwizeye ashimishwa no kuba bamugiriye ibyiringiro
- Yesu abwira umurwayi<<mwana wanjye ibyaha byawe urabibabariwe>>
- Bamwe mubanditsi bari kumwe na Yesu mucyumba bumva amagambo ye ;
- Batangiye kwibaza<< nigute umuntu usanzwe ashobora kubabarira ibyaha Imana yonyine niyo ishobora kubabarira ibyaha?
- Ntibizeraga ko Yesu yari Imana mu mubiri kandi ko Yesu na Se arumwe, kandi ko yari afite ubushobozi bwo gukiza abantu ibyaha.
- Yesu yarazi ibyo batekerezaga kuberako Imana, Yesu yakijije amaguru y'icyo kimuga anamutegeka kwikorera uburiri bwe agataha mu rugo ;

- Abantu bose babonye icyo gitangaza baha Imana icyubahiro, abantu benshi batangira kwizera ko Yesu ariwe mukiza wukuri waseranywe.

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>.
Mariko 2 ;7(igice cya nyuma)

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. kubera iki abantu bakurikiraga Yesu ahantu hose?	Bamwe bashakaga Ze, abandi bashakaga gukira, abandi bizeraga ko azababera inyigisho umwami abandi bashaka kumwu mva cyangwa cyangwa kumubona akora igikorwa kibi
2. Ni hehe Yesu yabwirizaga igbihe Abagabo bane bamuzaniraga Inshuti yabo?	Mu nzu
3. Ni kuki bamuzaniye Yesu?	Bari bafite ikizere ko Yesu aramukiza
4. N'iki Yesu yabanje kubwira uwo Mugabo	<<Mwana wanjye ibyaha byawe urabibabariwe>>
5. Ninde wenyine ushobora kubabarira Ibyaha?	Imana
6. Yesu n'Imana	Yego, niyo kandi yabigaragarije aba ntu mugukiza ibirenge by'ikirema

ISOMO RYA 31
Mugomba kuvuka bundi bushya

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Abantu benshi bizera ko bashobora gushimisha Imana mu gukora<< imirimo myiza>>. Ibi si ukuri abantu bose bavutse ari abanyabyaha bagomba guhanirwa ibyaha byabo. Kujya kurusengero tugakora ibikorwa bigaragara neza ntibyatuma twemerwa imbere y'Imana kugira ibyiringiro muri Yesu nibyo bidusobanurira imbere y'Imana.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Yohana 3: 1 – 8 1 Samweli 16: 7

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Muribuka ko twavuze kuby'iminsi mikuru yacu y'amavuko mu isomo rya 26. muziko bishobora kugira iminsi mikuri ibiri y'amavuko ?
- Mwumve iyi nkuru muzamenya ;
- Umunsi umwe, umugabo ahamagara Nikodemu wari usanze Yesu mu ijoro
- Uwo mugabo w'ingirakamaro muri Israeli yari umuyuda akaba n'umufarisayo ;
- Ibi bisobanura ko yari urubyaro rw'Aburahamu akana n'umwanditsi
- Nikodemu yari yarageregeje kugenzura amategeko yose Imana yari yarahaye Mose ;
- Yari yarahaye abantu andi mategeko mashya ;
- Yarafite akamenyero ko kuvuga(kwondora)isengesho igihe kirekire mu ijwi rirerire murusengero, agatanga icyacumi cy'ibyo afite byose kandi akabikora igihe cyose,
- Yarafite nanone akamenyero ko kwiyiriza kugirango ashimishe Imana ;
- Yambaraga imyenda iberanye n'iyurusengero n'abantu bose bizeraga ko k oari ingirakamaro n'igitangaza ku Mana;
- Nikodemu yari yemeraga ubwe kandi akizera Imana nayo imwemera;
- Imana yakundaga Nikodemu kandi yari izi ibye byose;
- Imana izi ibyacu byose kandi iradukunda cyane;
- Yesu ……. Nikodemu ko n'ubwo afite imirimo<<myiza>> nyuma yayo ko Imana itamwemera nk'umwana wayo;
- Nikodemu yatangajwe nibyo kandi byari bimuhagaritse umutima
- Yesu abwira Nikodemu ko uburyo bwiza bwo kuba umwana w'Imana ari "ukuvuka ubwakabiri"
- Nikodemu ntabwo yumvise ukuntu ashobora kwinjira munda yanyina akongera akavuka ubundi bushya kandi yaramaze gukura?icyo ntabwo cyari igisobanuro cy'ubutumwa bwa Yesu.
- Yesu asobanurako abantu bose harimo na Nikodemu bavutse batandukanyijwe n'Imana bitewe n'impamvu yo kutubaha.
- Ishyanga ryose wari umuryango wa Satani ntamuntu washoboraga kwicungura ubwe kubwigihano, akora imirimo myiza kugirango ashimishe Imana;

- Imana yonyine niyo ishobora kuducungura mugihano cy'icyaha.
- Ni mukwizera Yesu gusa dushobora kuvuka bundi bushya mumuryango w'Imana no kuzabana nawe umunsi umwe ubuziraherezo.
- Umwuka wacu"uba wavutse bushya" uva mumuryango wa Satani ujya mumuryango w'Imana.
- Ni murubwo buryo habaho iminsi ibiri (y'amavuka)mikuru.Ubwa mbere iyo twabyawe n'ababyeyi,ubwwakabiri iyo duhisemo kwizera Yesu arinabyo biduha uburenganzira bwo kuba abana b'Imana.
- Umaze kugira iminsi mikuru y'amavuka ingahe

ISOMO RYA 32

GIHENOMU CYANGWA IJURU?

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Bibiliya itubwiraneza ko nyuma y'urupfu hazaza urubanza tukazajyanwa mu ijuru cyangwa muri gehonomu. Niba twarizeye Yesu cyangwa tutaramwizeye. Iki nicyo gihe cyo gufata umwanzuro wawe wo kwizera Yesu, bizaba byararenze igihe nyuma y'urupfu.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Matayo 10:28
Luka 23:39-43
Yohana 14:1-3
1Abakorinto 2:9
2Abakorinto 5:1-8
Luka 16:19-31
Yohana 3:36
Abaroma 5:12
1Abakorinto 15:35-58
Ibyahishuwe 21:1-8
Abaheburayo 9: 27 - 28

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Bibiliya itubwira ko mu ntangiriro Imana yaremye isi iboneye
- Nta burwayi, na muruho cyangwa urupfu, ibiremwa byose byari byiza
- Imana yari yaremye Adamu na Eva kugirango babe muri iyosi iboneye barikuzayibamo ubuziraherezo bari kumwe n'Imana ;
- Imana yarabakundaga ikababuza kuyubahuka bica amategeko yayo ;
- Ingaruka zo kutubaha Imana yari gutandukana nayo, urupfu, rw'umubiri, no gutandukana burundu bajya mu nyanja y'umuriro
- Adamu na Eva bahisemo kumva ibinyoma bya Satani no kutubaha Imana,
- Nta muntu ushobora kuba ubuziraherezo kuri iyisi kubera abakurambere bacu Adamu na Eva ;
- Twavutse turi abanyabyaha n'imibiri yacu izapfa.
- Ariko bibiliya itubwirako imibiri yacu ari amahema cyangwa inzu kubera icyo<< turicyo>> n'imyuka
- Umwuka ntushobora kuba kuri iyi si nta mubiri
- Iyo imibiri yacu ipfuye (ipfuye muburyo bw'umubiri) imyuka yacu ikomeza kubaho ubuziraherezo;
- Hari imyanya 2 gusa dushobora kujyamo nyuma y'urupfu
- Imyuka y'abizeye Yesu ko Yesu yaje gupfa kugirango ahindure igihano cy'ibyaha byabobazajye kubana n'Imana iteka ryose aho azabaha imiri mishya idashobora gupfa.

- Imyuka y'abatizera Yesu izatandukanywa n'Imana iteka ryose ijyanwe mu nyanja y'umuriro.
- Ubwo Yesu yabaga kuriyi isi yakijije abarwayi bose bazaga bamusanga kandi yanazuye abapfuye.
- Yesu yakoraga gutyo kugirango yereke abantu ko ari Imana, kandi ko Imana ari nkuru kuruta Satani, uburwayi n'urupfu.
- Twese tuzapfa umunsi umwe kubera uburwayi impanuka,gusaza.
- Ariko niba byukuri mwizera Yesu, ntimugire ubwoba bwo gupfa, siryo herezo, ahubwo n'itangiriro ry'ubuzima!
- Bibiliya itubwira ko Imana yateguya ibintu byiza mu ijru, kubantu bizeye Yesu, ibintu tutigeze dutekereza, tutigeze tubona, cyangwa tutigeze tubona;
- N'ikihe cyizere cyiza abana b'Imana bafite igihe kizaza
- Hitamo Yesu uyu munsi igihe kitararenga

<u>Umurongo wo gufata mumutwe wigisha abanyeshuli nyuma y'isomo hakoreshejwe uburyo mvuramatsiko</u>

Yohana 11;25(igice cya nyuma)

<u>Ibibazo byisubiramo</u>

1. kuki abantu bose bapfa? Icyaha ni urupfu cyazanywe mu isi na Adamu,dukomoka kuri we tugomba gupfa
2. Imyuka yacu irapfa? Oya ibaho ubuziraherezo
3. N'iyihe myanya 2 ishobora Kubabwamo n'imyuka yacu? Ijuru cyangwa Gihenomu
4. N'iyihe myuka izaba muri gihenomu? Imyuka y'abatizera Yesu
5. Abizera bakagombye kugira Ubwoba bwo gupfa? Oya kuberako Imana yabateguriye umwanya mwiza Mu ijuru

ISOMO RYA 36

YESU ATWIGISHA UBURYO BWO GUSENGA

Ibyo mwalimu agomba kuzirikana: Isengesho n'igice cy'ingenzi mubuzima bw'umwana w'Imana.Mugomba guhatira abanyeshuri kugira igihe cy'umwihariko wo gushaka Imana buri munsi.Kandi bagakomeza bagakomeza kuvugana n'Imana buri munsi baba bakora cyangwa se bakina.

Imirongo y'ibyanditswe mwalimu yiga mbere yo gutanga isomo

Imigani 15:29	Matayo 6:1-15
Luka 11:1-13	Luka 18:1-14
Abefeso 6:18	Abafilipi 4:4-7
1 Abatesalonike 5:16-18	1Timoteyo 2:1-4

Ibibazo byo gusubiramo by'isomo rya banje hamwe n'abanyeshuli

Kwigisha banyeshuli iki gice

- Mugihe Yesu yabaga hano ku isi yigishije abigishwa be ibintu byinshi.
- Yabikoreye kugirango abemerere kwigisha abandi.
- Ikintu kimwe mubyo yabigishije ni ugusenga.
- Niba mwizera Yesu ,Imana ni so wo mw'ijuru.
- Ashaka kubabwira kandi yifuza ko mumubwira by'ukuri nkuko mubwira imiryango yanyu cyangwa inshuti zanyu buri munsi.
- Atubwira iyo dusoma Bibiliya ndetse no mUmwuka were ubu mumitima yacu.
- Tuvugana n'Imana mwisengesho.
- Mushobora kubwira Imana ibyo mushaka byose. Muyibwire ko musha inshuti.Muyibwire mugihe mufite ibibazo murugo cyangwa se ku ishuri.Muyisabe kugira indwara igihe murwaye.
- Mushobora gusenga Imana igihe cyose, kumanwa cyangwa nijoron'aho ariho hose.
- Mushobora kwicara, guhagarara, gupfukama, kurambarara kubutaka ntakibazo ku Imana.
- Imana ntisubiza amasengesho yacu buri gihe uko tubyifuza;
- Igihe kimwe "yego" ikindi gihe "oya"ubundi "tegereza".